2025
Mata – Kamena
Vol. 101, No. 2

IBYIGISHO BYA BIBILIYA MU ISHURI RYO KU ISABATO BY'ABAKUZE



UMUGABANE WA 2

# Ubutumwa Bwiza uko Bwanditswe na Yohana

Umwungeri Mwiza ayobora umukumbi awitayeho kandi akawurindana urukundo.

# Ibirimo

ISHURI RYO KU ISABATO

1. Yesu, Umutsima w'Ubugingo....5
2. Ingorane z'i Galilaya....10
3. Yesu mu Minsi Mikuru y'Ingando....15
4. Yemwe, nta Muntu n'umwe uvuga nka We....20
5. "Nanjye Singuciriyeho Iteka"....26
6. Yesu, Umucyo w'Isi....31
7. Mbese Umucyo waranzwe, cyangwa waratumuriki ye?....36
8. Yesu na Aburahamu....41
9. Yesu n'Impumyi....47
10. Guhangana n'Ubuhumyi bw'Iby'umwuka....52
11. Yesu, Umwungeri Mwiza....57
12. Yesu na Lazaro....62
13. Kuzuka n'Ubugingo....67

**Ibyigisho bya Bibiliya mu Ishuri ryo ku Isabato**, Ni porogarame y' ibyigisho bya buri munsi.

**Ibi byigisho by' ishuri ryo ku Isabato** bishingiye kuri Bibiliya n' umwuka w' ubuhanuzi gusa. Kwiga byimbitse muri iki gihe bigomba gushishikariza buri wese witegura kugaruka k' Umukiza wacu Yesu.

**"IBYIGISHO BYA BIBILIYA MU ISHURI RYO KU ISABATO"**

Bitegurwa n'inteko y'ubuyobozi bukuru bw'itorero ry'Abadivantisite b'Umunsi wa 7 Bavugurura

**GENERAL CONFERENCE**
5240. Hollins Road
Roanoke - Virginia 24019-5048 USA

**Amashusho**: Advent Digital Media ku rupappuro rw'imbere, ikarita kuri p.4, 30, 72, Good Salt kuri p.51, 72

# Ijambo ry'Ibanze

Inyandiko y'Ubutumwa bwiza uko bwanditswe na Yohana yanditswe nyuma y'ubundi butumwa bwiza butatu (bwiswe ubutumwa bwiza mu buryo bw'incamake), ariko bikiri mu kinyejana cya mbere. Mu kinyejana cya 19, abanenga Bibiliya bagerageje guhakana ko butanditswe mbere y'umwaka wa 150 Nyuma ya Yesu, bityo bagerageza gushidikanya ku by'uko intumwa Yohana ariwe wabwanditse. Na none kandi abanenga Bibiliya bavuze ko ubutumwa bwiza uko bwanditswe na Yohana bugaragaza ubucurabwenge bw'Abagunositiki, bityo bukaba butagomba kuba bwaranditswe mbere yuko Ubugunositiki buhinduka ikintu gikomeye cyashyiraga ukwizera mu kaga (Ubugunositiki bwari uburyo bw'ubucurabwenge ndetse n'iyobokamana, bwakoreshwaga n'abo mu bihe bya mbere bavugaga ko ubumenyi aribwo rufunguzo rwo kubona agakiza, aho kuba ukwizera). Icyo kirego cy'ikinyoma kimaze igihe kirekire cyarataye agaciro.

Ibinyuranye n'ibyo, hari ibindi bihamya byinshi bigaragaza ko ubutumwa bwiza bwa kane bwabayeho kandi ko abantu babufataga nk'ikintu cy'agaciro kenshi mbere y'umwaka wa 115 Nyuma ya Kristo. Kimwe muri ibyo bihamya cyaje kugaragara igihe havumburwaga agace gato k'inyandiko zanditse ku mfunzo kariho imirongo mike yo muri Yohana (igice cya 18, umurongo wa 31-33, 37,38) zizwi nka 'Imfunzo za Rilandi' kandi muri rusange zikaba zarashyizwe ku mwanya wa P52, zikaba zaranditswe mu nyandiko za kera mbere ya 125 Nyuma ya Kristo. Icyo gice cyavumbuwe muri Egiputa mu ntangiriro z'ikinyejana cya kabiri, gifatwa nk'ikimenyetso gifatika kigaragaza ko ubutumwa bwiza bwa kane bwakwirakwijwe cyane mu kinyejana cya mbere. Intiti izwi cyane mu by'Isezerano Rishya, Adolph Deissmann, arahamya ati:

"Ibitekerezo byinshi byatanzwe ku birebana n'inkomoko ya nyuma y'ubutumwa bwiza bwanditswe na Yohana, bizahita byuma nk'ibimera byo mu nzu. Dufite ku mpapuro z'urufunzo za Rilandi igihamya gifatika cy'uko ubutumwa bwiza bwanditswe na Yohana butari buriho gusa mu gice cy'ikinyejana cya kabiri, ahubwo ko n'amakopi yabwo yari yarageze muri Egiputa. Kubw'ibyo rero, inkomoko y'ubutumwa bwiza uko bwanditswe na Yohana igomba gusubizwa mu bihe bya kera cyane." — *Deutsche Allgemeine Zeitung*, Dec. 3, 1935.

Ntabwo inyandiko ya Yohana yagize intego yihariye mu Bakristo bo mu itorero rya mbere gusa, ahubwo yanatumye abayoboke ba Kristo bo mu bihe byose babona ubuyobozi, ubufasha no guterwa umwete byo mu buryo bw'umwuka; mu bihe bitandukanye uhereye kera kose.

Uwiteka "adufitiye umucyo mushya, nyamara ni umucyo wa kera w'igiciro cyinshi umurika uva mu Ijambo ry'ukuri. Dufite gusa ibishashi by'imirasire y'umucyo uzatumurikira mu gihe kizaza. Ntabwo dukoresha mu buryo bukwiriye umucyo uhebuje Uwiteka yaduhaye, bigatuma tudahabwa undi mucyo mwinshi; ntitugendera mu mucyo waturasiye.

"Twiyita abantu bakomeza amategeko, ariko ntabwo dusobanukiwe ubugari bw'ikirenga bw'amahame ari mu mategeko y'Imana; ntabwo dusobanukiwe na kamere yo kwera kwayo. Benshi bavuga ko ari abigisha b'ukuri, ntibasobanukiwe n'ibyo bakora mu kwigisha amategeko y'Imana, kuko badafite ubumenyi buzima bw'Umwami Yesu Kristo." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe,* vol 1, p.401,402.

Turifuza ko gukomeza kwiga ubu butumwa bwiza byadufasha kurushaho kumenya Yesu neza!

*Icyiciro cy'Ishuri ryo ku Isabato mu Nteko Nkuru Rusange*

# Amaturo y'Isabato ya Mbere

Ku isabato 5 Mata 2025

**Azafasha kongera kubaka urusengero rw'i Porokorovuka, mu Burusiya**






U Burusiya nicyo gihugu kinini ku isi, gifite ubuso bw'ibirometero 17,125,191 by'umurambararo (17,125,191$Km^2$); kikagira abaturage bagera kuri 147,000,000. Abantu bo mu bihugu bisaga 180 batuye muri icyo gihugu kinini, kandi mu byo bivugira, bahamya ko bafite imyizerere inyuranye. Abenshi ni abo mu idini rya Orutodokisi y'Abarusiya (41.1%), rigakurikirwa n'andi madini ya Gikristo (6.3%), Isilamu (6.5%), Abanewopagani n'Abatengirisiti (1.2%), aba Buda (1.2%), abatagira imyizerere ishyirwa mu bikorwa (25.2%), Abahakanamana (13%) n'abasigaye bavuga ko batagira idini.

Kuva Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi Bavugurura batangiye, ubutumwa bwiza bw'iteka ryose bwateye imbere hano mu bihe bigoye cyane. Abizera benshi bagombaga guhura n'akarengane gakaze; kandi bamwe bahamije Umukiza wababambwe akazuka, kabone nubwo byasaba gutanga ubugingo bwabo.

Mu mpera z'imyaka ya 1990, umuvugabutumwa hamwe n'umugore we bimukiye mu karere ko hagati mu Burusiya kugirango bakore umurimo w'ibwirizabutumwa. Amasengesho yabo hamwe n'imihati yabo byatumye habaho itsinda ry'abizera. Ariko ntibari bafite ahantu ho guteranira no gusengera. Amaherezo, mu mwaka wa 2006 babonye inzu nto mu kibanza cyari mu mujyi wa Porokorovuka, mu karere ka Porokorovisiki, mu ntara ya Beligorodi. Aho hantu hakorerwa ubuhinzi bw'ibinyampeke, beterave, ibihwagari, ndetse n'imbuto ku nkombe z'uruzi rwa Siyoli; mu majyepfo y'iburasirazuba bw'umujyi wa Kurisiki, iwabo w'ibyuma byinshi.

Twabonye neza ko Imana ariyo yari idufashije igihe yadukuriragaho inzitizi nyinshi mu buryo bw'igitangaza, kandi igaha umugisha umushinga wo kugura iyo nzu. Umurimo wakomeje kwaguka muri ako karere, kandi bidatinze iyo nzu yabaye nto cyane kuburyo itashoboraga gukwirwamo abantu bose basengaga Imana. Mu myaka mike ishize, twahawe uruhushya n'abayobozi, maze dutangira kubaka urusengero. Bene data batanze impano kandi bakorana umwete; ariko kugirango turangize uwo mushinga, dukeneye ubufasha butanganywe ubuntu n'abantu bo ku isi yose bakunda Uwiteka. Irangizwa ry'uyu mushinga rizatanga amahirwe yo kurushaho guteza imbere umurimo w'ivugabutumwa mu turere duturanye, nk'umurasire w'umucyo ukwirakwiza ubutumwa buheruka bw'agakiza. Uwiteka ahe umugisha umuntu wese ufite umutima witeguye gufasha kugirango ukuri kw'iki gihe kugere ku ntego muri iki gice cyo ku isi.

*Bene so bo mu Itorero rya Porokorovuka na Iniyo y'Uburusiya*

Ku Isabato, 5 Mata 2025

**Icyigisho 1**

# Yesu, Umutsima w'Ubugingo

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Yesu arababwira ati "Ni jye mutsima w'ubugingo, uza aho ndi ntazasonza na hato, n'unyizera ntabwo azagira inyota na hato." (Yohana 6:35).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha* p.18 – 21.

"Turya umubiri wa Kristo.... iyo kubwo kwizera tumugundiriye nk'Umukiza wacu." – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*, vol 5, p.1135.

## 1. ISHYAKA RIDAKEBAKEBA

Kuwa Mbere 30 Werurwe

a. Nyuma y'igitangaza cyo gutubura imitsima, ni iki cyigaruriye imitima y'abantu benshi? Yohana 6:14. Ni igiki bari bashishikariye gukora? Yohana 6:15 (ahabanza).

---

---

"Uwo munsi wose watumye icyizere bari bafite gikomera. Icyo gikorwa gitangaje cyabahamirije ko Umucunguzi wategerejwe igihe kirekire noneho ari kumwe na bo. Ibyiringiro by'abo bantu byakomeje kwiyongera ndetse biba byinshi. Bati uyu ni we uzatuma i Yudaya hamera nka paradizo ku isi, agatuma igihugu gitemba amata n'ubuki. Uyu ni we ushobora guhaza buri cyifuzo cyose. Ni we ushobora kuvanaho ubutegetsi bw'Abaroma twanga. Ni we ushobora gucungura Yuda na Yerusalemu. Uyu ashobora gukiza abasirikare bakomerekeye ku rugamba. Ashobora kugaburira ibyokurya ingabo nyinshi. Ashobora kunesha amahanga, maze agaha Isirayeli intsinzi no kuganza.

"Muri ibyo byishimo byinshi abantu bari biteguye kumwimika ngo abe Umwami. Ariko babonye ko adashishikajwe no kwishakira icyubahiro no kwireherezaho abantu. Babonye ko atandukanye n'abatambyi ndetse n'abategetsi, maze batinya ko atazigera yihutisha kwicara ku ntebe ya Dawidi. Babigiyemo inama, maze biyemeza kumutwara ku ngufu ngo bamwimike maze batangaze ko abaye Umwami wa Isirayeli. Abigishwa bifatanije n'abantu kugira ngo Shebuja yimikwe ku ntebe ya Dawidi. Batekereje ko kwiyoroshya kwa Kristo ari ko gutuma yanga kwemera icyo cyubahiro. Baravuze bati muze twamamaze Umucunguzi wacu. Mureke twemeze aba batambyi n'abakuru b'abirasi na bo bahe icyubahiro uje afite ubutware bw'Imana." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.377,378.

## 2. GUTURISHA ISHYAKA RIYOBYA

Kuwa Kabiri
31 Werurwe

a. **Ni iki Yesu yakoze kugirango abuze imbaga y'abantu hamwe n'abigishwa be gusohoza imigambi yabo yo kumwicaza ku ntebe y'ubwami bw'isi? Yohana 6:15.**

"[Abigishwa ndetse n'imbaga y'abantu] Bagaragaje ubwuzu bwinshi mu gushaka kugera ku mugambi wabo; ariko Yesu yabonye ibyo barimo, kandi yari abisobanukiwe kurusha uko babizi, ku buryo yabonaga neza ingaruka z'ibyo bikorwa byabo. Nyamara n'icyo gihe abatambyi n'abakuru bari bagishaka kumwambura ubugingo. Bamuregaga kubatwara abayoboke. Iyo baza kumwimika byari gukurikirwa n'imyivumbagatanyo, maze bigatuma umurimo mu by'umwuka ugira inzitizi. Bidatinze rero ibyo barimo byagombaga guhagarara. Yesu yahamagaye abigishwa Be, abategeka ko bafata ubwato bagahita basubira i Kaperinawumu, hanyuma na we agasigara asezerera abantu.

"Byari bibaye ubwa mbere bisa n'aho biruhije kubahiriza amabwiriza ya Yesu. Abigishwa bari bamaze kwiringira ko icyo kivunge cy'abantu kizabafasha kwimika Yesu; ku buryo batashoboraga kumva uburyo ibyo byose byahinduka impfabusa. Abantu benshi bari baje kwizihiza Pasika bari bafite amatsiko yo kubona uwo muhanuzi mushya. Abayoboke ba Yesu bo babonaga ko uwo wari umugisha wo kwimika ku ngoma ya Isirayeli Umwigisha wabo bakundaga. Muri icyo gihe bari bafite ubwuzu bwo gusohoza umugambi wabo, byari bibakomereye kugenda bonyine, maze bagasiga Yesu muri icyo kidaturwa. Banze kwemera ibyo ababwiye; ariko Yesu noneho yavuganye ububasha atari akunze gukoresha. Bamenye neza ko badashobora gukomeza kwanga, maze basubirayo bacecetse bajya ku nyanja." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.378.

b. **Mbese ni iki imbaga y'abantu yakoze ku munsi wakurikiye igitangaza? Yohana 6:22 – 25.**

"Igitangaza cyo gutubura imitsima cyamenyekanye hafi na kure, hanyuma bukeye mu gitondo kare abantu benshi baza i Betesida kureba Yesu. Baje ari benshi cyane, bamwe banyuze mu bwato, abandi mu nzira y'ubutaka. N'abari batandukanye na we ku mugoroba baragarutse, bibwira ko basanga agihari; kuko nta bwato bwari buhari yashoboraga gukoresha ngo yambuke. Ariko baramushatse ntibamubona, ndetse benshi bajya i Kaperinawumu, bakomeza kumushakisha.

"Hagati aho, yari yageze i Genezareti, hanyuma y'umunsi umwe batamubona. Bamaze kumenya ko yahageze, "birukanka impande zose muri icyo gihugu cyose, batangira guheka abarwayi mu ngobyi babazererana aho bamwumvise." Mariko 6:55." – *Ibid*., p.383,384.

## 3. INTEGO NZIZA, UBUFASHA BW'IMANA

Kuwa Gatatu
1 Mata

**a. Ni ubuhe butumwa bweruye ariko bw'ingirakamaro Yesu yahaye imbaga y'abantu? Yohana 6:26,27.**

"Yesu ntabwo yabamaze amatsiko. Yababwiye ababaye ati, "Ndababwira yuko ibimenyetso mwabonye atari byo bituma munshaka, ahubwo ni ya mitsima mwariye mugahaga." Ntabwo bamushakaga kuko bari bafite impamvu nziza; ahubwo bari bamaze kugaburirwa imitsima, bityo biringiraga ko kumuba hafi bizatuma bakomeza kumuvanaho inyungu mu by'umubiri. Umukiza yarababwiye ati, "Ntimukorere ibyokurya bishira, ahubwo mukorere ibyokurya bigumaho kugeza ku bugingo buhoraho." Ntimukishakire gusa inyungu mu by'umubiri. Ntimugashyire imbere kwishakira iby'ubu buzima, ahubwo mushake iby'umwuka, kandi mwishakire ubwenge buzahoraho iteka ryose. – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.384.

**b. Ni ikihe kibazo Abayuda babajije Yesu cyerekeye imirimo y'Imana? Yohana 6:28. Sobanura igisubizo Umwami Yesu yatanze. Yohana 6:29.**

"Abumvaga Yesu bamaze akanya bafite amatsiko yo kumva amagambo ababwira. Barabajije bati, "Tugire dute ngo dukore imirimo y'Imana?" Bari barakoze imirimo myinshi kandi iruhije kugira ngo bemerwe n'Imana; kandi bari biteguye kumva ubundi buryo bushya bw'imikorere yatuma bagira icyizere kirushijeho kwemerwa. Ikibazo cyabo cyashakaga kuvuga ngo, Ni iki dukwiriye gukora kugira ngo tubone ijuru? Ni ikihe kiguzi dusabwa gutanga kugira ngo tubone ubugingo bw'ahazaza?

"Yesu arabasubiza ati, 'Umurimo w'Imana nguyu: ni uko mwizera uwo yatumye.' Ikiguzi cy'ijuru ni Yesu. Inzira igeza abantu mu ijuru ni inyura mu kwizera "Umwana w'Intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi." Yohana 1:29." – *Ibid.*, p.385.

"Kwihana ni ukureka inarijye ukagarukira Kristo; kandi igihe twakiriye Kristo kugira ngo ku bwo kwizera ashobore kuba muri twe, ni bwo twakora imirimo myiza." – *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha*, p.87.

"Uwiteka afashe ubwoko Bwe gusobanukirwa ko hari umurimo ukomeye ugomba gukorwa.... Mu rugo, mu itorero, no mu isi; bagomba gukora imirimo ya Kristo. Ntabwo batereranywe kugirango bakore bonyine. Abamarayika nibo bafasha babo. Kandi rero na Kristo ni umufasha wabo." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 8, p.18.

## 4. UMUTSIMA WO MU IJURU

Kuwa Kane
2 Mata

a. **Ni ikihe kimenyetso Abayuda bashakaga, kandi ni iyihe ngingo yo mu mateka bavuze? Yohana 6:30,31. Ni iki Yesu yavuze ku byerekeye umutsima waturutse mu ijuru? Yohana 6:32,33.**

---

---

"Abayuda bahaga icyubahiro Mose nk'uwatanze manu, bakaba ari we basingiza, bakibagirwa Uwo ibyo bikorwa byose byakomokagaho. Ba sekuruza bitotombeye Mose, ndetse bashidikanya ku murimo we nk'uwakoreraga Imana. Ni muri ubwo buryo n'abuzukuru babo banze Uwabazaniye ubutumwa buvuye ku Mana. "Hanyuma Yesu arababwira ati, Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko Mose atari we wabahaye umutsima uvuye mu ijuru." Uwatanze manu yari ahagaze muri bo. Ni Kristo ubwe wayoboye Abisirayeli mu butayu, akanabagaburira buri munsi umutsima uvuye mu ijuru. Ibyo byokurya byacureraga umutsima nyakuri uturutse mu ijuru. Umwuka mutangabugingo, uturuka ku Mana ihoraho ubwayo, ni we manu y'ukuri." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.385,386.

b. **Kubera ko ubwenge bwabo bwari buhugiye gusa ku mutsima usanzwe, w'umubiri, mbese ni iki basabye kandi ni iki Umwami Yesu yabasobanuriye? Yohana 6:34 – 36.**

---

---

"Imvugoshushusho Kristo yakoresheje yari imenyerewe mu Bayuda. Mose, ayobowe n'Umwuka Wera, yari yarababwiye ati, "Umuntu ntatungwa n'umutsima gusa, ahubwo atungwa n'amagambo yose ava mu kanwa k'Uwiteka." Kandi umuhanuzi Yeremiya na we yaranditse ati, "Amagambo yawe amaze kuboneka ndayarya, maze ambera umunezero n'ibyishimo byo mu mutima wanjye." Gutegeka kwa kabiri 8:3; Yeremiya 15:16. Abigishamategeko na bo ubwabo bari bafite imvugo igira iti, kurya umutsima, bisobanura mu buryo bw'umwuka, kwiga amategeko no gukora ibikorwa byiza; kandi bavugaga ko Mesiya naza Isirayeli yose izagaburirwa. Inyigisho z'abahanuzi zahamyaga neza icyigisho cyerekeranye n'igitangaza cyo gutubura imitsima. Iki cyigisho Yesu yashakaga kugisobanurira abari bamuteze amatwi mu rusengero. Iyo baza kumenya Ibyanditswe, bari gusobanukirwa n'amagambo Ye ubwo yavugaga ati, "Ni jye mutsima w'ubugingo." Umunsi umwe mbere y'aho, abantu benshi bari bashonje kandi bananiwe, bari bahagijwe n'umutsima yabahaye. Nk'uko muri uwo mutsima bahavanye imbaraga z'umubiri no kugarura intege, niko no muri Kristo bagombaga kuhabonera imbaraga z'iby'umwuka zibahesha ubugingo buhoraho." – *Ibid.*, p.386.

## 5. UMUZUKO N'UBUGINGO BUHORAHO

Kuwa Gatanu
3 Mata

a. Ni ayahe masezerano abiri afitanye isano ya bugufi ahabwa abifatanya na Kristo, kandi ni gute ibyo bizanira ibyiringiro buri munyabyaha wese? Yohana 6:37 – 40.

---

---

"Abantu bose bamwakiriye bafite ukwizera, [Yesu] yavuze yuko bazabona ubugingo buhoraho. Nta n'umwe washoboraga kuzimira." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.387.

"Ntukumvire ibyongorerero by'umwanzi bikubwira kuguma kure ya Kristo kugeza igihe uzaba umaze kwigira mwiza; kugeza ubwo uzaba uri mwiza bihagije kugira ngo usange Imana. Nutegereza kugeza icyo gihe, ntabwo uzigera uza rwose. Igihe Satani akweretse imyambaro yawe y'ubushwambagara bwuzuye ibizinga, subiramo isezerano ry'Umukiza rivuga riti: "Uwo Data yampaye wese aza aho ndi, kandi uza aho ndi sinzamwirukana na hato." Yohana 6:37. Bwira umwanzi ko amaraso ya Yesu Kristo yeza ibyaha byose. Isengesho Dawidi yasenze rigire iryawe uti: "Unyejeshe ezobu, ndera: unyuhagire, ndaba umweru ndushe urubura." Zaburi 51:9.

"Haguruka, usange So. Azagusanganira ukiri kure cyane. Nibura nutera intambwe imwe umusanga ugaragaza ko wihannye, azihutira kuguhobera n'amaboko Ye y'urukundo rutagira akagero. Ugutwi Kwe gukinguriwe kumva gutaka kw'abafite imitima imenetse. Intambwe ya mbere ituma Imana igera ku mutima ni ukumenywa na Yo. Isengesho umuntu asenze; uko yaba ahangayitse kose, ukubogoza amarira kwe nubwo byaba ari mu ibanga, icyifuzo agize kimuvuye ku mutima cyo gukunda Imana; nubwo yaba ari umunyantege nke ate, Umwuka w'Imana ntabura kumwitaho. Ndetse burya na mbere yuko isengesho rivugwa cyangwa icyifuzo cy'umutima kimenyekana, ubuntu buturutse kuri Kristo buragenda bugahura n'ubuntu bukorera mu bugingo bw'umuntu." – *Imigani ya Kristo*, p.205,206.

b. Ni iki Abayuda batizera bitotombeye, kandi ni irihe sezerano Yesu yasubiriyemo abamwizeraga? Yohana 6:41 – 51.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
4 Mata

1. Nyuma y'igitangaza cyo gutubura imitsima, mbese ni iki abayoboke ba Kristo bateganyaga gukora?

2. Sobanura ikintu cy'ingenzi cyari gishishikaje imbaga y'abantu bari bakurikiye Yesu.

3. Sobanura amagambo ya Yesu aboneka muri Yohana 6:29.

4. Ni iyihe mfashanyigisho Kristo yakoresheje kugirango agaragaze isōko y'ubugingo bw'iby'umwuka?

5. Ni gute abayobozi b'Abayuda bagaragaje urwikekwe bari bafitiye Kristo?

Ku Isabato, 12 Mata 2025

**Icyigisho 2**

# Ingorane z'i Galilaya

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Yesu arababwira ati "Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko nimutarya umubiri w'Umwana w'umuntu, ntimunywe n'amaraso ye, nta bugingo muba mufite muri mwe." (Yohana 6:53).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero,* vol 5, 573 – 580.

"Ukwizera kw'ingenzi gusa ni kwa kwizera kwemera kwakira no guhuza ukuri kugeza ubwo kuba igice kigize impagarike [y'umuntu] n'imbaraga imuzanira ubugingo kandi ikamutera gukora." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 5, p.576.

## 1. UBUZIMA MU MUBIRI NO MU MARASO BYA KRISTO

Kuwa Mbere 6 Mata

a. Mbese amagambo ya Kristo yagize izihe ngaruka ku bayobozi b'idini? Yohana 6:52. Ni iki yasobanuye ku byerekeranye n'umubiri We n'amaraso Ye? Yohana 6:53 – 55.

"Muri uwo mwanya abigisha bavuze barakaye bati, "Mbese uyu yabasha ate kuduha umubiri We ngo tuwurye?" Bari bumvise amagambo Ye mu buryo busanzwe nk'uko byagenze kuri Nikodemu ubwo yabazaga ati, "Mbese umuntu yabasha ate kubyarwa akuze?" Yohana 3:4. Mu buryo runaka bumvaga ubusobanuro bw'amagambo ya Yesu, ariko nta bushake bari bafite bwo kuyemera. Bagorekaga amagambo ababwiye, biringira ko bizatuma abantu bamwanga bakamuvaho." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.389.

b. Mbese kurya umubiri w'Umwana w'Imana no kunywa amaraso Ye, bisobanuye iki mu by'ukuri? Yohana 6:56,57; 1Yohana 3:24, 5:12.

"Kurya umubiri wa Kristo no kunywa amaraso Ye ni ukumwakira nk'Umukiza wacu, twiringiye ko atubabarira ibyaha, kandi ko twuzurira muri We. Ni kubwo guhanga amaso urukundo Rwe, tukarutekerezaho, kandi tukarunyweraho, nibwo dusangira na we kamere Ye. Uko ibyokurya bikenewe n'umubiri, niko ubugingo bwacu bukeneye Kristo." – *Ibid.*, p.389.

**a. Ni ubuhe busobanuro bw'inyongera Yesu yatanze kugirango asobanure neza amagambo Ye? Yohana 6:63.**

---

---

"Ibyokurya ntibishobora kutugirira akamaro, keretse tubiriye, maze bikaba igice kigize umubiri wacu. Na Kristo nta gaciro yaba afite muri twe, turamutse tutamuzi nk'Umukiza wacu bwite. Kumenya Kristo mu magambo ntacyo byatumarira. Tugomba kugaburirwa na We, tukamwakira mu mutima wacu, kugira ngo ubugingo Bwe bube ubwacu. Urukundo Rwe n'ubuntu Bwe bikwiriye gusobanuka neza....

"Ubugingo bwa Kristo aha abatuye isi buboneka mu ijambo Rye. Yesu yakijije abarwayi kandi yirukana abadayimoni akoresheje ijambo Rye; yaturishije inyanja kandi azura abapfuye akoresheje ijambo Rye; kandi abantu batanze ubuhamya ko ijambo Rye rifite imbaraga. Yababwiye ijambo ry'Imana, nk'uko yari yaravugiye mu bahanuzi bose ndetse n'abigisha bo mu Isezerano rya Kera. Bibiliya yose igaragaza Kristo, kandi Umukiza yifuzaga ko abayoboke Be bashingira kwizera kwabo ku ijambo. Mu gihe yari kuba atakiri kumwe na bo, ijambo ni ryo ryagombaga kuba isōko y'imbaraga kuri bo. Kimwe n'Umwami wabo, bagombaga kubeshwaho "n'amagambo yose ava mu kanwa k'Imana." Matayo 4:4.

"Nk'uko ubugingo bwacu mu by'umubiri bubeshwaho n'ibyo turya, niko n'ubugingo bwacu mu by'umwuka bubeshwaho n'ijambo ry'Imana. Buri muntu wese akwiriye gushaka ubugingo bukomoka mu ijambo ry'Imana we ku giti cye. Nk'uko dushaka ibyokurya kugira ngo tubeho, ni ko dukwiriye no gushaka ijambo ry'Imana twebwe ubwacu. Ntabwo dukwiriye kurihabwa gusa riturutse mu ntekerezo z'undi. Ahubwo dukwiriye kwiga Bibiliya twitonze, dusaba Imana ngo iduhe Umwuka Wera adufashe, kugira ngo dusobanukirwe n'ijambo Ryayo. Dukwiriye gufata umurongo umwe, tugashyira intekerezo zacu ku magambo ari muri uwo murongo, dushaka kumenya icyo Imana itubwira. Dukwiriye kwibanda kuri ayo magambo kugeza tuyagize ayacu, kandi tukamenya "uku niko Uwiteka avuga" – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.389,390.

**b. Ni gute umuhanuzi Yeremiya asobanura ubu bunararibonye? Yeremiya 15:16.**

---

---

"Nidufatira Imana ku ijambo Ryayo, tuzabona agakiza Kayo... Dukwiriye kwakira ijambo ry'Imana. Dukwiriye kurya ijambo, tukabeshwaho n'ijambo, niryo mubiri n'amaraso by'Umwana w'Imana. Dukwiriye kurya umubiri We kandi tukanywa n'amaraso Ye; maze kubwo kwizera tukakira imico Ye y'iby'umwuka." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 6, p.51,52.

## 3. INGORANE ZABAYE MU ITORERO RYARI RIKIRI RITO

Kuwa Gatatu
8 Mata

**a. Ni iyihe ngorane amagambo ya Kristo yateje mu bigishwa Be bwite – kandi ni gute ibyo ari umuburo kuri twe muri iki gihe? Yohana 6:60,61,65,66.**

---

"Ikigeragezo cyari gikomeye. Ubushyuhe abantu bari bafite bwo kumufata ngo bamugire umwami, bwari bumaze kugabanuka. Bavuze yuko amagambo Ye yo mu rusengero yafunguye amaso yabo. Barekeye aho kwibeshya. Mu mitima yabo, batekereje ko amagambo Ye abahamiriza ko atari Mesiya, kandi ko nta nyungu zo ku isi bazakura mu kwifatanya na We. Bari barashimishijwe n'imbaraga Ze zikora ibitangaza; ndetse bifuzaga gukizwa indwara no kubabara; ariko ntibashoboraga kwemeranya n'imibereho Ye yo kwitangira abandi. Ntabwo bari bitaye ku bwami buteye amatsiko bw'iby'umwuka yababwiraga. Ba bandi bamushakaga batabikuye ku mutima, bafite kwikanyiza, bari bageze aho batakimushaka. Niba ataremeraga gukoresha imbaraga Ze n'ububasha Bwe ngo ababohore ku ngoma y'Abaroma, babonaga ko ntacyo bahuriyeho.....

"Hakoreshejwe amagambo y'ukuri, umurama watandukanywaga n'ingano. Baribonaga ndetse bakibwira ko bafite gukiranuka ku buryo batashoboraga kwemera gucyahwa, kandi bakundaga iby'isi cyane ku buryo batari kwemera imibereho yo kwicisha bugufi. Ibyo byatumye batera umugongo Yesu. Benshi [muri iki gihe] baracyakora ibimeze bityo. Abantu b'iki gihe barageragezwa nk'uko byagendekeye abo bigishwa bari mu rusengero i Kaperinawumu. Iyo bumvise ukuri mu mitima yabo, babona neza ko imibereho yabo itagendana n'ubushake bw'Imana. Babona ko bakeneye guhinduka by'ukuri; ariko ntibemera gukora icyo gikorwa cyo kwiyanga. Bityo rero bagira uburakari iyo ibyaha byabo bishyizwe ahagaragara. Barivumbura bakagenda barakaye, nk'uko abigishwa bivumbuye kuri Yesu, bavuga bati, "Iryo jambo rirakomeye, ushobora kuryihanganira ni nde?" – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.391,392.

**b. Abo bigishwa bamaze kumusiga, mbese Kristo yabajije iki cumi na babiri? Yohana 6:67. Ni gute muri iki gihe dushobora gusubiramo igisubizo kirangwamo ubwenge cya Petero? Yohana 6:68,69.**

---

"Binyuze mu nkuru nziza n'inkuru mbi, binyuze mu mwijima, binyuze mu mivurungano yose y'abakozi ba Satani, Zuba ryo Gukiranuka amurika mu buryo butuje, ashakisha ikibi, akagwabiza icyaha, kandi agahembura umwuka w'abicisha bugufi n'abafite imitima imenetse. 'Databuja, twajya kuri nde, ko ari wowe ufite amagambo y'ubugingo buhoraho.' " – *Ibihamya ku Bagabura,* p.285.

## 4.KUVA MU KUBA ABIGISHWA BAKABA ABANZI BAMARAMAJE

Kuwa Kane
9 Mata

a. **Mbese ni iki muri rusange twavuga ku byerekeranye n'abantu batera umugongo Kristo? 1Yohana 2:19. Ni iyihe myifatire ibabaje yagizwe n'abigishwa batigeze basiga Kristo?**

---

"Ubwo abo bigishwa batigeze basiga Kristo bavaga aho Kristo ari, batangiye kugengwa n'umwuka wundi. Batangiye kubona nta cyiza gituruka kuri wa Wundi wabashimishaga ibihe byose. Batangiye kugendana n'abanzi Be, kuko bahamanyaga n'umwuka ndetse n'ibikorwa byabo. Basobanuraga amagambo Ye uko atari, bakagoreka ibyo yavuze, kandi bakarwanya imigambi Ye. Bakomeje muri iyo nzira yabo bashakashakisha ibintu byose bamurega; kandi urwango rwakujijwe n'ayo magambo mabi bamuvugagaho maze bituma ubuzima Bwe bujya mu kaga." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.392,393.

b. **Bigendekera bite abumva bafite imitima ya kamere? Abaroma 16:17,18.**

---

"Kuvugwa neza no gushimagizwa byari kubanezeza.... ariko ntibakire ukuri; ndetse ntibifuze no kukumva. Igihe abantu benshi bamukurikiraga, ubwo yabagaburiraga, humvikanye amajwi yo kunesha, maze batera hejuru bamusingiza; nyamara ubwo kurondora k'Umwuka w'Imana kwerekanaga ibyaha byabo, kandi bagasabwa kubireka, bateye ukuri umugongo, ntibongera kugendana na Yesu ukundi." – *Ibid*., p.392.

c. **Uretse abantu batereranye Yesu, ni abahe bandi babaye nyambere mu kwifatanya n'abanzi Be – kandi ni gute uku kuyoboka bitavuye ku mutima witanze utizigamye kwagaragajwe? Yohana 6:70,71.**

---

"Amagambo Kristo yavugiye mu rusengero asobanura iby'umutsima w'ubugingo ni yo yateye Yuda gufata icyerekezo gishya mu mateka ye.... Yabonye ko ubutunzi Kristo yatangaga bwari ubw'iby'umwuka aho kuba ubw'isi. Yabonye ko atarebye kure, maze yiyemeza ko Yesu nta cyubahiro yari afite, kandi ko nta myanya y'icyubahiro yari kuzaha abayoboke Be. Yiyemeje kutifatanya na Kristo maze atangira kumuvaho. Yahisemo gukomeza kurebera ibya Yesu kure. Yahisemo kwitarura.

"Guhera icyo gihe yakomeje kugaragaza gushidikanya kwateye urujijo abandi bigishwa. Yabibye intekerezo z'ubuhakanyi kandi ziyobya, maze agakunda gusubira mu magambo yo guhakanya Kristo yavugwaga n'abanditsi hamwe n'Abafarisayo. Igihe cyose habonekaga ingorane, ibirushya ndetse n'ibisitaza mu iterambere ry'ubutumwa bwiza, Yuda we yabisobanuraga nk'ibihamya bigaragaza ko ubutumwa butari ubwo kwiringirwa." – *Ibid.*, p.719.

## 5. GUTAHURA UMUGAMBANYI

Kuwa Gatanu
10 Mata

a. Sobanura ingeso zokamye Yuda. Yohana 12:4 – 6; Imigani 3:32.

"Hari igihe [Yuda] yazanaga amasomo yo mu Byanditswe atari afite aho ahuriye n'ibyo Kristo yabaga yigisha. Amasomo nk'ayo, yabaga atandukanijwe n'ubusobanuro bwayo, yatezaga abigishwa urujijo, maze agatuma bakomeza guhura no kujijinganya kwakundaga kubabonekaho. Nyamara ibi byose byakorwaga na Yuda asa n'ushaka kwerekana ko ari inyangamugayo." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.719.

b. Ni irihe sezerano rikunze kugaragarira mu bunararibonye bwacu mu by'idini, ndetse no mu bihe nk'ibi by'ingorane z'i Galilaya? Abaroma 8:28.

"Igihe Yesu yatangaga ukuri kwateye benshi mu bigishwa Be kumutera umugongo, yari azi neza ingaruka y'ayo magambo Ye; nyamara yari afite umugambi w'imbabazi yagombaga gusohoza. Yabonye ko mu bihe bikomeye buri wese mu bigishwa Be yari kugeragezwa bikomeye. Akababaro ka Getsemane, kugambanirwa Kwe no kubambwa, byose byari kubageragezeza bikomeye. Iyo ataza kubaha iryo gerageza mbere, benshi mu bakururwaga n'ibigaragara by'iyi si bari gukomeza kumukurikira. Nyamara mu gihe cyo gucirwaho iteka k'Umwami wabo muri cya cyumba cy'urubanza; igihe abenshi bamushagaraga nk'umwami batangiye kumutuka; ubwo benshi bateye hejuru bati "Nabambwe!" - ubwo abenshi batabonaga inyungu z'isi bari bizeye; ubwo nibwo ba bandi bishakiraga inyungu batangiye kumutera umugongo maze bituma abigishwa Be bagerwaho n'agahinda kiyongeraga ku mubabaro baterwaga no kutabona bimwe mu byo bibwiraga mu mitima yabo. Muri icyo gihe cy'umwijima, urugero rwatangwaga n'abamuvagaho rwashoboraga gutuma n'abandi benshi bigendera. Ariko Yesu yemeye ko urwo rucantege rubaho igihe yari akiri kumwe na bo, ubwo yari agishobora gukomeza kwizera kw'abayoboke Be nyakuri." – *Ibid.*, p.394.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
11 Mata

1. Ni gute tugomba 'kurya umubiri w'Umwana w'umuntu kandi tukananywa amaraso Ye'?
2. Mbese kureba kuri Yesu bishatse kuvuga iki?
3. Ni ukubera iki bamwe na bamwe basitajwe n'amagambo ya Kristo?
4. Ni iki bakoze nyuma yaho, kandi ni gute ibyo ari umuburo kuri twe?
5. Sobanura imimerere ya Yuda mu by'umwuka hanyuma y'ibi, n'ingaruka byagize.

Ku Isabato, 19 Mata 2025

**Icyigisho 3**

# Yesu mu Minsi Mikuru y'Ingando

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Batangazwa no kwigisha kwe, kuko ijambo rye ryari rifite ubushobozi." (Luka 4:32).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha,* p.31 – 35.

"Yesu yari azi icyo imitima yabo ikeneye. Ikuzo, ubukire ndetse n'icyubahiro ntibishobora kunyura umutima. "Umuntu nagira inyota, aze aho ndi". Abakire, abakene, abakomeye n'aboroheje, bose barahamagawe. Yasezeraniye abaremerewe kubaruhura imitwaro yabo, guhoza abashavuye no guha ibyiringiro abatentebutse." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.454.

## 1. IMIBEREHO YA YESU IMUHIRA

Kuwa Mbere 13 Mata

a. Ni ikihe kibazo gikomeye Yesu yahanganye nacyo iwabo mu rugo? Yohana 7:5.

---

---

"Akiri umwana muto, Yesu yari yaratangiye kwimenyereza imico Ye bwite akwiriye gukurikiza, kandi kubaha cyangwa gukunda ababyeyi Be ntibyabashaga kumuteshura ku kubaha Ijambo ry'Imana. "Handitswe Ngo" ni ryo ryari ishingiro ry'ibikorwa Bye binyuranye n'imigenzo yo mu muryango. Ariko imbaraga ihindura yaturukaga kuri abo bigisha [b'icyo gihe] yatumaga imibereho Ye irangwamo umubabaro. Ndetse no mu busore Bwe yagombaga kwiga icyigisho gikomeye cyo guceceka no kwihangana.

"Bene se, nk'uko abahungu ba Yosefu bitwaga, babaga ku ruhande rw'Abigishamategeko. Bakomezaga kuvuga ko amategeko y'imigenzo agomba kubahirizwa, nk'aho ari ibisabwa n'Imana. Ndetse babonaga ko amategeko y'abantu akomeye kurusha Ijambo ry'Imana, kandi barakazwaga cyane n'uburyo Yesu yashyiraga ku mugaragaro itandukaniro ry'ikinyoma n'ukuri. Uburyo yubahirizaga amategeko y'Imana atajenjetse babimuregaga ko ari agasuzuguro. Batangazwaga n'ubwenge agaragaza mu gusubiza abigishamategeko. Bari bazi ko atigeze yigishwa n'abanyabwenge bazwi, nyamara bagatangazwa n'uko ahubwo ari We ubigisha. Baje gusobanukirwa ko imyigire Ye yari isumbye kure iyabo. Ariko ntibashishoza ngo basobanukirwe ko afite ubwisanzure ku giti cy'ubugingo, inkomoko y'ubwenge bo batari basobanukiwe." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.86.

## 2. ABAHUNGU BA YOSEFU

Kuwa Kabiri
14 Mata

a. **Ni iki abavandimwe ba Kristo bamusabye gukora mbere y'iminsi mikuru y'ingando ngarukamwaka? Yohana 7:3,4.**

"Abavandimwe [ba Kristo] batekerezaga ko yakoraga nabi kubera kutiyegereza abakomeye ndetse n'abanyabwenge bo mu ishyanga. Biyumvishaga ko abo bantu bari mu kuri, kandi ko Yesu yakosaga kubera ko atemeranyaga na bo ntibahuze. Nyamara bari baritegereje imibereho Ye itagira ikizinga ndetse banyurwa n'ibikorwa Bye, ariko ntibababarirwaga mu bigishwa Be. Imitima yabo yanezezwaga n'uburyo yari amaze kwamamara hose muri Galilaya; bigatuma biringira yuko igihe kimwe azerekana imbaraga Ze maze bigatuma Abafarisayo bemera ko ari uwo yahamyaga ko ari we. Ese aho ntiyari Mesiya, Umwami wa Isirayeli! Bagiraga iki gitekerezo mu mitima yabo maze bikabatera umunezero ukomotse ku bwibone no kwikuza.

"Ibi nibyo byabateye kugira ubwuzu bwinshi, maze binginga Kristo ngo ajye mu birori i Yerusalemu. Baramubwiye bati, "Va hano ujye i Yudaya, kugira ngo abigishwa bawe barebe imirimo ukora, kuko ari nta muntu ushaka kumenyekana wakorera ikintu mu rwihisho. Kuko ukora iyo mirimo, ngaho genda wiyereke abari mu isi bose!" Iri jambo "Niba", rigaragaza gukekeranya no kutizera. Babonaga Yesu nk'umunyantege nke ndetse n'umunyabwoba. Niba yari azi ko ari Mesiya, kuki yatwara ibintu buhoro ndetse ntagire icyo akora. Niba kandi yari afite ubushobozi, kuki atajya i Yerusalemu, maze akavuga kandi agakora icyo ashatse? Kuki ibitangaza bamuvuzeho i Galilaya, atagenda ngo abikore n'i Yerusalemu? Basaga n'aho bamubwira bati, reka kwihisha mu giturage ngo wereke ibitangaza ukora aba baturage hamwe n'abarobyi batagira icyo bazi; ahubwo jya mu murwa mukuru, wigarurire Abatambyi ndetse n'Abatware, maze uhurize abantu hamwe mu gitekerezo cyo kwimika ubwami bushya." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.450.

b. **Sobanura ikibazo umugwaneza ahora ahura nacyo. Zaburi 86:14.**

"Abo bavandimwe ba Yesu bari bafite imitekerereze irangwa no kwikunda, ihora igaragarira mu mitima y'abakunda kwiyerekana. Uyu mutima bari bafite niwo uranga ab'isi. Bababajwe n'uko Yesu ataharaniye icyubahiro cy'ingoma y'isi, ahubwo agatangaza ko ariwe mutsima w'ubugingo. Bacitse intege cyane ubwo babonaga benshi mu bigishwa Be bamusiga bakigendera. Nabo ubwabo baramusize, banga kwemera icyo ibikorwa Bye byerekanaga — ko yari Uwatumwe n'Imana." – *Ibid.*, p.451.

## 3. KUJYA IMPAKA KURI YESU

Kuwa Gatatu
15 Mata

a. Ni ibihe bitekerezo bivuguruzanya byavuzwe kuri Yesu? Yohana 7:11,12.

---

---

"Inkuru yerekeye ibitangaza Yesu yakoraga uhereye i Yerusalemu, yari yarakwiriye hose aho Abayuda bari baratataniye; kandi nubwo yari amaze amezi menshi atajya mu minsi mikuru y'ingando, abantu bakomeje kugira amatsiko yo kumubona. Abantu benshi baturutse imihanda yose baza mu minsi mikuru y'ingando bizeye kuhamusanga. Iminsi mikuru ubwo yatangiraga, abantu benshi bakomeje kumubaririza. Abafarisayo n'Abatware baramutegereje, bagira ngo babonereho umwanya wo kumuciraho iteka. Bafite amatsiko menshi barabaza bati, "Mbese wa wundi ari he?" ariko nta n'umwe wari ubizi. Buri muntu wese yibazaga aho Yesu ari. Kubera gutinya abatambyi n'abanditsi, nta n'umwe watinyukaga kwemera ko ariwe Mesiya, nyamara bose bakomeje kubigira impaka bibaza uwo yaba ari we. Bamwe bavugaga ko yoherejwe n'Imana, naho abandi bakavuga ko ayobya abantu." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.451,452.

b. Ni mu buhe buryo Yesu yacecekesheje ibitekerezo bivuguruzanya abantu bafite kuri We? Yohana 7:14 – 18; Luka 4:32.

---

---

"Hagati muri iyo minsi mikuru, igihe abantu bibazaga byinshi kuri We, Yesu yinjiye mu gikari cy'urusengero rw'Imana ahari hateraniye abantu benshi cyane. Kubera ko yari yabuze mu minsi mikuru, abantu bari bemeje yuko yatinye guhinguka imbere y'Abatambyi n'abakuru. Bose rero batunguwe no kumubona. Batangiye guhwihwisa. Bose batangazwa n'icyubahiro ndetse n'ubutwari bimuteye kuza imbere y'abanzi Be bashakaga kumwica.

"Ahagarara hagati muri bo, aho iryo teraniro rinini ryari rifite amatsiko yo kumubona, maze Yesu arabigisha kuruta uko abandi bose bamubanjirije bigishije. Amagambo Ye yagaragazaga ko asobanukiwe n'ibyerekeye amategeko ndetse n'imigenzo by'Abisirayeli, imihango y'ibitambo ndetse n'inyigisho za gihanuzi, kuruta uko abatambyi n'abanditsi bari babisobanukiwe. Yakuyeho insika zari zarashyizweho, n'imihango n'imigenzo. Ibyajyaga kubaho mu buzima buri imbere, byose byasaga n'ibiteretse imbere y'amaso Ye. Kuko yabonaga ibitabonwa, yababwiye ibyo ku isi n'ibyo mu ijuru, ababwira ibyerekeye abantu ndetse n'ibyerekeye Imana, kandi abivugana ubwenge n'ububasha. Amagambo ye yari asobanutse kandi anyuze amatwi, kandi abantu batangajwe n'uburyo yigishaga nk'uko batangaye igihe yigishirizaga i Kaperinawumu; "kuko ijambo Rye ryari rifite ubushobozi". Luka 4:32... Bose batangajwe n'uburyo yari asobanukiwe n'amategeko ndetse n'ubuhanuzi." – *Ibid*., p.452,453.

## 4. URWANGO RWAGIRIWE UWERA

Kuwa Kane
16 Mata

a. **Ni iki Yesu yabonye ku bigisha kandi ni ikihe kibazo yababajije? Yohana 7:19.**

“Yesu yahaye abigisha igihamya cy’ubumana Bwe ubwo yerekanaga ko asoma ibiri mu mitima yabo. Kuva igihe yakizaga umuntu i Betesida bakomeje kumucurira imigambi yo kumwica. Bityo bicaga amategeko kandi ari yo bavugaga ko barengera. Yesu yarababajije ati, “Mbese Mose ntiyabahaye amategeko? Ariko muri mwe ntawe uyumvira. Murashakira iki kunyica?” – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.456.

b. **Mu gusubiza Kristo, mbese ni iki abigisha bamushinje, kandi ni gute na We yabasubije? Yohana 7:20 – 23.**

“Yesu ntiyitaye kuri uku gukerensa kwabo [kuba baravugaga ko ibikorwa Bye byiza byakomokaga ku mudayimoni]. Ahubwo yakomeje kubereka ko igikorwa Cye cyo gukiza umuntu i Betesida cyari gihuje n’itegeko ry’Isabato, kandi ko cyari gishyigikiwe n’ubusobanuro Abayuda ubwabo bahaga amategeko. Yaravuze ati, “Mose yabahaye umuhango wo gukeba.... ndetse mukeba abantu no ku Isabato.” Nk’uko amategeko yavugaga, umwana yagombaga gukebwa ku munsi wa munani. Iyo uwo munsi wahuraga n’Isabato, uwo muhango wagombaga gukorwa. Ni mu buryo burushijeho bingana iki “gukiza umubiri w’umuntu wose ku Isabato” bigomba kuba bihuje n’amategeko.” – Ibid., p.456,457.

c. **Vuga ubusobanuro bwagutse bw’umuburo Kristo yakurikijeho kubaha. Yohana 7:24.**

“Abayobozi b’Abayuda babuze icyo bavuga; maze abenshi mu bantu barabaza bati, “Uriya si wa wundi bashaka kwica? Nyamara dore aravugira mu ruhame bakinumira. Ubanza koko abayobozi bacu bamenye ko ari we Kristo!” – *Ibid*., p.457.

“[Kristo] ntareba ibigaragarira amaso, ntaca urubanza nk’uko umuntu aruca. Ntaha umuntu agaciro ashingiye ku rwego arimo, ku buhanga afite, ku mashuri yize, cyangwa ku mwanya arimo. Aravuga ati: ‘Uwo nitaho ni umukene ufite umutima umenetse, agahindishwa umushyitsi n’ijambo ryanjye.’ ” – *Ibimenyetso by’Ibihe*, kuwa 21 Ukwakira 1897.

## 5. URUBANZA RW'UMUNTU N'URUBANZA RW'IMANA

Kuwa Gatanu
17 Mata

**a. Ni gute Ibyanditswe bigaragaza imitekerereze y'abantu bagize umuryango mugari muri iyi si, nk'uko akenshi byagaragaye mu bihe bya kera, ariko cyane cyane muri iki gihe? Yesaya 59:14,15.**

---

"Ingabo za Sekibi zirimo zirisuganya ngo zihurize hamwe imbaraga. Ziriho zirarundanya intwaro kugirango zizabashe gutsinda intambara ikomeye izaheruka. Bidatinze hari ibintu byinshi bigiye guhinduka kuri iyi si dutuye kandi ibintu bizagenda bisimburana bifite umuvuduko mwinshi kandi mu gihe gito....

"Umwanzi yagize amajyambere cyane mu byo kugoreka ubutabera no mu byo kuzuza imitima y'abantu kwifuza indamu yo kwikunda.... Imiborogo y'abantu bicwa n'inzara irazamuka ikajya imbere y'Imana, mu gihe abantu bariho bararundanyisha ubutunzi bwinshi cyane agahato n'ubwambuzi by'uburyo bwose." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 9, 11,12.

**b. Mu gihe cy'imivurungano, ni ukubera iki dushobora kwiringira inzira z'Imana? Yesaya 55:8,9.**

---

"Nubwo ubwenge bwa kimuntu bufite aho bugarukira budashobora gucengera ngo burondore inama z'Imana ihoraho, cyangwa se ngo busobanukirwe neza uko Imana isohoza imigambi Yayo, nyamara akenshi biterwa n'amakosa amwe n'amwe bakora cyangwa se uko birengagiza uruhare rwabo ku buryo basobanukirwa nabi n'ubutumwa bw'Ijuru. Si rimwe na rimwe bijya bibaho ko intekerezo z'abantu, zaba n'iz'abagaragu b'Imana, zijya zigwa mu buhumyi kubw'ibitekerezo bya kimuntu, imigenzo n'inyigisho z'abantu z'ibinyoma ku buryo baba bashobora gusobanukirwa by'igice gusa ibintu bikomeye Imana yahishuriye mu ijambo Ryayo." – *Intambara Ikomeye*, p.344,345.

"Umugambi Imana ifitiye abana Bayo urushijeho kuba hejuru cyane y'ibitekerezo umuntu abasha kugeraho. Mu mategeko Yayo yera yatanzemo icyitegererezo cy'imico Yayo." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 8, p.63.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
18 Mata

1. Sobanura imimerere y'urugo Yesu yakuriyemo.
2. Ni gute imyitwarire yagaragajwe n'abavandimwe ba Kristo ikunda guhora igaragara muri iki gihe?
3. Ni ibihe bitekerezo bivuguruzanya byakwirakwijwe bivuga kuri Yesu?
4. Sobanura umwuka abigisha bagaragarije Yesu.
5. Sobanura itandukaniro rinini riri hagati y'inzira z'abantu n'inzira z'Imana.

Ku Isabato, 26 Mata 2025

**Icyigisho 4**

# Yemwe, nta Muntu n'umwe uvuga nka We

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Abasirikare barabasubiza bati 'Yemwe, ntabwo higeze kuba umuntu uvuga nka we'." (Yohana 7:46).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya ku Bagabura,* p.506 – 512.

"Yesu yavuze ko kwemera no gukunda ukuri bidashingiye cyane ku bwenge nko ku mutima. Ukuri kugomba kwakirwa mu mutima kandi bikomotse ku bushake." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.455.

## 1. INYUNGU ABANTU BAFITE MURI YESU

Kuwa Mbere 20 Mata

a. **Ni iki Abayuda bamwe babajije bamaze kumva Yesu no kubona ukuntu yabwirizaga ku mugaragaro? Yohana 7:25,26.**

"Abenshi mu bari bateze amatwi Kristo kandi bari batuye i Yerusalemu, bari bazi imigambi mibisha abayobozi bamufitiye, bumvise hari imbaraga ikomeye ibarehereza kuri Kristo. Bemejwe ko ari Umwana w'Imana." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.457.

b. **Ni gute Satani yakoresheje abategetsi kugirango atume bashidikanya? Yohana 7:27.**

"Satani yari yiteguye kubatera gushidikanya; kandi imitekerereze yabo igoramye ku byerekeye Mesiya no kuza Kwe byari byarateguriye inzira uku gushidikanya. Muri rusange byizerwaga ko Kristo yagombaga kuzavukira i Betelehemu, kandi ko nihashira igihe bazamubura, hanyuma ubwo azagaruka ku ncuro ya kabiri akaba ari nta muntu uzamenya aho aturutse. Hariho abantu benshi bizeraga ko Mesiya atazagirana isano n'inyokomuntu. Kubera ko uburyo abantu bibwiragamo ibyerekeye icyubahiro cya Mesiya atari ko babonye Yesu w'i Nazareti, byatumye abantu benshi bavuga bati, 'Uyu tuzi aho yaturutse, ariko Kristo naza ntawe uzamenya aho yaturutse'. " – Ibid.

a. **Amaze gusoma ibitekerezo by'abamwumvaga bashidikanyaga, mbese ni iki Yesu yababwiye? Yohana 7:28.**

"Mu gihe ibitekerezo byabo byari bikiri mu rungabangabo hagati yo gushidikanya no kwizera, Yesu yazahuye intekerezo zabo maze arabasubiza ati, "Jyewe muranzi, n'aho naturutse murahazi: ariko sinaje ku bwanjye; ahubwo Iyantumye ni iy'ukuri, iyo mutazi." Bavugaga ko bazi inkomoko ya Kristo, nyamara ntibari bayizi rwose. Iyo baza kugira imibereho ijyanye n'ubushake bw'Imana, baba baramenye Umwana Wayo igihe yabigaragarizaga." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.457.

b. **Ni mu buhe buryo abayobozi b'Abayuda bagerageje gucecekesha Yesu, kubera ko babuze uburyo bwo kumuvuguruza? Yohana 7:30 (ahabanza). Mbese mu by'ukuri, ni ukubera iki batashoboye kumufata? Yoahana 7:30 (ahaheruka).**

"Abari bateze amatwi ntibashoboraga gusobanukirwa amagambo ya Kristo. Aya magambo kwari ugusubiramo ibyo yari yaravugiye imbere y'urukiko rukuru rw'Abayuda mu mezi menshi yari ashize ubwo yabahamirizaga ko ari Umwana w'Imana. Kubera ko abategetsi b'Abayuda bashakaga uburyo bwo kumwica; bityo icyo gihe bashatse kumufata, [ariko] babujijwe n'imbaraga itagaragara yahagaritse uburakari bwabo, ibabwira iti, "Mugarukire aho, ntimuharenge." – Ibid.

c. **Ni gute abantu benshi bagaragaje ko bizera Yesu, kandi ni iki abategetsi bateganyije gukora bamaze kumenya ko abantu bamugirira impuhwe? Yohana 7:31,32.**

"Abayobozi b'Abafarisayo bitegerezaga ibyabaga byose bababaye, babonye ko abantu bamugiriraga impuhwe ari benshi. Barihuse bajya ku batambyi bakuru maze bacura imigambi yo gufata Yesu. Biyemeje kumufata ari wenyine kuko batari gutinyuka kumufatira imbere y'abantu." – *Ibid*., p.457,458.

## 3. IRARIKA



**a. Ku munsi uheruka w'iyo minsi mikuru, mbese ni iyihe mfashanyigisho nziza Yesu yakoresheje kugirango ahumurize abantu bari bananijwe n'icyaha? Yohana 7:37,38.**

---

---

"Umutima wakira ijambo ry'Imana ntabwo ari nk'ikidendezi cy'amazi ahinduka umwuka, ntabwo ari nk'ikigega kimenetse kigenda gitakaza ibikirimo. Uwo mutima umeze nk'akagezi ko mu misozi gasukwamo amazi n'amasōko adakama afite amazi akonje y'urubogobogo ava mu rutare, akamara inyota abananiwe, abafite inyota n'abaremerewe. Uwo mutima kandi umeze nk'uruzi ruhora rutemba kandi uko rugenda rukarushaho kwimbika no kuba rugari kugeza ubwo amazi yarwo atanga ubugingo akwiriye ku isi yose. Akagezi gatemba karirimba mu nzira y'iyo sōko gasiga inyuma yako impano yako y'ibyatsi bitoshye n'uburumbuke. Ibyatsi byo ku nkengero z'ako kagezi birushaho gutoha, ibiti byaho nabyo biratoshye kandi indabo nazo ni nyinshi cyane. Igihe ubutaka butarangwaho akatsi ndetse bwaratukuye bitewe n'izuba ry'igikatu ryo ku mpeshyi, umurongo w'ibyatsi n'ibiti bitoshye ugaragaza aho akagenzi kanyura.

"Uko ni nako bimera ku mwana w'Imana wese nyakuri. Idini ya Kristo yigaragaza ubwayo ko ari ihame ritanga ubugingo kandi risakara hose; ni imbaraga nzima, ikora kandi y'umwuka. Igihe umutima ukingukiye imbaraga y'ukuri n'urukundo iva mu ijuru, ayo mahame azongera asakare nk'amasōko yo mu butayu, atere uburumbuke ahantu h'umutarwe w'agasi kandi harangwa amapfa." – *Abahanuzi n'Abami*, p.233,234.

" 'Umuntu nagira inyota' kugirango abone ibyiringiro by'uburuhukiro, no kugirango akurweho ibyifuzo bibi bihengamira ku cyaha, 'aze aho ndi anywe' Yohana 7:37." – *Umurimo wo Gukiza*, p.179.

**b. Ni gute iri rarika ryarushaho gusobanuka? Yohana 7:39.**

---

---

"Kristo yerekanye amahame y'ukuri mu butumwa bwiza. Mu nyigisho Ze, dushobora kunywa ku migezi itunganye, itemba ituruka ku ntebe ya cyami y'Imana." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 8, p.309.

"Icyo dukeneye ni idini rizima. Umuntu ufite imyumvire yagutse ku byerekeranye n'inshingano, ufite umutima usabana n'Imana kandi wuzuye ishyaka agirira Kristo, [bene uwo] azagira icyitegererezo gikomeye ku cyiza. Ntajya anywa amazi y'uruzi rubi, yanduye, ahubwo anywa amazi y'isōko y'amazi meza, kandi ashobora guha itorero umwuka mushya n'imbaraga. Uko ibirwanya itorero ry'Imana bizarushaho kwiyongera, niko Imana izariha imbaraga binyuze mu kuri kwera kandi gukomeye [abayoboke baryo] bizera. Umwuka Wera uvuye mu ijuru ukorana n'abahungu n'abakobwa b'Imana, azakuraho inzitizi kandi abakomereze mu birindiro byo kurwanya umwanzi. Imana yateganyirije ubwoko Bwayo bukunda ukuri kandi bukitondera amategeko Yayo ukunesha gukomeye." – *Ibid.*, vol 5, p.581.

## 4. AMAGAMBO ATAMEZE NK'AY'UNDI MUNTU UWO ARIWE WESE

Kuwa Kane
23 Mata

a. Ni uwuhe mwanzuro abantu benshi bagezeho bitewe n'amagambo Kristo yavuze ku byerekeranye n'amazi y'ubugingo, kandi ni ukubera iki? Yohana 7:40 (bigereranye no Gutegeka kwa Kabiri 18:15).

b. Nubwo bamwe batewe ibyiringiro n'icyo gikorwa, mbese abandi bo babyakiriye bate? Yohana 7:41 – 44.

c. Ni irihe tegeko abasirikare bahawe rivuye ku bayobozi babo? Yohana 7:45. Ni ukubera iki batashoboye gufata Yesu? Yohana 7:46.

"Ku munsi wa nyuma w'iminsi mikuru, abasirikare bari boherejwe n'abatambyi n'abatware ngo bajye gufata Yesu bagarutse batamuzanye. Bababajije barakaye bati, "Kuki mutamuzanye?" Babasubizanyije ubwitonzi bati, "Yemwe, ntabwo higeze kuba umuntu uvuga nka we."

"Nubwo imitima yabo yari inangiye, yorohejwe n'amagambo ya Yesu. Igihe yavugiraga mu gikari cy'urusengero, bakomeje kwigira hafi ye cyane bashaka kubona ikintu bamurega. Nyamara ubwo bamutegaga amatwi, bibagiwe umugambi wabazanye. Bahagaze nk'abantu batwawe. Kristo yihishuriye imitima yabo. Babonye ibyo abatambyi n'abakuru batashoboraga kubona. Babonye ubumuntu bwa Yesu bwuzuye ubwiza bw'ubumana." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.459.

"[Kristo] yakoreshaga ibintu kamere byo mu byaremwe bari bamenyereye, kugirango agaragaze ukuri kw'Imana. Bityo ubutaka bw'umutima bwategurirwaga kwakira imbuto nziza. Yatumaga ababaga bamuteze amatwi bumva ko inyungu Ze zihuje n'izabo; ko umutima We wabagiriraga impuhwe igihe babaga bishimye n'igihe babaga bafite agahinda. Na none kandi babonaga ko Yesu yagaragazaga imbaraga n'icyubahiro biruta cyane iby'abigisha babo bubahwaga cyane. Inyigisho za Kristo zarangwagamo ukwiyoroshya, icyubahiro n'imbaraga batari barigeze bamenya, ku buryo bigeze kuvuga hatabayeho ukubitekerezaho bati: 'Yemwe, ntabwo higeze kuba umuntu uvuga nka we'. Abantu bamuteze amatwi banezerewe, ariko abatambyi n'abatware bo ubwabo babaye abahemu ku cyizere bagiriwe cyo kugirwa abarinzi b'ukuri; banze Kristo bitewe n'ubuntu busāze yahishuye, bikaba aribyo byatumye imbaga y'abantu ibatera umugongo igakurikira Mucyo w'ubugingo. Binyuze ku cyitegererezo cyabo, ishyanga ry'Abayuda ryananiwe gusobanukirwa imico y'Imana, banze Umucunguzi." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.747.

## 5. UMUSHAKASHATSI W'UMUNYAMWETE MU BURYO BWUZUYE

Kuwa Gatanu
24 Mata

a. Ni gute abatambyi bakuru n'Abafarisayo bacyashye abo basirikare? Yohana 7:47 - 49.

---

b. Vuga ibyakurikiye ikiganiro cya Nikodemo, ahishura ugukura kwe [mu by'umwuka] uhereye igihe yagiranye na Yesu ikiganiro mu masaha y'ijoro nkuko biri muri Yohana igice cya 3. Yohana 7:50 – 52.

---

"[Nikodemo] yabitse uko kuri mu mutima we, ariko mu gihe cy'imyaka itatu imbuto nke z'uko kuri zari zitangiye kugaragara. Nubwo Nikodemo atigeze yerekana ku mugaragaro ko yizera Kristo, akenshi igihe yari mu Nama Nkuru y'Abayuda yari yaraburijemo imigambi mibisha y'abatambyi n'abanditsi yo kwica Umukiza." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.104.

"Icyigisho Kristo yari yarigishije Nikodemo (mu ruzinduko rwe nijoro nkuko bivugwa muri Yohana igice cya 3) nticyabaye impfabusa. Cyari cyaracengeye mu mutima we, kandi yari yarakiriye Yesu mu mutima we. Uhereye igihe yagiranaga ikiganiro n'Umukiza, yasuzumye Ibyanditswe byo mu Isezerano rya Kera afite umwete, kandi yabonye ukuri kwashyizwe mu butumwa bwiza mu buryo butarangwamo ukwibeshya.

"Ikibazo [Yesu] yabajijwe [na Nikodemo] cyarangwagamo ubwenge, kandi iyo kiza gusobanurirwa abayobozi bagize inama nkuru, ntibari gushukwa n'umwanzi. Ariko bari baramazwe n'urwikekwe ku buryo nta mpamvu n'imwe yari gutuma bashyikirana na Yesu w'i Nazareti, nubwo yaba ifite uburemere bungana iki bwo kubemeza. Igisubizo cyahawe Nikodemo cyabaye iki ngiki: 'Mbega nawe waturutse i Galilaya? Irebere mu byanditswe, urasanga ko nta muhanuzi uturuka i Galilaya.'

"Abatambyi n'abatware barashutswe, nkuko Satani yabishakaga, bituma bizera ko Kristo yavuye i Galilaya. Bamwe bari baziko yavukiye i Betelehemu, baracecetse; kugirango ikinyoma kidashobora kwamburwa imbaraga zacyo." – *Ellen G.White, Ubusobanuro bwa Bibiliya*, vol 5, p.1136.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
25 Mata

1. Ni ukubera iki Yesu yireherezagaho ibitekerezo by'abantu kandi bakamwubaha?
2. Ni gute abayobozi b'Abayuda bakomeje gushimikira mu kugerageza guhagarika Yesu?
3. Ni irihe rarika Yesu yatanze mu ruhame ku munsi wa nyuma w'iyo minsi mikuru?
4. Sobanura intambara ikomeye yakurikiyeho.
5. Iyo ntekereje ku bantu nzi, mbese ni iki nakagombye kwibukira kuri Nikodemo?

# Amaturo y'Isabato ya Mbere

Ku isabato 3 Gicurasi 2025

## Azunganira umurimo w'ivugabutumwa ku isi yose



Ubu ngubu, ubutumwa buhuje n'igihe turimo burumvikana bugira buti:

"Umwuka w'ivugabutumwa ukeneye kubyutswa mu matorero yacu. Buri mwizera w'itorero agomba kwiga uburyo [yakora] kugirango afashe mu guteza imbere umurimo w'Imana, haba mu turere tw'iwabo ndetse no mu bihugu by'amahanga ya kure. Nta na rimwe ku gihumbi cy'umurimo wakagombye kuba uri gukorwa mu murimo w'ivugabutumwa ryo mu turere. Imana ihamagarira abakozi Bayo kuyigarurira ahantu hashya hakaba ahayo. Hari imirima irumbuka igomba gutunganywa itegereje umukozi w'indahemuka. Kandi abamarayika bazakorana na buri mwizera wese uzakorera Shebuja atizigamye.

"Itorero rya Kristo ku isi ryashyizweho kubw'umugambi wo kubwiriza ubutumwa, kandi Uwiteka yifuza kubona itorero ryose rishaka inzira n'uburyo abo mu rwego rwo hejuru n'urwo hasi, abakire n'abakene bakumva ubutumwa bw'ukuri. Abantu bose siko bahamagariwe gukora umurimo ku giti cyabo mu bihugu by'amahanga ya kure, ahubwo abantu bose bashobora kugira icyo bakora binyuze mu masengesho yabo no mu mpano zabo kugirango bafashe umurimo w'ivugabutumwa.

"Hari umuntu w'Umunyamerika umwe wakoraga umurimo w'ubucuruzi, akaba yari Umukristo w'umunyamwete. Igihe yaganiraga n'undi mukozi mugenzi we, yaje gusanga yuko we akorera Kristo amasaha makumyabiri n'ane yose y'umunsi. Yaravuze ati: 'Igihe cyose ngize amahirwe yo guhura n'abantu mu murimo wanjye w'ubucuruzi, ngerageza kubagezaho ibya Databuja. Igihe cyose mbonye uburyo, ngerageza kumuzanira abandi bantu. Amanywa yose mba ndi gukorera Kristo. Kandi igihe cya nijoro, igihe nsinziriye, mfite umuntu mu Bushinwa uba uri kumukorera.'

"Mu busobanuro bwe yongeyeho ati: 'Nkiri muto, nafashe icyemezo cyo kujya gukora umurimo w'ivugabutumwa mu bihugu by'abapagani. Nyamara igihe data yari amaze gupfa, nagombaga gukomeza umurimo yari asanzwe akora kugirango nkomeze gutunga umuryango. Muri iki gihe aho kugirango nigireyo ubwanjye, nshyigikira uwo mubwirizabutumwa. Mu mujyi nk'uwo wo mu ntara imwe y'u Bushinwa, nahashyize umuntu ukora [uwo murimo]. Ni muri ubwo buryo n'igihe nsinziriye, mba ndi gukorera Kristo binyuze muri uwo muntu umpagarariye.' " – *Ibihamya by'Itorero,* vol 6, p.29,30.

Ubu ngubu kuruta ikindi gihe cyose, iki nicyo gihe cyo gushora imari muri banki y'ijuru binyuze mu ivugabutumwa ku isi yose. Ntabwo bizoroha, kandi nyuma bishobora kuba byaratinze rwose. Abantu bari kurimbuka badafite Kristo n'ukuri kw'iki gihe, kandi Uwiteka yaturagije umucyo w'agaciro kenshi kugirango tuwukwirakwize kuri uyu mubumbe wose.

Turabinginga kugirango mutange mutitangiriye itama, kandi Uwiteka ahire impano zanyu ndetse namwe abahundagazeho imigisha. Murakoze!

*Icyiciro cy'Ishuri ryo ku Isabato mu Nteko Nkuru Rusange*

Ku Isabato, 3 Gicurasi 2025

**Icyigisho 5**

# "Nanjye Singuciriyeho Iteka"

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Nanjye singuciraho iteka, genda ntukongere gukora icyaha." (Yohana 8:11, ahaheruka).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero,* vol 2, p.73 – 77.

"Urukundo rwa Gikristo ntirwihutira gucira abandi hw'iteka, rwihutira kwihana no kubabarira, gukomeza abandi, kugarura uwabaye impabe mu nzira y'ubutungane no kuyimukomerezamo." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.462.

## 1. UMUTEGO YESU YATEZWE

Kuwa Mbere
27 Mata

**a. Mu gihe Yesu yigishirizaga mu rusengero, mbese ni iki Abanditsi n'Abafarisayo bakoze? Yohana 8:2,3.**

"Bidatinze [Kristo] baje kumurogoya. Itsinda ry'Abafarisayo n'Abanditsi ryaje aho ari, bakurubana umugore wamazwe n'ubwoba. Abamuzanye bavugiraga hejuru, bamurega kwica itegeko rya karindwi." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.460.

**b. Mu kugaragaza ko bubahaga cyane amategeko, ni ikihe kibazo Abafarisayo babajije Kristo, kandi mu by'ukuri bari bagambiriye iki? Yohana 8:4 – 6 (ahabanza).**

"Iki cyubahiro basaga nabamuha cyari gitwikiriye umugambi mubisha wo kumwica. Ubu bwari uburyo babonye bwo kumuciraho iteka, kuko bibwiraga ko umwanzuro wose yafata, bari bubone ikirego bamugerekaho. Iyo aza kurekura uwo mugore, bari kumurega gusuzugura amategeko ya Mose. Iyo aza kuvuga ko akwiriye gupfa, bari kumurega ku Baroma ko yiha ububasha bwari ubw'Abaroma gusa." – *Ibid.*, p.460,461.

## 2. ISHUSHO NYAKURI Y'ICYARI KIBYIHISHE INYUMA YARAGARAGAYE

Kuwa Kabiri
28 Mata

**a. Mbese Yesu yakiriye ate ikinyoma cy'Abafarisayo? Yohana 8:6 (ahaheruka).**

"Yesu yamaze umwanya yitegereza ibyo; wa mugore yahindaga umushyitsi afite ikimwaro, abategetsi b'Abayuda bafite uburakari kandi batarangwaho impuhwe na mba za kimuntu. Umutima wa Kristo utagira ikizinga wababajwe n'ibyo yabonaga. Yesu yari azi neza impamvu bamuzaniye urwo rubanza. Yasomaga ibiri mu mitima yabo kandi yari azi imico n'amateka bya buri muntu wari uri aho. Abafarisayo biyitaga abarinzi b'ubutabera, nibo ubwabo bagushije uyu mugore mu cyaha kugira ngo babone uko bategа Yesu umutego. Nta kintu Yesu yakoze kigaragaza ko yumvise ikibazo cyabo ahubwo yarunamye, areba hasi maze atangira kwandika mu mukungugu. " – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.461.

**b. Ni gute Yesu yagaragaje ko abamushinjaga ubwabo batari kuba nta cyaha bafite; kandi se ni iki bakoze nyuma yaho? Yohana 8:7 – 9.**

"Abaregaga uwo mugore bari batsinzwe. Ikanzu yabo y'ubutungane biyitiriraga ibacikiyeho, bahagaze imbere y'Ufite ubutungane butagerwa bahamwe n'icyaha kandi baciriweho iteka. Bahindishijwe umushyitsi n'uko ibyaha byabo bishobora kugaragarira imbere y'imbaga y'abantu yari aho, maze bava aho urusorongo bubitse imitwe, wa mugore bashakaga kwica bamusigira Umukiza w'umunyampuhwe." – Ibid.

**c. Muri rusange, ni irihe somo twese twakagombye kwigira ku magambo Yesu yabwiye abaregaga [wa mugore]? Luka 6:42.**

"Hari abantu bahubuka mu cyifuzo cyabo cyo kuvugurura ibintu kuri bo bigaragara ko ari amakosa. Bibwira ko aribo bagombye kuba baratorewe kuba mu mwanya w'abantu bakoze amakosa. Ntibaha agaciro ibyo abo bakozi bakoze mu gihe abandi barebēraga gusa kandi bakanenga. Kubw'ibikorwa byabo, baravuga bati: 'Nshobora gukora ibintu bikomeye. Nshobora gukora umurimo ukagera ku nsinzi.' Ku bantu batekereza ko bazi neza cyane uko bakwirinda amakosa, nahawe amabwiriza yo kubabwira nti: 'Ntimugacire abandi urubanza mu mitima yanyu kugirango namwe mutazarucirwa.' Matayo 7:1. Ushobora kwirinda amakosa ku ngingo zimwe na zimwe, ariko ku bindi bintu ushobora gukora amakosa akomeye, bikaba bigoye cyane kuyakosora kandi bikaba byatera urujijo mu murimo. Ayo makosa ashobora kurushaho kwangiza kuruta ayo abavandimwe bawe bakoze." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 7, 279.

## 3. IGIKORWA KITARI CYITEZWE

Kuwa Gatatu
29 Mata

**a. Ni ikihe kibazo Yesu yabajije uwo mugore igihe abamuregaga bari bamaze kugenda; kandi ni gute uburyo yakemuye icyo kibazo byagize ingaruka ku mibereho ye? Yohana 8:10,11.**

“Uwo mugore yari amaze umwanya ahagaze imbere ya Yesu afite ubwoba. Amagambo ya Yesu avuga ngo, “Muri mwe udafite icyaha, abe ari we ubanza kumutera ibuye,” yabereye uwo mugore nk’amucira urubanza rwo gupfa. Ntiyatinyutse kubura amaso ngo arebe mu maso h’Umukiza, ahubwo yategereje urupfu rwe acecetse. Yaratangaye ubwo yabonaga abamuregaga bagenda bafite ikimwaro kandi bacecetse; maze yumva ariya magambo y’ibyiringiro ngo, “Nanjye singuciriyeho iteka, genda ntukongere gukora icyaha.” Yumvise aruhutse mu mutima we maze yikubita imbere y’ibirenge bya Yesu, yicuza ibyaha bye n’amarira menshi, kandi avuga amagambo yo gushima kubera urukundo yari afitiye Umukiza.

“Iri ryari itangiriro ry’imibereho mishya kuri uyu mugore, imibereho y’ubutungane, amahoro no kwitangira umurimo w’Imana. Ubwo yazahuraga uyu mugore wari waracumuye, Yesu yakoze igitangaza kiruta gukiza indwara ikomeye y’umubiri; kuko yamukijije indwara y’iby’umwuka itera urupfu rw’iteka. Uyu mugore wihannye yahindutse umwe mu bayoboke ba Yesu b’ingenzi kandi bashikamye. Impuhwe za Kristo yazituye kugaragaza urukundo rwitanga. Uyu mugore ab’isi baramusuzuguraga kandi bakamukwena gusa; ariko Yesu utarangwaho icyaha yagiriye impuhwe intege nke z’uwo mugore w’umunyabyaha maze amuhereza ukuboko ko kumutabara. Mu gihe Abafarisayo b’indyarya baciraga hw’iteka uwo mugore, Yesu we yaramubwiye ati, “Genda, ntukongere gukora icyaha.” – *Umurimo wo Gukiza,* p.89.

“Mu gikorwa cya Yesu cyo kubabarira uyu mugore no kumuhamagarira kugira imibereho myiza, imico ya Yesu yagaragaje ubwiza bw’ubutungane buhebuje. Nubwo Umukiza adapfobya icyaha cyangwa ngo ahe agaciro gake umutima uhana, ntabwo ashaka gucira abantu ho iteka, ahubwo ashaka gukiza. Uyu mugore ab’isi baramusuzuguraga kandi bakamukwena gusa; ariko Yesu we yamubwiye amagambo y’ihumure n’ibyiringiro.” – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.462.

**b. Sobanura ingaruruka z’ubuntu bwa Kristo bukiza. Luka 4:37-40, 47,48.**

“Yesu azi ibyo buri muntu wese ahura nabyo. Uko umunyabyaha arushaho gusayisha, niko arushaho gukenera Umukiza. Umutima We w’urukundo n’impuhwe by’Imana urushaho kuba hafi cyane umuntu wese ufite ubwihebe buturutse ku kugarizwa n’imitego y’umwanzi. Yashyize umukono ku mpapuro z’umudendezo w’inyokomuntu akoresheje amaraso Ye.” – *Umurimo wo Gukiza,* p.89,90.

## 4. IHUMURE RIKWIRAKWIRA HIRYA NO HINO

Kuwa Kane
30 Mata

**a. Ni iki kigomba kuranga inyifato yacu, by'umwihariko mu mushyikirano tugirana n'abandi; kandi ni ubuhe buryo bumwe rukumbi ibi byashoboka? 2Abakorinto 1:3 – 5.**

"Imimerere y'ibintu igira uruhare ruto cyane ku bunararibonye bw'umuntu. Umwuka uturanga niwo ugaragarira mu bikorwa byacu byose. Umuntu ubana amahoro n'Imana ndetse na bagenzi be ntashobora kuba mu bwihebe. Nta shyari rizaba mu mutima we, gukeka ibibi ntibizigera bihagira umwanya, urwango ntiruharangwa. Umutima uhuje n'Imana urazamurwa ukarenga ibiwubuza amahoro n'ibigeragezo byo muri ubu buzima." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.488.

"Mu mubabaro niho Yesu yaboneye ububasha bwo guhumuriza abantu. Imibabaro yose y'abantu iramushengura; kandi „kuko yababajwe no kugeragezwa ubwe, abasha no gutabara abageragezwa bose." (Yesaya 63:9; Abaheburayo 2:18). Umuntu wese winjiye mu mushyikirano wo gufatanya na Kristo imibabaro, afite amahirwe yo gusangira na we uwo murimo." – *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha*, p.13.

**b. Sobanura ibyiringiro byihariye n'amahirwe dufite mu kugera ikirenge mu cya Kristo. 2Abakorinto 1:6,7.**

"Niba utumva ko gusangira imibabaro na Kristo ari iby'icyubahiro, niba utiyumvamo umutwaro w'ubugingo bw'abagiye kurimbuka, niba utiteguye kugira ibyo wigomwa kugirango ushobore kuzigama amafaranga yo gukoresha mu murimo ugomba gukorwa, nta mwanya ufite mu bwami bw'Imana. Dukwiriye kuba abasangiye imibabaro na Kristo, kandi tukiyanga kuri buri ntambwe." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 9, p.103,104.

**c. Sobanura indangagaciro ikenewe cyane kurusha izindi zose mu bizera ubutumwa bw'abamarayika batatu. 1Abakorinto 13:13, 4 – 8.**

"Imico ikenewe cyane kuruta indi yose ikwiriye kuranga ubwoko bw'Imana bukomeza amategeko Yayo, ni ukwihangana, kutadohoka, amahoro n'urukundo. Mu gihe urukundo rubuze, umuntu aba atakaje ikintu cy'agaciro katagereranywa." – *Ibid.*, vol 6, p.398.

## 5. GUSUBIZAHO URUFATIRO

Kuwa Gatanu
1 Gicurasi

a. Tandukanya uko abizera nyakuri babigenza n'uko abizera bafite imitima y'ibinyoma bahora bakora, iyo Umukristo aguye mu cyaha. Abagalatiya 6:1 – 3; Abaroma 15:1 – 3.

---

"Jya uzirikana ko umurimo wo gusubizaho urufatiro ugomba kuba umutwaro wacu. Uyu murimo ntugomba gukorwa mu buryo burangwamo ubwibone, ubwirasi no gushaka gutegeka abandi. Ntukavuge mu buryo bwawe uti: 'Mfite imbaraga, nzazikoresha' maze usuke ibirego ku wakoze amakosa. Jya ugarura uwahabye 'umugaruze umwuka w'ubugwaneza, ariko umuntu wese yirinde kugirango na we adashukwa.' Umurimo twashyizwe imbere wo gukorera bagenzi bacu, si uwo kubashyira ku ruhande, si uwo kubashyira mu bicantege, cyangwa kubatera kwiheba tubabwira duti: 'Mwaransuzuguye, none sinzongera kugerageza kubafasha.' Umuntu wifata nk'ufite ubwenge bwinshi n'imbaraga nyinshi, agakandagira ubabaye, ukandamizwa kandi wifuza ubufasha; aba agaragaza umwuka wa Gifarisayo, kandi yiyambika umwambaro w'icyubahiro cye bwite. Mu mutima we ashimira Imana ko atameze nk'abandi bantu, kandi akibwira ko imyifatire ye ikwiriye gushimirwa kandi ko afite imbaraga nyinshi ku buryo atageragezwa. Nyamara 'umuntu niyibwira ko ari ikintu kandi ari ntacyo ari cyo, aba yibeshye.' Umurongo wa 3." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 6, p.398,399.

"Umuntu ubona abandi bari kuzimira akabatera umugongo, akabareka ntababurire ngo be gukomeza mu nzira yo kurimbuka, bene uwo si umuyoboke wa Kristo. Abihutira kurega abandi, kandi bagashishikazwa no kujya kubashinja, akenshi mu mibereho yabo baba ari abanyabyaha kuruta abo barega. Abantu banga umunyabyaha kandi bakunda icyaha. Kristo yanga icyaha ariko agakunda umunyabyaha. Uyu ni wo mwuka uzaranga abayoboke ba Kristo bose. Urukundo rwa Gikristo ntirwihutira gucira abandi hw'iteka, rwihutira kwihana no kubabarira, gukomeza abandi, kugarura uwabaye impabe mu nzira y'ubutungane no kuyimukomerezamo." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.462.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
2 Gicurasi

1. Sobanura umutego Abanditsi n'Abafarisayo bari bateze Yesu.
2. Ni gute Abayuda b'indyarya bagaragaje ko bubahiriza amategeko?
3. Ni iki Abayuda baregaga bahatiwe kwemera ku biberekeyeho?
4. Sobanura ibyiringiro byahawe umugore wazanywe bamukurubana bitewe n'uko yari yakoze icyaha.
5. Ni gute narushaho gusa na Yesu mu byo ngirira abantu bahabiye mu byaha?

Ku Isabato, 10 Gicurasi 2025

**Icyigisho 6**

# Yesu, Umucyo w'Isi

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** Yesu yongera kubabwira ati: "Ni jye mucyo w'isi. Unkurikira ntazagenda mu mwijima na hato, ahubwo azaba afite umucyo w'ubugingo." (Yohana 8:12).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero, vol 1,* p.405 – 409.

"Nk'uko ukwezi n'inyenyeri bitumurikishiriza umucyo bikomora ku zuba, ni nako mu gihe inyigisho zabo aba ari ukuri, abahanga bakomeye bo ku isi na bo bamurika imirasire ituruka kuri Zuba ryo Gukiranuka. Umucyo wose uva mu ntekerezo, kumurika k'ubwenge kose bikomoka kuri Mucyo w'isi." – *Uburezi,* p.14.

## 1. KWIBUKA IREMA

Kuwa Mbere
4 Gicurasi

**a. Ni iki Imana yaremye ku munsi wa mbere w'irema? Itangiriro 1:3 – 5.**

---

---

"Mu itangiriro igihe Imana yaremeshaga ijambo Ryayo, umucyo wavuye mu mwijima." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.464.

**b. Ni nde wari uhari igihe isi yaremwaga, atari nk'indorerezi gusa, ahubwo nk'uwabigizemo uruhare? Itangiriro 1:1,2; Yohana 1:1,2; Abakolosayi 1:16**

---

---

---

"Mbere na mbere, Imana yigaragarije mu mirimo yose y'irema. Kristo ni we washyizeho ijuru, kandi ashinga n'imfatiro z'isi.... Ni We wujuje isi uburanga, n'ikirere amajwi y'indirimbo. Kandi ku biri mw'isi byose, mu kirere, no mu bicu, yanditsemo ubutumwa bw'urukundo rwa Data wa twese." – *Ibid*., p.20.

"Ikiganza gitengase imibumbe mu kirere, ikiganza kiyifashe igakomeza kuba kuri gahunda yayo, kandi ibintu byose bigakomeza gukorera mu isanzure Imana yaremye bidacogora, nicyo kiganza cyaterewemo imisumari ku musaraba ku bwacu." – *Uburezi,* p.132.

## 2. UMUCYO MU BUTAYU

Kuwa Kabiri
5 Gicurasi

**a. Ni gute Abisirayeli bayoborwaga mu butayu? Kuva 13:21,22. Wasobanura ute uwari mu nkingi y'igicu [ku manywa] na [nijoro] akaba mu nkingi y'umuriro? Kuva 13:21 (ahabanza); 1Abakorinto 10:1 – 4.**

"Mu buryo Imana yagiye yiyereka ubwoko Bwayo, umucyo wagiye uba ikimenyetso cy'uko Imana iri aho hantu. Mu itangiriro igihe Imana yaremeshaga ijambo Ryayo, umucyo wavuye mu mwijima. Umucyo wagendaga mu nkingi y'igicu ku manywa no mu nkingi y'umuriro nijoro, ukayobora ingabo nyinshi z'Abisirayeli. " – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.464.

**b. Ni iki cyanditswe ku byerekeranye no kuba Kristo yari kumwe n'Abisirayeli mu butayu, kandi ni ubuhe burinzi Imana yasezeraniye ubwoko Bwayo? Zaburi 105:39; Yesaya 4:5,6.**

"Muri rimwe mu masomo meza cyane kandi ahumuriza dusoma mu buhanuzi bwa Yesaya, havuzwemo inkingi y'igicu n'iy'umuriro mu rwego rwo kugaragaza uko Imana izita ku bwoko Bwayo mu rugamba rukomeye ruheruka buzarwana n'imbaraga z'ikibi." – *Abakurambere n'Abahanuzi,* p.283.

**c. Ni gute Kristo yigaragarije kuri Sinayi, kandi Mose n'abantu babyakiriye gute? Kuva 19:16 – 18; 20:18,19; Abaheburayo 12:21.**

"Mu maso y'iyo mbaga yari iteraniye aho, 'ubwiza bw'Uwiteka bwari bumeze nk'umuriro ukongora mu mpinga y'umusozi'.... Ibimenyetso by'uko Yehova ari aho hantu byari biteye ubwoba ku buryo Abisirayeli bagize ubwoba bahinda umushyitsi maze bikubita imbere y'Uwiteka bubamye." – *Ibid.*, p.304.

"Icyubahiro cyerekanaga ihishurwa [rya Kristo] cyari gikomeye cyane ku buryo umuntu upfa atashoboraga kucyihanganira. Mose, watoneshejwe cyane n'Imana, yaravuze ati: 'Mfite ubwoba cyane, ndahinda umushyitsi.' Ariko Imana yamuhaye imbaraga zo kwihanganira ubwo bwiza buhebuje, ku buryo yabukuye kuri uwo musozi burabagirana mu maso ye, bityo abantu ntibashoboye kubwitegereza bashikamye." – *Abahungu n'Abakobwa b'Imana,* p.225.

## 3. UMUCYO MU BUTURO BW'IMANA

Kuwa Gatatu
6 Gicurasi

**a. Ni gute Kristo yagaragaje yuko ari mu ihema ry'ibonaniro? Kuva 40:34,35.**

---

"Imbaga y'Abisirayeli yateraniye aho ifite amatsiko menshi yo kureba iyo nyubako yera. Ubwo bitegerezaga ibyo banyuzwe kandi bubashye, inkingi y'igicu yahagaze hejuru y'ubuturo bwera maze iramanuka irabutwikira. "Ubwiza bw'Uwiteka burabagirana bwuzura ubwo buturo." Habayeho kwigaragaza kw'igitinyiro cy'Imana, ndetse na Mose amara akanya adashobora kwinjira. N'umunezero mwinshi, abantu bitegereje ikimenyetso cyerekana ko umurimo w'intoke zabo wemewe. Baracecetse. Bose basabwe n'umunezero ariko kwishima kw'imitima yabo guhinduka isōko y'amarira y'ibyishimo maze bakajya bongorerana amagambo yo gushima kuko Imana yari yamanukiye kubana na bo." – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.349,350.

"Hejuru y'intebe y'ihongerero hari Shekina, yagaragazaga ko Imana ihari; kandi Imana yamenyekanishirizaga ubushake Bwayo hagati y'abo bakerubi. Rimwe na rimwe umutambyi mukuru yahabwaga ubutumwa buvuye ku Mana abubwiwe n'ijwi ryavugiraga mu gicu. Rimwe na rimwe umucyo wazaga ku mumarayika uhereye iburyo bikaba bivuze ko Imana yemeye cyangwa se umwijima cyangwa igicu kikaza ku mumarayika uri ibumoso bikaba byaravugaga ko Imana itemeye cyangwa yanze." – Ibid.

**b. Ni iki cyabaye nyuma yaho, igihe urusengero rwegurirwaga Imana? 2Ngoma 7:1.**

---

"Ubuturo bwera bwari bwiza cyane bwakozwe hakurikijwe icyitegererezo Mose yerekewe ku musozi, kandi nyuma yaho Uwiteka yakigaragarije Dawidi. Ubuturo bwera bwo ku isi bwari bumeze nk'ubwo mu ijuru. Icyiyongera ku bakerubi bari hejuru y'isanduku y'isezerano, Salomo yaremye abandi bamarayika babiri banini, bahagaze ku mpera zombi z'isanduku, bagereranya abamarayika bo mu ijuru bahora barinze amategeko y'Imana. Ntabwo bishoboka gusobanura ubwiza butagereranywa bw'ihema ry'ibonaniro. Aho ngaho, nkuko byari bimeze ku ihema ry'ibonaniro, isanduku yera yajyanywe mu buryo burangwamo icyubahiro gikomeye, maze ishyirwa mu mwanya wayo munsi y'abakerubi babiri bari bahagaze hasi.

"Umutwe w'abaririmbyi bera bahurije hamwe amajwi yabo, hamwe n'ibikoresho bya muzika by'ubwoko bwose, mu guhimbaza Imana. Mu gihe amajwi y'abaririmbyi n'ibyuma byabo bya muzika byumvikanaga mu rusengero hose, maze bikanyura mu kirere bikirangira i Yerusalemu, igicu cy'ubwiza bw'Imana cyuzuye inzu nk'uko kera cyari cyaruzuye ihema ry'ibonaniro. 'Nuko abatambyi bavuye Ahera igicu cyuzura inzu y'Uwiteka, bituma abatambyi batabasha guhagararamo ngo bahereze ku bw'icyo gicu, kuko ubwiza bw'Uwiteka bwari bwuzuye inzu y'Uwiteka.' " – *Impano z'Umwuka,* vol 4a, p.113,114.

## 4. UMUCYO W'UBUTUMWA BWIZA

Kuwa Kane
7 Gicurasi

**a. Ni ubuhe butumwa bwa Kristo buri muri Yohana 8:12 butuma tugira ibyiringiro bikomeye?**

---

"Ntabwo ab'intiti mu by'iyobokamana ari bo bari basobanukiwe n'uku kuri kandi ngo birundurire mu kukwamamaza. Iyo aba bajya kuba abarinzi b'indahemuka, biga Ibyanditswe babishimikiriye kandi basenga, bajyaga kumenya isaha y'ijoro; ubuhanuzi bwajyaga kubamenyesha ibigiye kubaho. Ariko ntibababaye muri uwo mwanya, bityo ubwo butumwa bwahawe abantu bacishije bugufi cyane…. Abantu batera umugongo umucyo Imana yatanze, cyangwa se bakirengagiza kuwushaka igihe ukiri bugufi bwabo, bene abo barekerwa mu mwijima." – *Intambara Ikomeye*, p.312.

"Uwiteka yatanze uburyo bwose bwo kugirango dushobore kugira ubuzima burambye, bwinshi, kandi bwuzuye umunezero. Yohana yanditse kuri Yesu, aravuga ati: 'Muri we harimo ubugingo, kandi ubwo bugingo bwari umucyo w'abantu.' Ubuzima bufitanye isano n'umucyo, kandi turamutse tudafite umucyo uturuka kuri Zuba ryo Gukiranuka, ntidushobora kugira ubugingo muri We. Nyamara uyu mucyo wahawe buri muntu wese, kandi iyo tuvuye mu mucyo gusa nibwo tugotwa n'umwijima. Yesu yaravuze ati: 'Unkurikira ntazagenda mu mwijima na hato, ahubwo azaba afite umucyo w'ubugingo.' Mu isi dutuyemo, nta buzima bushobora kubaho hatabayeho umucyo. Izuba riramutse rihagaritse imirasire yaryo, ibimera byose n'inyamaswa zose byapfa. Ibi bigaragaza ko tudashobora kugira ubuzima bw'iby'umwuka, turamutse tutishyize munsi y'imirasire y'umucyo wa Zuba ryo Gukiranuka. Turamutse dushyize ikimera mu cyumba kirimo umwijima, nticyatinda kuraba ndetse kigapfa; bityo rero dushobora kugira imibereho y'iby'umwuka, kandi na none dushobora kuyibura bitewe n'uko tuba ahantu harangwa ugushidikanya n'ubwihebe." – *Abahungu n'Abakobwa b'Imana*, p.281.

**b. Ni ubuhe bwishingizi tugira iyo duhindukiriye Yesu? 2Abakorinto 3:18.**

---

"Nk'uko ururabo rwitegera izuba kugirango imirasire yaryo irabagirana ishobore kurufasha mu gutunganya ubwiza bwarwo no gushikama, niko abayoboke ba Kristo bagomba guhindukirira Zuba ryo Gukiranuka, kugirango umucyo mvajuru ushobore kubarasira, uboneze imico yabo kandi ubahe ubunararibonye bwimbitse ndetse burambye mu by'Imana. Birenze ubushobozi bwacu kugirango twiyumvishe imigisha dushobora guhabwa binyuze muri Kristo, turamutse duhuje umuhati wacu wa kimuntu n'ubuntu bw'Imana." – *Ibid.,* p.26.

"Umuntu wese ufite umugambi umwe wo gushaka gukora iby'Imana ishaka, agakurikiza by'ukuri umucyo yahawe, bene uwo ni we uzakira umucyo mwinshi kurutaho. Bene uwo azohererezwa umucyo wo kurabagirana kw'ijuru kugira ngo umuyobore mu kuri kose." – *Intambara Ikomeye*, p.312.

## 5. UKURABAGIRANIRA MU MITIMA YACU

Kuwa Gatanu
8 Gicurasi

a. Ni gute dushobora kuzahurwa n'amagambo atera umwete yavuzwe na Pawulo ku byerekeranye n'Umucyo w'isi? 2Abakorinto 4:6.

---

"Reka ugutekereza ubwiza bw'Imana abe aribyo biganza mu bwenge bwawe. Reka imibereho yawe ihuzwe n'imibereho ya Yesu. Uwategetse umucyo kumurika uturutse mu mwijima, arashaka kumurikira umutima wawe; kugirango urabagirane umucyo wo kumenya ubwiza bw'Imana buri mu maso ha Yesu Kristo. Umwuka Wera azafata iby'Imana maze abikwereke, abishyire mu mutima wumvira nk'imbaraga ibeshaho. Kristo azakuyobora ku irembo ry'Imana Ihoraho. Ushobora kwitegereza ubwiza buri inyuma y'inyegamo, kandi ukagaragariza abantu ko Uhoraho iteka ahagije kugirango adusabire." – *Imigani ya Kristo*, p.149.

"Guhishurwa k'ubwiza [bw'Imana] mu ishusho y'ubumuntu bizazana ijuru hafi y'abantu ku buryo ubwiza burimbishije urusengero rw'imbere buzagaragarira muri buri muntu Umukiza atuyemo. Abantu bazanezezwa n'ubwiza bwa Kristo ubatuyemo. Kandi mu guhimbaza kwinshi n'amashimwe atagira ingano bituruts̈e ku bantu benshi bazanywe ku Mana, icyubahiro kizasubira kuri Uwo utanga kandi ukomeye.

" 'Byuka urabagirane kuko umucyo wawe uje, kandi ubwiza bw'Uwiteka bukaba bukurasiye.' Yesaya 60:1. Ubwo butumwa burahabwa abagiye gusanganira Umukwe. Kristo agiye kugaruka afite imbaraga n'icyubahiro gikomeye. Agiye kugaruka mu bwiza Bwe no mu bwiza bwa Se. Agiye kugaruka ashagawe n'abamarayika bera bose. Mu gihe isi yose izaba ibundikiwe n'umwijima, hazabaho umucyo aho abera batuye hose. Umucyo wa mbere bazawukura ku kuboneka kwa Kristo ubwa kabiri. Umucyo w'agahozo uzamurika uturutse mu bwiza Bwe, kandi Kristo Umucunguzi azahimbazwa n'abamukoreye bose. Mu gihe inkozi z'ibibi zizahunga ukuboneka Kwe, abayoboke ba Kristo bo bazanezerwa." – *Ibid.*, p.420,421.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
9 Gicurasi

1. Ni iki Bibiliya yigisha ku byerekeranye n'Ubumana mu murimo w'irema?
2. Sobanura uburyo Yesu yiyeretse ubwoko Bwe mu butayu.
3. Ni gute umucyo wa Kristo warabagiraniye mu ihema ry'ibonaniro no mu rusengero?
4. Sobanura uburyo Yesu yigaragaje mu gihe cyo kwegurira Imana urusengero.
5. Ni gute Kristo atwihishurira kandi binyuze muri twe?

Ku Isabato, 17 Gicurasi 2025

**Icyigisho 7**

# Mbese Umucyo waranzwe, cyangwa waratumurikiye?

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Uwiteka ni we mucyo wanjye n'agakiza kanjye, nzatinya nde?" (Zaburi 27:1).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero,* vol 7, p.18 – 28.

"Kristo ni we 'Mucyo nyakuri, kandi ubwo nibwo yatangiraga kuza mu isi ngo amurikire umuntu wese' Yohana 1:9. Nk'uko buri muntu wese afite ubugingo binyuze muri Kristo, ni nako binyuze muri We buri muntu wese yakira imirasire y'umucyo uva mu ijuru." – *Uburezi,* p.29.

## 1. UMUCYO WAHANUWE

Kuwa Mbere
11 Gicurasi

**a. Ni gute Umwuka Wera yerekanye Kristo binyuze muri Yesaya? Yesaya 49:6.**

---

**b. Ni gute Simeyoni yasobanuye Yesu igihe yazanwaga mu rusengero mu gihe cyo kwegurirwa Imana, kandi ibyo byagombye gutuma dutekereza iki? Luka 2:32.**

---

"Umusaza Simeyoni igihe yari muri uru rusengero Yesu yariho yigishirizamo, yari yaravuze ko Yesu "ari we mucyo uvira amahanga kandi akaba ubwiza bw'ubwoko bw'Imana bw'Abisirayeli." Luka 2: 32. Muri aya magambo, Simeyoni yavuze kuri Yesu akoresheje imvugo y'ubuhanuzi izwi n'Abisirayeli bose. Umwuka Wera yari yaravugiye mu muhanuzi Yesaya ati, "Kuba umugaragu wanjye, ugakungura imiryango ya Yakobo ukagarura Abisirayeli bacitse ku icumu, ibyo ntibihagije; ahubwo nzaguha kuba umucyo wo kuvira amahanga, kugira ngo agakiza kanjye kagere ku mpera y'isi." Yesaya 49: 6. Muri rusange ubu buhanuzi bwari buzwi ko bwerekeza kuri Mesiya kandi igihe Yesu yavugaga ati, "Ni jye mucyo w'isi," abantu bashoboye gusobanukirwa n'ibyo yari avuze ko ari we Mesiya wasezeranywe." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.465.

"Mbega isomo tubona muri iki gitekerezo gitangaje cy'i Betelehemu! Mbega uburyo gicyaha kutizera kwacu, ubwibone bwacu no kumva twihagije! Mbega uburyo iki gitekerezo kituburira ngo tube maso, kuko kubwo kwirengagiza kwacu bitewe n'ubugome, natwe tunanirwa gusobanukirwa n'ibimenyetso by'ibihe bityo ntitumenye umunsi twagenderewemo." – *Intambara Ikomeye*, p.315.

## 2. UMUCYO WIRENGAGIJWE

Kuwa Kabiri
12 Gicurasi

a. Mbese abayobozi b'Abayuda bakiriye bate umurimo wa Kristo? Yohana 1:11; 8:13.

---

---

"Ubuzima bwose bwa Kristo n'inyigisho Ze byari ibyigisho bihoraho byo kwicisha bugufi, kugira neza, ingeso nziza no kwiyanga. Ibyo byari ugucyaha guhoraho ku mwuka wo kwihangira gukiranuka no guhutiraho wagaragazwaga n'Abayuda. Satani yakomeje kubayobora kugeza ubwo basaga n'abarakajwe n'uko havuzwe gusa imirimo itangaje ya Kristo, iyo mirimo ikaba yaratumaga abantu babavaho [bakisangira Kristo]. Amaherezo baje kwiyumvisha ko yari umubeshyi, kandi ko uburyo bwose bwari gukoreshwa kugirango bamwice bwari kuba bubabereye umuti ukemura ikibazo." – *Impano z'Umwuka*, vol 4a, p.117.

b. Ni ubuhe busobanuro bwumvikana neza Yesu yahaye Abafarisayo batizera, nyamara se bo babyakiriye bate? Yohana 8:14-18.

---

---

"[Abafarisayo] ntibari bazi imico y'ubumana [ya Kristo] ndetse n'umurimo We kubera ko batari barakoze ubushakashatsi ku buhanuzi bwerekeye Mesiya, nk'uko yari amahirwe yabo kandi babifite mu nshingano yo kubikora. Nta mushyikirano bari bafitanye n'Imana n'Ijuru, bityo ntibasobanukiwe umurimo w'Umukiza w'ab'isi, kandi nubwo bari barahawe igihamya gifatika cy'uko Yesu ari we Mukiza, banze gufungura ubwenge bwabo kugirango basobanukirwe. Babanje kumukuraho imitima yabo baramurwanya, maze banga kwizera igihamya gikomeye kurusha ibindi byose kigaragaza ubumana Bwe, kandi ibyo byatumye imitima yabo irushaho kwinangira, kugeza ubwo biyemeje kutamwizera no kumwemera." – *Umwuka w'Ubuhanuzi*, vol 2, p.354,355.

c. Ni irihe tandukaniro rikomeye Yesu yavuze ko ryari hagati Ye n'Abafarisayo batizeraga? Yohana 8:19 – 23.

---

---

d. Ni izihe ngaruka zibabaje zatewe no kuba abategetsi b'Abayuda baranze Kristo? Yohana 8:24; Matayo 23:38.

---

---

## 3. AMATSINDA ABIRI Y'ABABAGA BATEZE AMATWI

Kuwa Gatatu
13 Gicurasi

**a. Nyuma yo kuburirwa ko bashobora gupfira mu byaha byabo, mbese Abafarisayo basabye iki Yesu; kandi ni ukubera iki? Yohana 8:25 (ahabanza).**

---

---

"Babaye nk'abirengagiza amagambo Ye, barabaza bati, "Uri nde?" Bamuhatiraga guhamya ko ari Kristo. Umurimo We n'uburyo yagaragaraga byari bihabanye n'ibyo abantu bibwiraga ku buryo, nk'uko abanzi Be batekerezaga, guhita avuga ko ari we Mesiya byajyaga gutuma yangwa agafatwa nk'umubeshyi." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.465.

**b. Ni gute Umukiza yabasubije, agahishura isano idasanzwe yari afitanye na Se? Yohana 8:25 (ahaheruka), 26 – 29.**

---

---

"Kristo ntiyigeze areka kuba indahemuka ku mahame y'amategeko y'Imana. Nta na rimwe yigeze akora ikintu kinyuranye n'ubushake bwa Se. Imbere y'abamarayika, imbere y'abantu n'imbere y'abadayimoni, yashoboraga kuvuga amagambo yari kuvugwa n'undi muntu uwo ariwe wese akaba abaye amagambo yo gutuka Imana, 'Mpora nkora ibyo [Data] ashima' Yohana 8:29. Buri munsi mu gihe cy'imyaka itatu, abanzi Be bamukurikiraga bagerageza gushaka ikizinga mu mico Ye. Satani n'abambari be bose bashatse kumugusha mu mutego, ariko ntacyo bamubonyeho cyatuma bamuca urwaho. Ndetse n'abadayimoni bahatirwaga kwatura bati: 'Uri Uwera w'Imana.' " – *Ibihamya by'Itorero*, vol 8, p.208.

**c. Sobanura uko Kristo yagendanaga na Se buri munsi, n'uburyo natwe tugomba kubaho iyo mibereho. Yohana 15:10; Abefeso 2:4 – 6.**

---

---

"Uko Yesu yari ameze ubwo yari afite kamere y'umuntu, niko Imana ishaka ko n'abayoboke Bayo bamera. Mu mbaraga Zayo, tugomba kubaho imibereho itunganye kandi iboneye Umukiza yabayeho." – *Ibid.*, p.289.

"Imibereho y'Umukiza ubwo yari ku isi, nubwo yabaga hagati mu midugararo, yari imibereho yuzuye amahoro. Nubwo ababisha bafite uburakari bahoraga bamugenza, yaravuze ati: "Uwantumye turi kumwe: Data ntiyansize jyenyine, kuko mpora nkora ibyo ashima." (Yohana 8:29). Nta muraba w'uburakari bw'umuntu cyangwa ubwa Satani washoboraga guhungabanya amahoro y'uko gusabana n'Imana kutagira amakemwa." – *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha*, p.15,16.

## 4. UMUCYO WATUMURIKIYE

Kuwa Kane
14 Gicurasi

**a. Igihe Yesu yabwiraga Abafarisayo ukuri gukomeye, ni gute amagambo Ye yagize ingaruka ku bantu bafite imitima itaryarya bari bamuteze amatwi, kandi ni ukubera iki ibyo bishobora kudutera umwete muri iki gihe? Yohana 8:30.**

"Kristo yari asobanukiwe uko yakwitwara mu buryo burangwa n'ituze n'ubwenge, no kuburizamo imigambi yabo yo kumuciraho iteka. Amagambo y'Umwami Yesu yari nk'imyambi ityaye yahinguranyaga kandi igakomeretsa imitima y'abamuregaga. Igihe cyose Kristo yavuganaga n'abantu, baba bake cyangwa benshi; amagambo Ye yagiraga ingaruka zo gukiza ubugingo bwa bamwe mu bamwumvaga. Nta butumwa na bumwe bwigeze buva mu kanwa ka Kristo bwigeze buzimira bukaba imfabusa. Buri jambo yavugaga ryashyiragaho inshingano nshya ku bari bamuteze amatwi. Abagabura bari gutanga ubutumwa buheruka bw'imbabazi ku batuye isi, bakamamaza ukuri nta buryarya, bakishingikiriza ku mbaraga z'Imana, ntibagomba na rimwe gutinya ko imihati yabo ari imfabusa. Nta muntu n'umwe wavuga ko umwambi w'ukuri wahushije intego, kandi ko utacengeye mu mitima y'abateze amatwi. Nubwo nta jisho ry'umuntu ryashoboraga kubona umuvuduko umwambi w'ukuri wagenderagaho, nubwo nta gutwi k'umuntu kwashoboraga kumva gutaka k'umuntu wakomerekejwe, nyamara ukuri kwagiye gucengera mu mutima w'umuntu mu buryo bwa bucece. Imana yavuganaga n'umutima, kandi ku munsi w'urubanza rw'imperuka, umugabura w'iby'Imana azahagarara yambaye amakamba y'ubuntu bucungura kugirango aheshe Kristo icyubahiro, We ukwiriye guhabwa icyubahiro. Imana ireba ibyihishe, niyo izagororera ku mugaragaro abantu bagize uruhare mu kwamamaza ukuri mu izina Ryayo." – *Ibimenyetso by'Ibihe*, kuwa 06 Gashyantare 1896.

**b. Uretse abagabura, ni nde wundi wahawe umugisha wo kumurikirwa n'umucyo uvuye mu ijuru? Zaburi 27:1; 147:15; Yesaya 55:10,11.**

"Abantu batahamagariwe umurimo w'ubugabura bakwiriye gushishikarizwa gukorera Shebuja hakurikijwe ubushobozi bwinshi bafite. Amagana menshi y'abagabo n'abagore ubu badafite icyo bari gukora babasha gukora umurimo mwiza ukemerwa. Bashobora gukorera Shebuja umurimo ukomeye binyuze mu kujyana ukuri mu ngo z'inshuti zabo n'abaturanyi babo. Imana ntireba ku gukomera kw'abantu. Izakoresha Abakristo boroheje kandi bitanze bona nubwo baba batarigishijwe bihambaye nk'uko bimeze ku bandi. Mureke abameze batyo binjire mu murimo bayikorere bava ku rugo bajya ku rundi. Igihe ari abantu bicishije bugufi, abantu bitonda kandi bubaha Imana, igihe bicaye ahazengurutse umuriro bota, bashobora kumara imiryango ubukene kurusha uko umugabura wabyerejwe [warambitsweho ibiganza] yabikora." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 7, p.21.

## 5. UBUBATA N'UMUDENDEZO

Kuwa Gatanu
15 Gicurasi

**a. Ni iki Yesu yabwiye Abayuda bamwemeye? Yohana 8:31,32. Mu buryo bunyuranye n'ubwo, ni gute abatizera bananiwe kubona ikintu kimwe rukumbi cyatuma tubaturwa ku cyaha? Yohana 8:33 – 36.**

---

"[Abafarisayo] Bari bari mu bubata busumba ubundi – bagengwa n'umwuka w'ikibi.

"Buri muntu wese wanga kwiyegurira Imana aba agengwa n'indi mbaraga. Ntabwo yigenga ubwe. Ashobora kwibwira ko afite umudendezo, nyamara aba ari mu bubata bukomeye. Ntashobora kwemererwa kubona ubwiza bw'ukuri kubera ko intekerezo ze zigengwa na Satani. Mu gihe yishuka ko akurikiza ibyo umutima we wo gushyira mu gaciro umubwira, aba yumvira ubushake bw'umutware w'umwijima. Kristo yazanywe no guca ingoyi z'uburetwa bw'icyaha mu muntu….

"Mu murimo wo gucungura umuntu nta gahato kabamo. Nta yindi mbaraga yo hanze ikoreshwa. Kubw'imbaraga y'Umwuka w'Imana, umuntu afite umudendezo wo guhitamo uwo azakorera. Mu mpinduka zibaho iyo umuntu yiyeguriye Kristo, harimo kumva ku rwego rutagereranywa ko ufite umudendezo. Kwirukana icyaha ni igikorwa cy'umuntu ubwe. Ni iby'ukuri ko twe ubwacu tudafite imbaraga zo kwigobotora mu butware bwa Satani; nyamara iyo twifuza kuvanwa mu bubata bw'icyaha, maze muri ubwo bukene bwacu bukomeye tugatakamba ngo duhabwe imbaraga tudafite kandi iturenze, imbaraga z'umutima zuzuzwamo imbaraga z'Umwuka Wera, maze umutima ukumvira amabwiriza uhabwa mu gusohoza ubushake bw'Imana.

"Uburyo bumwe rukumbi umudendezo w'umuntu ushoboka ni ukuba umwe na Kristo. 'Ukuri niko kuzababatura'; kandi Kristo ni we kuri. Icyaha gishobora gutsinda gusa ari uko kidindije intekerezo kandi kikangiza umudendezo w'umutima w'umuntu. Kwiyegurira Imana ni ugusubizwamo intege k'umuntu — ni ukugaruka ku cyubahiro ndetse n'ubwiza nyakuri by'umuntu. Amategeko y'Imana dushobozwa kumvira, ni "amategeko atera umudendezo." Yakobo 2:12." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.466.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
16 Gicurasi

**1. Sobanura icyo amagambo Simeyoni yavuze kuri Yesu ashatse kuvuga.**

**2. Sobanura uko Abanditsi n'Abafarisayo bafataga Kristo.**

**3. Mbese byari kugendekera bite ishyanga ryabo bitewe n'uko ryanze Yesu?**

**4. Ni gute abantu b'imitima itaryarya bakira Kristo, haba muri icyo gihe ndetse no muri iki gihe?**

**5. Sobanura ijambo 'umudendezo' mu mucyo w'ukuri k'ubutumwa bwiza.**

Ku Isabato, 24 Gicurasi 2025

**Icyigisho 8**

# Yesu na Aburahamu

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Aburahamu sekuruza wanyu yifujije cyane kureba umunsi wanjye, kandi awubonye aranezerwa." (Yohana 8:56).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Imigani ya Kristo,* p.269 – 271; 330 - 332*; Inyandiko z'Ibanze,* p.149 – 153*.*

"[Aburahamu] yasenze isengesho rikomeye cyane abikuye ku mutima asaba ko yazabona Mesiya mbere y'uko apfa. Kandi yabonye Kristo." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.468.

## 1. ABANA BA ABURAHAMU

Kuwa Mbere 18 Gicurasi

**a. Ni iki Abafarisayo bavugaga bakajya bahora babisubiramo? Yohana 8:33,39 (ahabanza). Nyamara se ikigaragara nk'igifitanye isano n'ibyo ngibyo ni ikihe? Yohana 8:39 (ahaheruka),56; Abaroma 9:6-8.**

"Abafarisayo bari baravuze ko ari abana ba Aburahamu. Yesu yababwiye ko ibyo bishoboka gusa ari uko bakoze ibikorwa nk'ibya Aburahamu. Abana nyakuri ba Aburahamu bagombaga kubaho nk'uko yabayeho, bakagira imibereho yo kubaha Imana. Ntibari bakwiriye kugerageza kwica Uwabagezagaho ukuri yahawe n'Imana. Igihe bacuriraga Kristo umugambi mubisha, abigisha b'Abayuda ntibakoraga nka Aburahamu. Kuba igisekuruza cyabo cyari gishamikiye kuri Aburahamu ntacyo byari bimaze. Ntabwo bari abana ba Aburahamu mu gihe batari bafitanye isano y'umwuka na Aburahamu, kuko iyo sano yagombaga kugaragarira mu kugira umwuka nk'uwe no gukora nk'uko yakoraga.

"Iri hame rifite uburemere ku kibazo cyagiye giteza impaka mu Bakristo. Icyo ni ikibazo cyerekeranye no gusimburana mu buyobozi mu by'idini. Gukomoka kuri Aburahamu ntabwo byagaragazwaga n'izina cyangwa igisekuru ahubwo bigaragazwa no gusa nawe mu mico. Bityo rero gusimburana mu buyobozi mu by'idini ntabwo bishingiye ku guhererekanya ububasha mu itorero, ahubwo bishingiye ku isano mu by'umwuka. Imibereho irangwa n'umwuka wari mu ntumwa, kwizera no kwigisha ukuri intumwa zigishaga, nicyo gihamya nyakuri cy'uwasimbura abandi ku buyobozi mu by'umwuka. Iki ni cyo gihesha abantu ububasha bwo gusimbura abigisha b'ubutumwa bwiza ba mbere." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.466,467.

## 2. SI ICYO BIRATA KO BARI CYO

Kuwa Kabiri
19 Gicurasi

**a. Nubwo Abayuda bakomokaga kuri Aburahamu [ku mubiri], mu by'ukuri babaye abana ba nde igihe bangaga Kristo? Yohana 8:41 – 44.**

"Yesu yahakanye ko Abayuda ari abana ba Aburahamu. Yaravuze ati, "Ibyo mukora ni nk'ibya so." Bamusubije bamukwena bati, "Ntituri ibibyarwa, ahubwo dufite data umwe, ni we Mana." Aya magambo bavuze berekeza ku buryo Yesu yavutsemo, yari agambiriye kwangisha Kristo imbere y'abari batangiye kumwizera. Ntabwo Yesu yitaye ku magambo yabo, ahubwo yaravuze ati, "Iyaba Imana yari so, muba munkunze, kuko naje nkomotse ku Mana."

"Ibikorwa byabo byagaragazaga isano bari bafitanye n'umubeshyi akaba n'umwicanyi. Yesu yaravuze ati: "Mukomoka kuri so, Satani; kandi ibyo so ararikira, ni byo namwe mushaka gukora. Uwo yahereye kera kose ari umwicanyi; kandi ntiyahagaze mu by'ukuri, kuko ukuri kutari muri we... Ariko jyewe, kuko mbabwira iby'ukuri, ntimunyizera." Yohana 8:44,45. Kubera ko Yesu yavugaga ukuri kandi agahamya ibyo yababwiraga, byatumye atemerwa n'abategetsi b'Abayuda. Ukuri yavugaga ni ko kwateraga ikimwaro aba bantu bigiraga abakiranutsi. Ukuri kwashyiraga ku mugaragaro uburyo amakosa yabo yaganishaga mu buyobe; kwaciragaho iteka inyigisho zabo n'ibikorwa byabo maze bituma bakwanga. Aho kwicisha bugufi ngo bemere amakosa yabo, bahisemo guhumiriza ngo batabona ukuri. Ntabwo bakundaga ukuri. Ntibakwifuzaga nubwo kwari ukuri." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.467.

**b. Mbese ni iki kitugira abana ba Aburahamu; kandi ni gute abayobozi b'Abayuda bagaragaje ko atari abana nyakuri ba Aburahamu? Abagalatiya 3:6 – 9; Yohana 8:40.**

" 'Kuko mutahawe umwuka w'ububata ubasubiza mu bwoba, ahubwo mwahawe umwuka ubahindura abana b'Imana, udutakisha uti 'Aba, Data!' Umwuka w'ububata uturuka ku gushaka kubaho mu buryo buhuje n'idini ikurikiza amategeko, binyuze mu kwihatira gusohoza ibyo amategeko adusaba mu mbaraga zacu bwite. Ibyiringiro rukumbi gusa tubigira iyo turi munsi y'isezerano rya Aburahamu, ariryo sezerano ry'ubuntu kubwo kwizera Yesu Kristo. Ubutumwa bwiza bwabwirijwe Aburahamu, ari nabwo yari yiringiye, nibwo butumwa bwiza natwe tubwirizwa muri iki gihe, ari nabwo dufitemo ibyiringiro. Aburahamu yahanze amaso Yesu, We banze ryo kwizera kwacu akaba ariwe ugusohoza rwose." – *Umwigisha w'Urubyiruko,* kuwa 22 Nzeri 1892.

## 3. IMICO YA KRISTO



**a. Ni ikihe kibazo abanzi ba Yesu batashoboye gusubiza ku byerekeranye n'imico Ye itunganye? Yohana 8:46 (ahabanza).**

---

---

"Mu buzima Bwe hano ku isi, Kristo yakujije imico itunganye rwose, yumviye amategeko ya Se mu buryo buzira amakemwa. Mu kuza ku isi yambaye umubiri w'umuntu, mu gutwarwa n'amategeko Kwe, mu guhishurira abantu ko yishyizeho indwara zabo, imibabaro yabo n'intimba yabo, ntabwo yigeze ahinduka umunyabyaha. Ari imbere y'Abafarisayo yashoboraga kuvuga ati: 'Ni nde muri mwe unshinja [akanyemeza] icyaha?' Nta kizinga na kimwe cy'icyaha cyabonetse kuri We. Yahagaze imbere y'isi ari Umwana w'Intama w'Imana utagira inenge." – *Abahungu n'Abakobwa b'Imana*, p.25.

"Haba imbere y'abo mu ijuru, imbere y'ibiremwa bitacumuye byo ku yandi masi n'imbere y'abatuye iyi si bacumuye, Yesu yabayeho yumvira amategeko. Imbere y'abamarayika, abantu ndetse n'imbere y'abadayimoni, Yesu yavuze amagambo atarashoboraga guhakanywa kandi yari gufatwa nko gutuka Imana iyo aza kuvugwa n'akanwa k'undi: 'Kuko mpora nkora ibyo [Data] ashima'." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.467,468.

**b. Uretse ibyo Yesu yavuze nk'Umwana w'umuntu, ni iki Ibyanditswe bivuga ku byerekeye imico ya Kristo? Abaheburayo 4:15; 1Petero 1:18,19.**

---

---

"Ukwizera abantu bafitiye Kristo nka Mesiya, ntabwo gukwiriye gushingira ku bimenyetso bigaragarira amaso gusa, kandi ngo bamwizere kuko yari afite ibyababakururaga, ahubwo byatewe n'uko yari afite imico myiza cyane itari yarigeze iboneka ku wundi muntu, kandi nta wundi washoboraga kuyigira." – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya*, vol 7, p.904.

**c. Ni gute tugomba gukorwaho n'imibereho ya Yesu? Abafilipi 2:6 – 8.**

---

---

"Ntimuzi se ko Uwatubereye icyitegererezo yanyuze mu nzira iruhije, yo kwiyanga no kwitanga ndetse no kwicisha bugufi ku bwacu kugirango adukize? Mu murimo yakoze wo kudukiza, Umukiza yahuye n'ibirushya byinshi, ahemukirwa kenshi, aratukwa ndetse arababazwa ku bwacu. None se twebwe tuzanga kunyura inzira Umwami w'icyubahiro yanyuzemo? Mbese tuzinubira imiruho n'ibigeragezo mu murimo wo kunesha ku ruhande rwacu, mu gihe twibuka imibabaro y'Umucunguzi wacu?" – *Ibihamya by'Itorero*, vol 3, p.371.

## 4. IMICO Y'ABAYOBOKE BA KRISTO

Kuwa Kane
21 Gicurasi

a. Ni iyihe ntego y'abayoboke nyakuri bose ba Kristo? 1Petero 1:13 – 16.

"Umurimo wacu ni ugushyiraho umuhati kugirango mu byo dukora tugere ku butungane nk'ubwo Kristo yagezeho kuri buri ntambwe y'imico mu mibereho Ye hano ku isi." – *That I May know Him*, p.130.

**b. Ni gute dushobora kugera kuri iyo ntego? Abaheburayo 12:1 – 4; Abagalatiya 5:6 (ahaheruka); Abafilipi 3:12 – 15; 4:13.**

"Ni gute dushobora kugera ku butungane bwavuzwe n'Umwami wacu n'Umukiza Yesu Kristo – Umwigisha wacu Mukuru? Mbese dushobora kubahiriza ibyo adusaba kandi tukagera ku rugero rwo hejuru? Dushobora kubikora, bitabaye ibyo Kristo ntiyari kudusaba kubikora. Ni we Gukiranuka kwacu. Mu bumuntu Bwe, yatugiye imbere maze aduhesha ubutungane bw'imico. Tugomba kumwizera kwa kwizera gukorera mu rukundo kandi kukeza ubugingo. Ubutungane bw'imico bushingiye ku cyo Kristo atubereye cyo. Niba buri gihe twishingikiriza ku bugiraneza bw'Umukiza wacu, kandi tukagera ikirenge mu Cye, tuzasa na We, tubonere tudafite ikizinga." – Ibid.

c. Ni gute dushobora kuba abantu baboneye kandi badafite inenge imbere y'Imana? Abaroma 5:18 – 20; Abaheburayo 10:14.

"Kristo ababarira gusa umuntu wihannye, ariko uwo ababarira, abanza kumutera kwihana." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe,* vol 1, p.393,394.

"Umunyabyaha agomba guhora ahanze amaso i Kaluvari; kandi mu kwizera nk'uk'umwana muto, agomba kuruhukira mu mirimo ya Kristo, akakira gukiranuka Kwe kandi akizera imbabazi Ze....

"Mbega urukundo — mbega urukundo rutarondoreka — ku buryo rwatumye Kristo adupfira tukiri abanyabyaha! Mbega igihombo ku muntu usobanukiwe n'ibyo amategeko asaba bikomeye, nyamara akananirwa gusobanukirwa n'ubuntu bwa Kristo bwarushijeho gusāga!" – *Ibid.*, p.384.

## 5. IMICO YACU IRAHINDUKA IGASA NK'IYE

Kuwa Gatanu
22 Gicurasi

a. Ni gute umuhamagaro wacu no gutoranywa kwacu twabigira impamo? 2Petero 1:4 – 11; Ibyahishuwe 19:8.

---

---

---

"Icyo Imana isaba muri iki gihe ni icyo yasabye Adamu. Ni ukumvira gutunganye, gukiranuka kuboneye rwose, kutarangwaho ikosa mu maso Yayo. Imana idufashe kuyigaragariza ibyo amategeko Yayo asaba byose. Ntabwo dushobora gukora ibi tudafite kwa kwizera kuzana ugukiranuka kwa Kristo mu mikorere ya buri munsi." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 2, p.381.

"Igihe cyose Satani azaba akiriho, tuzaba dufite inarijye tugomba gutsinda n'ibyaha bitwibasira tugomba kunesha. Kugeza ku iherezo ry'ubuzima, ntihazigera habaho ahantu ho guhagarara, nta n'aho tuzashobora kugera ngo tuvuge tuti: "Ngeze aho ngomba kugera." Kwezwa ni umusaruro wo kumvira mu buzima bwose." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.560,561.

"Dukwiriye kumenya ko binyuze mu kumwizera ari amahirwe yacu kuba abasangiye na We kamere y'Imana, bityo tugahunga ukononekara kwazanywe mu isi no kwifuza. Ubwo nibwo twezwaho ibyaha byose, ndetse n'inenge zose z'imico. Ntidukeneye gusigarana akantu na kamwe kadukururira ku cyaha.....

"Mu gihe dusangiye [na Kristo] kamere y'Imana, niko ibyifuzo twavukanye n'ibyo twimenyereje bidusunikira ku gukora icyaha bigenda bikurwa mu mico yacu, maze tukaremwamo imbaraga nshya ituma dukora ibyiza. Mu gihe dukomeza kwigira ku Mwigisha mvajuru, tugasangira kamere Ye buri munsi, dufatanya n'Imana mu kunesha ibishuko bya Satani. Imana irakora, n'umuntu agakora, kugirango umuntu abe umwe na Kristo nk'uko Kristo ari umwe n'Imana....

"Imana niyo iduha imbaraga zo gutsinda. Abumva ijwi Ryayo kandi bakumvira amategeko Yayo bashobozwa kugira imico ikiranuka." – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya,* vol 7, p.943.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
23 Gicurasi

1. Kubera iki Abafarisayo batashoboraga kuvuga ko bazabona ubugingo buhoraho bashingiye ku gisekuru cyabo ku mubiri – cyangwa muri iki gihe kuki nta muntu wakwishingikiriza ku gisekuru cye ku mubiri cyangwa ingeso akomora ku babyeyi be ho umurage [DNA] nk'ikimenyetso cy'agakiza?
2. Sobanura ibiranga abana nyakuri ba Aburahamu.
3. Ni iki Yesu yashoboye gutangaza ku byerekeranye n'imico Ye?
4. Ni iyihe ntego iri imbere ya buri Mukristo wese?
5. Ni gute dushobora kuboneka imbere y'Imana dutunganye kandi tudafite inenge?

Ku Isabato, 31 Gicurasi 2025

**Icyigisho 9**

# Yesu n'Impumyi

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Yesu aravuga ati "Nazanywe muri iyi si no guca amateka ngo abatabona barebe, n'ababona bahume." (Yohana 9:39).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero,* vol 3, p.570 – 575.

"Amateka ya Yobu yagaragaje ko imibabaro ikomoka kuri Satani, ariko kubw'imbabazi Zayo, Imana igaragaza ubushobozi Bwayo buruta kure iyo mibabaro." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.471.

## 1. UGUSOBANUKIRWA KURIMO UBUPFAPFA

Kuwa Mbere 25 Gicurasi

a. Ni ikihe kibazo abigishwa babajije Yesu igihe babonaga uwo muntu wavutse ari impumyi? Yohana 9:1,2.

b. Ni iyihe mitekerereze itari iy'ukuri ku byerekeranye n'uburwayi yari ifitwe n'Abayuda n'Abigishwa; kandi ni gute Satani yabyungukiyemo? Yohana 9:34 (ahabanza).

"Muri rusange Abayuda bizeraga ko iyo umuntu akoze icyaha abona igihano muri ubu buzima. Buri mubabaro wose wageraga ku muntu wafatwaga nk'aho ari igihano gikomotse ku makosa yakozwe n'uwo muntu cyangwa ababyeyi be. Ni iby'ukuri ko imibabaro yose itugeraho ari ingaruka yo kwica amategeko y'Imana, ariko uku kuri kwari kwaragoretswe. Satani we nkomoko y'icyaha n'ingaruka zacyo, yari yaratumye abantu babona ko indwara n'urupfu bituruka ku Mana; bikaza ari igihano gihawe abantu kubera ibyaha byabo. Bityo rero umuntu wabaga yaragezweho n'ibyago bikomeye cyangwa akaga yagiraga undi mutwaro wo gufatwa nk'umunyabyaha ruharwa.

"Muri ubwo buryo, ibi byari byarateguriye Abayuda inzira yo kwanga Yesu. "Uwishyizeho intimba zacu, akikorera imibabaro yacu" yafashwe n'Abayuda "nk'uwakubiswe n'Imana agacumitwa na Yo" maze bamwima amaso." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.471.

## 2. KUBWO GUHESHA IMANA ICYUBAHIRO

Kuwa Kabiri
26 Gicurasi

a. Ni ikihe gisubizo cya Yesu gitanga umucyo ku byerekeranye n'imibabaro n'icyaha? Yohana 9:3 – 5.

"Imyizerere Abayuda bari bafite ku byerekeye isano iri hagati y'icyaha n'imibabaro niyo n'abigishwa ba Yesu bari bafite. Igihe Yesu yakosoraga ikosa ryabo, ntiyasobanuye impamvu y'imibabaro igera ku muntu, ahubwo yababwiye icyajyaga kuba ingaruka. Yababwiye ko ari ukugira ngo imirimo y'Imana yerekanwe. Yaravuze ati, 'Nkiri mu isi ndi umucyo w'isi'." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.471.

b. Ni iki Yesu yakoze nyuma yaho gato, kandi ni gute iyo mpumyi yifatanyije na We? Yohana 9:6,7.

"Amaze gusiga akondo ku maso y'impumyi, yamwohereje kujya kwiyuhagira mu kidendezi cy'i Silowamu, maze aragenda ariyuhagira arahumuka. Uko niko Yesu yasubije ikibazo cy'abigishwa abinyujije mu bikorwa nk'uko yahoraga asubiza ibibazo bamubazanyaga amatsiko. Abigishwa ntibahamagarirwaga kujya impaka ku kibazo cyerekeye uwakoze icyaha n'utaragikoze, ahubwo bari bakeneye gusobanukirwa imbaraga n'impuhwe by'Imana mu guhumura impumyi. Byagaragaraga neza ko nta bushobozi bwo gukiza bwari mu cyondo cyangwa mu kidendezi aho iyo mpumyi yoherejwe kwiyuhagira, ahubwo imbaraga ikiza yari muri Kristo." – Ibid.

c. Sobanura uko abaturanyi b'uwo muntu wari wakize babyakiriye mu buryo butandukanye; kandi uvuge ikiganiro cyabayeho hagati ye n'abaturanyi be. Yohana 9:8 – 12.

"Abaturanyi b'uwo musore wakijijwe n'abandi bari basanzwe bamuzi ari impumyi, baravuze bati, "Uyu si we wicaraga asabiriza?" Bamurebanye gushidikanya kuko ubwo yahumukaga, mu maso he harahindutse agira isura irabagirana bityo yagaragaraga nk'aho ari undi muntu. Bagiye babazanya ikibazo. Bamwe baravuze bati, "Ni we"; abandi bati "Si we, icyakora asa na we." Nyamara uwo wari umaze guhabwa umugisha ukomeye yakemuye impaka arababwira ati, "Ni jye." – *Ibid.,* p.471,472.

**a. Mbese abayobozi b'Abayuda bashyiriye nde uwo muntu wavutse ari impumyi, kandi ni ukubera iki? Yakize ku wuhe munsi? Yohana 9:13,14.**

**b. Sobanura uko Abafarisayo babyakiriye. Yohana 9:15,16.**

"Abafarisayo baharaniraga kwerekana ko Yesu ari umunyabyaha kandi ko atari Mesiya. Ntabwo bari bazi ko Uwaremye Isabato, akamenya n'amabwiriza agendana nayo ari we wahumuye iyo mpumyi. Bagaragaraga nk'abarangwa n'ishyaka ryo kubahiriza Isabato, nyamara bariho bacura umugambi wo kwica Yesu kuri uwo munsi w'Isabato." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.472.

**c. Ni bande Abafarisayo bahamagaye kugirango batange ubuhamya ku byerekeranye n'uwo muntu wari wakijijwe? Yohana 9:18,19.**

"[Abafarisayo] bahamagaye ababyeyi be maze barababaza bati, "Uyu ni umwana wanyu, uwo muvuga ko yavutse ari impumyi?"

"Uwo muntu ubwe yivugiye ubwe ko yari impumyi none akaba yahumuwe; ariko Abafarisayo bo banze kwemera amakosa yabo biyemeza guhakana ibyo barebeshaga amaso yabo. Urwikekwe rwabo rwari rukabije kandi gukiranuka kwabo kwa Gifarisayo kwarimo ubuyobe bwinshi." – Ibid.

**d. Ni gute duhabwa umuburo ku byerekeranye n'akaga gakomeye ko gutsimbarara ku myumvire umuntu yahoranye mbere? Imigani 18:13**

"Hari abantu benshi bashingira ibitekerezo byabo ku byo bumvise, bigatuma igitekerezo gisa nk'aho gitandukanye rwose n'icyo uwatanze ikiganiro yagerageje kuvuga. Bamwe bumva binyuze mu ngeso zabo bwite z'urwikekwe cyangwa kumvirana kwabo kutari ko, bagasobanukirwa ikintu nk'uko bo bifuza ko kiba, nk'uko bihuje neza n'intego yabo." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.695.

## 4. GUHANGANA N'ITERABWOBA

Kuwa Kane
28 Gicurasi

**a. Ni gute Abafarisayo bagerageje gutera ubwoba ababyeyi b'uwo muntu wari waravutse ari impumyi, kandi ni gute basubije? Yohana 9:20,21. Ni ukubera iki batanze igisubizo cya nikize? Yohana 9:22,23.**

---

"Abafarisayo bari basigaranye ibyiringiro bimwe rukumbi, aribyo byo gutera ubwoba ababyeyi b'uwo wari impumyi. Bababajije n'ubukana bati, "None se yahumuwe n'iki?" Ababyeyi be batinye kwikururira akaga kuko byari byarategetswe ko umuntu wese uzemera ko Yesu ari Kristo azacibwa mu isinagogi. Ni ukuvuga ko yagombaga kumara iminsi mirongo itatu atagera mu rusengero. Muri icyo gihe cy'akato, nta mwana w'uwo muntu washoboraga gukebwa cyangwa ngo baririre uwashoboraga gupfa mu rugo rwe. Iki gihano cyafatwaga nk'icyago gikomeye; kandi iyo uwo muntu atihanaga, hakurikiragaho igihano kirushijeho gukomera. Umurimo w'agatangaza wari wakorewe umwana wabo wari waranyuze ababyeyi be, nyamara barasubije bati: "Tuzi yuko uyu ari umwana wacu, kandi yavutse ari impumyi. None arareba ariko igituma areba ntitukizi, kandi n'uwamuhumuye ntitumuzi: Nimumwibarize namwe; ni umugabo mukuru arivugira." Bityo byose babiherereje ku muhungu wabo kuko batinyaga guhamya Kristo imbere y'Abafarisayo." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.472,473.

**b. Ni iki tugomba kuzirikana mu gihe duhangayikishijwe n'iterabwoba? Zaburi 118:6.**

---

"Shikama gitwari, kandi ntuzigere ukora igikorwa kibi kugirango utitwa ikigwari. Ntukemere ko ibitutsi, iterabwoba, cyangwa amagambo yo kugusebya bituma ukora ibinyuranyije n'umutimanama wawe." – *Amahameshingiro y'Uburezi bwa Gikristo*, p.93.

"Imico nyakuri ya Gikristo igomba kurangwa no kudateshuka intego, ifite imbaraga ikomeye idashobora guhindurwa cyangwa gutsindwa n'isi cyangwa ikuzimu. Umuntu udahumiriza ngo atareba ibyubahiro by'isi bimurêshya, ngo yirengagize ibikangisho, ngo areke gushishikazwa n'ibinezeza bishukana, azagwa mu mitego ya Satani, ibyo byose abikore mu buryo atiteze." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 4, p.543,544.

"Tuzahura no kurwanywa kuzuye ubugome bukomeye cyane guturutse mu Badiventisiti barwanya amategeko y'Imana. Ariko kimwe n'abubatsi b'inkike za Yerusalemu, ntabwo dukwiriye guteshurwa umurongo kandi ngo tubuzwe gukora umurimo wacu bitewe n'amagambo avugwa, bitewe n'intumwa zifuza ko tujya impaka cyangwa ko duhangana, cyangwa ngo tubuzwe n'ibikangisho, gukwiza ibinyoma, cyangwa andi mayeri ayo ariyo yose Satani ashobora gukoresha." – *Ibid.*, vol 3, p.574.

## 5. AMATEKA YISUBIRAMO

Kuwa Gatanu
29 Gicurasi

a. Sobanura ibigomba kuba ku bwoko bw'Imana bwubahiriza amategeko Yayo, n'uburyo tugomba kubyitwaramo. Ibyahishuwe 12:17; Ibyakozwe n'Intumwa 4:18 – 20.

---

"Ubwo intambara ikomeye iri hagati y'icyiza n'ikibi izajya irushaho gufata indi ntera kandi intekerezo z'abantu zikararikirwa guhugukira amategeko y'Imana yasiribanzwe, Satani azahaguruka bwangu. Imbaraga izaba iri muri ubwo butumwa izasaza ababurwanya cyane. Abayobozi b'amadini bazakoresha imbaraga zidasanzwe ngo bazimye umucyo w'ubutumwa utarasira ku bayoboke babo. Bazakoresha uburyo bwose kugira ngo baburizemo impaka z'ibyo bibazo by'ingenzi. Itorero rizitabaza ukuboko gukomeye k'ubuyobozi bwa leta, kandi muri uwo murimo, ubupapa n'ubuporotesitanti buzifatanya. Ubwo itegeko ryo guhatira abantu kuruhuka ku munsi wa mbere w'icyumweru rizakaza umurego kandi rigafatirwa umwanzuro, iryo tegeko rizifashishwa mu kurwanya abakomeza amategeko y'Imana. Bazacibwa ibihano banashyirwe mu nzu y'imbohe, ndetse bamwe bazagaruzwa guhabwa imirimo y'icyubahiro, abandi bahabwe ingororano n'andi mashimwe kugira ngo babakure ku kwizera kwabo. Ariko igisubizo cyabo cya mbere kizaba kikiri iki ngo: "Nimutwereke mu ijambo ry'Imana ikosa turegwa" nk'uko Luteri yashubije ubwo yasabwaga kwiregura. Abajyanywe mu nkiko bahagarariye ukuri, kandi bamwe mu babumvise byababateye gufata icyemezo cyo gukomeza amategeko y'Imana. Nguko uko umucyo uzarasira ibihumbi byinshi by'abantu batari kuzigera bamenya ukuri." – *Intambara Ikomeye,* p.607.

b. Mu gihe duhanganye n'abaturwanya, ni iki dukwiriye guhora tuzirikana? Yohana 9:39; Ibyakozwe n'Intumwa 4:33; Matayo 10:28.

---

"[Intumwa] ntizashoboye guhagarikwa cyangwa guterwa ubwoba n'ibikangisho." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.48.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
30 Gicurasi

1. Ni gute abayobozi b'Abayuda baciraga urubanza abarwayi n'abababaye?
2. Mu by'ukuri se, ni nde wakijije iyo mpumyi?
3. Kubera iki abaturanyi b'iyo mpumyi bagize urujijo?
4. Ni ibihe bintu uwo musore yahuye nabyo nyuma yo gukira kwe?
5. Ni gute nakwirinda kugwa mu mutego ababyeyi be baguyemo?

# Amaturo y'Isabato ya Mbere
## Ku isabato 7 Kamena 2025
## Azafasha kubaka insengero ebyiri i Tamili Nadu, mu Buhinde




Ubucukuzi bw'ibyataburuwe mu matongo bwerekana ko mu ntangiriro z'umwaka wa 2600 Mbere ya Kristo, abaturage bo mu mujyi wa Indusi bari batuye ku mugabane w'isi, muri iki gihe uzwi ku izina ry'Ubuhinde. Hashize igihe kirekire idini ryiganje hano ari iry'Abahindu (79.8%); rigakurikirwa n'idini rya Isilamu (14.2%); Ubukristo (2.3%), Idini rya Sikh (1.7%), n'ayandi madini. Mu gihe hari amakuru avuga ko Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi Bavugurura batangiye kuhakorera mu myaka ya 1920 na 1950, mu 1987 nibwo u Buhinde bw'Amajyaruguru bwahagarariwe bwa mbere mu ihuriro ry'Inteko Nkuru Rusange y'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi Bavugurura.

Intara yo mu Majyepfo y'Ubuhinde – Tamili Nadu – ifatwa nk'imbaraga zikomeye haba mu nganda no mu buhinzi. Umurimo w'Umwami Imana washinzwe hano mu gihe cy'imyaka myinshi, ariko kugirango abaturage benshi barenga miliyoni 72 muri iyi leta bagire icyo bakorerwa, hakenewe ubufasha bwagutse kurushaho.

Dukurikije ibarura ry'abaturage bo mu Buhinde ryo mu 2001, umudugudu wa Pativerapati wari ufite abaturage 7,744. Impuzandengo yawo y'abazi gusoma no kwandika ni 83%, ikaba iruta iy'igihugu cyose (59%), hakaba hakwiriye ibitabo byo gusoma.

Aho hantu abantu batunzwe cyane n'ikawa, hakurikiraho ibitoki, amacunga, karidamomu, urusenda n'ibindi birungo. Palapati ni umudugudu munini utuwe n'abaturage 13,701.

Kuva mu mwaka wa 1998, umurimo udacogora w'umuvugabutumwa ukomoka muri Periyakalamu wafashije mu kongera cyane umubare w'abizera b'itorero, cyane cyane muri utwo turere tubiri. Ibibazo bitandukanye byatumye kuba mu mazu y'inkodeshanyo bigorana cyane, bityo ubu ngubu bene data bo mu midugudu ya Pativerapati na Palapati bakeneye ahantu habo bwite ho gusengera.

Umwuka w'ubuhanuzi uvuga by'umwihariko ko Ubuhinde ari ahantu "Abantu za miliyoni zitabarika batigeze bumva iby'Imana cyangwa iby'urukundo Rwayo rwahishuriwe muri Yesu Kristo. Na bo bafite uburenganzira bwo kumenya ibyo. Na bo bafite uburenganzira bungana n'ubwacu bwo gusaba kugirirwa imbabazi n'Umukiza." – *Uburezi*, p.263.

Kubw'ibyo rero, turasaba mu kinyabupfura bene data na bashiki bacu bo ku isi yose kudufasha batangana ubuntu, kugirango twubake insengero zitanga umucyo, kuko Uwiteka akwiriye kumurikira hano. "Hamwe n'umurimo wo gushyigikira amategeko y'Imana no kuziba icyuho cyayaciwemo, dukwiriye kugirira impuhwe abanyamibabaro. Dukwiriye kwereka Imana urukundo rwo mu rwego rwo hejuru; dukwiriye kwerereza urwibutso Rwayo". – *Umurimo w'Ubugiraneza*, p.32. Murakoze kandi Uwiteka ahire impano n'abazitanga!

*Bene so na bashiki banyu bo muri Pativerapati na Palapati*

Ku Isabato, 7 Kamena 2025

**Icyigisho 10**

# Guhangana n'Ubuhumyi bw'Iby'umwuka

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Ni cyo gitumye mbabwira yuko abantu bazababarirwa icyaha cyose n'igitutsi, ariko gutuka Umwuka ni icyaha kitazababarirwa. Kandi umuntu wese usebya Umwana w'umuntu azababarirwa, ariko usebya Umwuka Wera ntazababarirwa, naho haba mu gihe cya none cyangwa mu gihe kizaza." (Matayo 12:31,32).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero,* vol 2, p.489 – 497.

"Ntabwo Imana ari yo ihuma amaso y'abantu cyangwa ngo inangire imitima yabo. Ibohererereza umucyo kugira ngo ukosore amakosa yabo kandi ubayobore mu nzira zitekanye; kwanga kwemera uwo mucyo ni byo bihuma amaso kandi bigatera umutima kwinangira." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.322.

## 1. IGIHE BONGERAGA KUMUBAZA IKIBAZO

Kuwa Mbere 1 Kamena

a. Igihe Abafarisayo bahamagaraga ku ncuro ya kabiri wa musore Yesu yahumuye, ni iki bagerageje kumuhatira gukora? Yohana 9:24.

"Abafarisayo bageze aho babona ko bari kwamamaza ibyo Yesu yakoze. Ntabwo bashoboraga guhakana igitangaza cyakozwe. Uwari impumyi yari yasabwe n'ibyishimo no kunyurwa; yitegerezaga ibyo Imana yaremye bitangaje maze akuzuzwa umunezero no kureba ibyiza bitatswe isi n'ikirere. Yavugaga ibyamubayeho nta nkomyi maze na none Abafarisayo bakomeza kumucecekesha bavuga bati, "Shima Imana; twebwe tuzi yuko uwo muntu ari umunyabyaha." Bashakaga kumubwira bati, "Ntiwongere kuvuga ko uyu Muntu yaguhumuye; ni Imana yabikoze." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.473.

b. Ni ikihe gihamya kidashidikanywaho uwo musore yatanze? Yohana 9:25.

## 2. IGIHE BONGERAGA KUMUBAZA IKIBAZO (birakomeje)

Kuwa Kabiri
2 Kamena

**a. Ni iki Abafarisayo bongeye kubaza wa musore wari wahumutse; kandi se mu by'ukuri intego yabo yari iyihe? Yohana 9:26.**

"[Abafarisayo] barongera baramubaza bati, "Yakugenjeje ate? Yaguhumuye ate?" Bagerageje gukoresha amagambo menshi kugira ngo bamutere urujijo maze agere aho yibwira ko yibeshye. Satani n'abamarayika be bari bari ku ruhande rw'Abafarisayo, maze imbaraga n'uburyarya bwabo babihuza n'imitekerereze y'Abayuda kugira ngo barwanye umurimo wa Kristo. Abafarisayo bajijishaga imitima y'abantu bari benshi bashakaga kwimbika bemera ibyo Kristo yakoraga." – *Uwifuwa Ibihe Byose*, p.473.

**b. Ni gute uwo musore yabasubije kandi se ni nde wari iruhande rwe kugirango amutere ubutwari? Yohana 9:27.**

"Abamarayika b'Imana nabo bari bahari kugira ngo bakomeze uwari wahumuwe.

"Abafarisayo ntibamenye ko uwo bavuganaga ari umuntu utaranyuze mu ishuri kandi wavutse ari impumyi. Ntabwo bari bazi Uwo bahanganye nawe. Umucyo w'Imana wamuritse mu ntekerezo z'uwavutse ari impumyi. Uko aba Bafarisayo b'indyarya bageragezaga kumubuza kwizera, yakoresheje umurava mwinshi no gushira amanga mu bisubizo bye, Imana imufasha kubereka ko badashobora kumugusha mu mitego." – *Ibid.*, p.473,474.

**c. Ni gute twakwiringira ko no muri iki gihe twahabwa ubufasha nk'ubwo? Luka 12:11,12.**

"Ubu noneho, hamwe na Bibiliya zanyu murashaka kujya imbere y'Imana, mukazibumbura imbere y'Imana. Murashaka ko ubwenge bwanyu bukanguka, murashaka kumenya ko muzi amahame y'ukuri bya nyabyo, kugirango igihe muzaba muhuye n'ababarwanya; ntimuzahangane na bo mukoresheje imbaraga zanyu bwite. Marayika w'Imana azahagarara iruhande rwanyu kugirango abafashe gusubiza buri kibazo cyose mushobora kubazwa. Ariko na none, Satani azajya ahagarara iruhande rw'ababarwanya kugirango abashishikarize kuvuga ibintu bigoye kwihanganira; kugirango atume muvuga ibintu mudatekerejeho, ariko nimureke ibiganiro byanyu bijye bibaho ku buryo butuma Satani atabonera urwaho ku magambo yanyu." – *Urwibutso n'Integuza,* kuwa 3 Gicurasi 1887.

## 3. UBUTWARI MBERE Y'UKUBA IMPUMYI KU BUSHAKE

Kuwa Gatatu
3 Kamena

**a. Ubwo bananirwaga kuyobya uwo musore wahumuwe, ni gute Abafarisayo bamusuzuguye; kandi se ni gute ubwo bujiji bwagiye bugaragara mu mateka y'igihe cyose? Yohana 9:28,29; 1Abakorinto 1:18,19; 26 – 28.**

---

"Imana ifitiye itorero Ryayo muri buri gisekuru ukuri kudasanzwe n'umurimo udasanzwe. Ukuri guhishwe abanyabwenge n'abahanga bo mu isi, guhishurirwa abantu bameze nk'abana bato kandi bicisha bugufi. Bisaba kwitanga. Hari intambara zigomba kurwanwa n'insinzi zigomba kugerwaho. Ku ikubitiro, abiyemeza [kurwana urwo rugamba] baba ari bake. Abakomeye bo mu isi hamwe n'ab'itorero bifatanya n'isi, barabarwanya kandi bakabasuzugura....

"Abayobozi bakomeye batekerereza amadini muri iki gihe, basingiza kandi bakubaka inzibutso z'abantu bateye imbuto y'ukuri mu binyejana byinshi bishize. Mbese abantu benshi ntibatera umugongo uwo murimo, kugirango bakandagire imbuto zikura muri iki gihe zivuye kuri [za zindi] zabibwe? Ijwi rya kera rirasubirwamo ngo: 'Tuzi yuko Imana yavuganye na Mose, ariko uwo muntu [Kristo mu ntumwa yohereza] ntituzi aho yaturutse.' Yohana 9:29. Nk'uko byari bimeze mu bihe bya kera, muri iki gihe ukuri kudasanzwe ntikuboneka mu bayobozi b'itorero, ahubwo kuboneka mu bagabo n'abagore batigishijwe cyane cyangwa abanyabwenge cyane ku buryo byababuza kwizera ijambo ry'Imana." – *Imigani ya Kristo,* p.78,79.

**b. Ni uruhe rugero dushobora kwigira ku buhamya budakebakeba bwatanzwe n'uwo musore hamwe n'abandi bizera Kristo bafite imitima itaryarya? Yohana 9:30 – 33; Ibyakozwe n'Intumwa 4:19,20.**

---

"Mu kwiyoroshya kose, mu mwuka w'ubuntu no mu rukundo rw'Imana, tugomba kwerekeza abantu ku ngingo ishimangira ko Umwami Imana ari Umuremyi w'ijuru n'isi, kandi ko umunsi wa Karindwi ari Isabato y'Uwiteka.

"Tugomba kujya mbere mu izina ry'Uwiteka, tugashyira ahagaragara ibendera Rye, tugashyigikira ijambo Rye. Mu gihe abayobozi badutegetse kudakora uwo murimo, mu gihe batubujije kwamamaza amategeko y'Imana no kwizera kwa Yesu, icyo gihe bizaba ngombwa ko tuvuga nk'uko intumwa zavuze: 'Niba ari byiza imbere y'Imana kubumvira kuruta Imana nimuhitemo, kuko tutabasha kwiyumanganya ngo tureke kuvuga ibyo twabonye kandi twumvise.' Ibyakozwe n'Intumwa 4:19,20." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 6, p.395.

## 4. INYIFATO Y'UMWIJIMA N'IBIKORWA BY'UMWIJIMA

Kuwa Kane
4 Kamena

**a. Kubera ko Abafarisayo bari barakaye batifuzaga kwemera ibihamya, mbese ni iki bakoreye wa musore wahamije ko yakize? Yohana 9:34.**

---

---

"Uwari impumyi yahanganiye n'Abafarisayo mu bibazo byabo. Ntawashoboraga kugisha impaka amagambo ye. Abafarisayo baratangaye cyane, babura amahoro n'icyo bavuga kubera amagambo ye asobanutse n'uburyo yavugaga ashize amanga. Bamaze akanya bacecetse. Maze abo batambyi n'abigisha bararakara, bafata amakanzu yabo bayiyegereje nk'abafite ubwoba bw'uko amakanzu yabo amukozeho yabahumanya; bakunkumura umukungugu wari mu nkweto zabo, bamubwira amagambo yo kumutuka bati, "Wowe wavukiye mu byaha bisa, ni wowe utwigisha?" Hanyuma bamusunikira hanze." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.474.

**b. Mu buryo bunyuranye n'ubwo, ni gute Yesu yagenjereje uwo musore? Yohana 9:35 – 38.**

---

"Uwari impumyi yapfukamye ku birenge by'Umukiza maze aramuramya. Uretse guhumuka amaso ye y'umubiri, n'amaso y'umutima we yarahumutse. Kristo yihishuriye umutima we maze amwemera nk'Uwavuye ku Mana." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.475.

**c. Sobanura itandukaniro rikomeye riri hagati yo kwirukana abantu b'ibyigomeke b'abahemu, n'abahakana Kristo buhumyi babikoranye ubupfapfa, bakirukana abantu bumvira Imana babikunze. 1Abami 9:6 – 9; Matayo 12:31,32; Zaburi 11:3.**

---

"[Wikilife yabonye ko] nta muntu ufite ubushobozi bwo kubabarira ibyaha cyangwa ubwo guca umuntu mu itorero kereka uwo muntu ubwe abanje kwizanira gucirwaho iteka n'Imana." – *Intambara Ikomeye*, p.84.

"Kurwanywa niwo mugabane w'abantu bose Imana igenda ikoresha kugira ngo bageze ukuri kwihariye kureba abo mu bihe byabo. Mu gihe cya Luteri hari hariho ukuri kw'ingenzi kugenewe ab'icyo gihe. Muri iki gihe naho, hari ukuri kugenewe itorero..... Abantu bigisha ukuri gukwiriye iki gihe ntibagomba kwitega ko bazakirwa neza kuruta uko byagendekeye abagorozi bo mu bihe byashize. Intambara ikomeye hagati y'ukuri n'ikinyoma, hagati ya Kristo na Satani izarushaho gukaza umurego kugeza ku iherezo ry'amateka y'isi." – *Ibid.*, p.143,144.

## 5. GUHIRWA NO GUCIRWA URUBANZA N'UMUCYO

Kuwa Gatanu
5 Kamena

**a. Ni iki Yesu yavuze ku byerekeranye n'umusaruro wavuye mu murimo We? Yohana 9:39.**

---

---

"Itsinda ry'Abafarisayo bari bateraniye aho hafi, maze Yesu ababonye atekereza itandukaniro rikomeye ryagaragaye bitewe n'amagambo n'ibikorwa Bye... Kristo yazanywe no guhumura impumyi, no kugeza umucyo ku bari mu mwijima. Yavuze ko ari we mucyo w'isi kandi igitangaza yari amaze gukora cyahamyaga umurimo We. Abantu babonye Umukiza ubwo yazaga ku isi bagize amahirwe akomeye yo kubona uburyo Imana yigaragaza kurusha uko byagendekeye ababayeho mbere. Bahawe ubumenyi ku byerekeye Imana mu buryo bwuzuye. Ariko muri iri hishurwa ni nako urubanza rwageraga ku bantu. Imico yabo yashyizwe ku gipimo, iherezo ryabo riragaragazwa." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.475.

**b. Mbese Abafarisayo bakiriye bate amagambo ya Kristo? Yohana 9:40. Mu gihe Yesu yavuganaga na bo, ni gute yashyize ahagaragara icyaha cyabo cy'ubuhumyi bwabo? Yohana 9:41.**

---

---

"Ukwigaragaza kw'imbaraga mvajuru yari yahumuye uwari impumyi, agahumuka amaso y'umubiri n'ay'umutima kwasize Abafarisayo bari mu mwijima w'icuraburindi..... Iyo Imana itabereka ukuri, ubujiji bwanyu ntibwari kubabera icyaha. "Ariko none kuko muvuga yuko mureba." Mwibeshya ko mubona maze mukanga icyabahesha guhumuka. Yesu yazaniye ubufasha butagereranywa abantu bose basobanukiwe ubukene bwabo. Nyamara Abafarisayo ntibemeye ko bakennye; banze gusanga Kristo, maze bituma basigara mu buhumyi bo ubwabo bizaniye. Yesu yaravuze ati, "Icyaha cyanyu gihoraho." – Ibid.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
6 Kamena

1. Ni iki Abafarisayo bagerageje kwemeza uwo muntu wahoze ari impumyi?
2. Ni nde wakoreshaga Abafarisayo batizera?
3. Ni nde wafashije uwo musore gutanga ibisubizo bisobanutse kandi byemeza?
4. Byagenze bite igihe yamamazaga Kristo ashize amanga kandi ku mugaragaro?
5. Sobanura mu by'ukuri uburyo bubi cyane kurusha ubundi bwose bw'ubuhumyi n'impamvu yabwo.

Ku Isabato, 14 Kamena 2025

**Icyigisho 11**

# Yesu, Umwungeri Mwiza

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Ni jye mwungeri mwiza. Umwungeri mwiza apfira intama ze." (Yohana 10:11).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.476 – 484*.*

"Kristo ni we Rembo akaba n'Umwungeri. Yinjira anyuze muri We ubwe. Kandi binyuze mu gitambo Cye ahinduka umwungeri w'intama." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.478.

## 1. UMUJURA N'UMWUNGERI

Kuwa Mbere
8 Kamena

a. Ni gute Yesu yashyize itandukaniro hagati y'umujura n'umwungeri, kandi ni irihe somo ry'iby'umwuka yashakaga gutanga? Yohana 10:1,2.

"Kristo yakoresheje aya magambo y'ubuhanuzi [Iki kigereranyo cyari cyarakoreshejwe havugwa iby'umurimo wa Mesiya muri Yesaya 49:9 – 11; Zaburi 23:1; na Ezekiyeli 34:2316,25,28] yiyerekezaho, kandi yerekanye itandukaniro ryari hagati y'imico Ye n'iy'abayobozi b'Abisirayeli. Abafarisayo bari bamaze kwirukana umwe wo mu mukumbi, bamuhora yuko yatinyutse guhamya imbaraga za Kristo. Bari birukanye umuntu Umwungeri nyakuri yiyegerezaga. Igihe bakoraga ibi, bagaragaje ko badasobanukiwe n'umurimo bashinzwe, kandi ko batari bakwiye kwiringirwa nk'abungeri b'umukumbi. Noneho Yesu yabashyize imbere itandukaniro riri hagati yabo n'Umwungeri mwiza, maze abagaragariza ko ari we mwungeri nyawe w'umukumbi w'Imana." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.477.

"Kristo aradukunda kubera ko tutishoboye kandi tukaba dukeneye uwo kwishingikirizaho [kugirango tubeho]" – *Ibibwirizwa n'Ibiganiro*, vol 1, p.248.

b. Ni iyihe sano iri hagati y'intama n'umwungeri wazo? Yohana 10:3,4. Ni iki intama zizakora imbere y'uwo zitazi? Yohana 10:5.

## 2. IREMBO RY'URWURI [RW'INTAMA]

Kuwa Kabiri
9 Kamena

**a. Ni gute Yesu yahishuye itandukaniro Rye n'Abafarisayo? Yohana 10:7 – 10.**

---

---

"Kristo ni we rembo ryinjira mu gikingi cy'Imana. Muri iri rembo, niho abana b'Imana bose binjiriye kuva mu bihe bya kera. Muri Yesu, nk'uko byagaragajwe mu bigereranyo no mu bishushanyo, nk'uko byagaragajwe mu ihishurwa ryahawe abahanuzi, bikerekanwa mu byigisho yahaye abigishwa Be, no mu bitangaza yakoreye abana b'abantu, babonye "Ntama w'Imana, ukuraho ibyaha by'abari mu isi." (Yohana 1:29), kandi banyuze muri We binjizwa mu gikingi cy'ubuntu Bwe. Abantu benshi baje bagaragaza ibindi byo gushingiraho ukwizera isi ikeneye; bashyizeho imihango na gahunda z'imikorere ibyo abantu biringiraga ko babiboneramo gutsindishirizwa n'amahoro biva ku Mana, maze kubw'ibyo babonye irembo ribinjiza mu gikingi cya Kristo. Nyamara irembo rimwe rukumbi ni Kristo, naho abantu bose bishyiriraho ikindi kintu kigafata umwanya wa Kristo, abantu bose bagerageje kwinjira mu mukumbi banyuze mu zindi nzira, abo bose ni abajura n'abanyazi.

"Abafarisayo bari barinjiye batanyuze mu Irembo. Bari baruriye bajya mu mukumbi banyuze mu yindi nzira itari Kristo, kandi ntabwo buzuzaga inshingano z'umwungeri nyakuri. Abatambyi n'abakuru, abanditsi n'Abafarisayo, bangije inzuri kandi bahumanya amasōko aturukamo amazi y'ubugingo. Amagambo y'ubuhanuzi avuga neza iby'abo bungeri gito: "Izacitse intege ntimwazisindagije, kandi ntabwo mwavuye izari zirwaye n'izavunitse ntimwazunze, izatatanijwe ntimwazigaruye, kandi ntimwashatse izazimiye; ahubwo mwazitegekesheje igitugu n'umwaga." Ezekiyeli 34:4." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.477,478.

**b. Ni gute umwungeri nyakuri atandukanye n'umukozi ukorera ibihembo? Yohana 10:11 – 13.**

---

"Hakenewe abantu, atari ba bandi bashobora kubwiriza gusa; ahubwo hakenewe n'abafite ubumenyi buturuka ku bunararibonye bazi ubwiru bwo kubaha Imana, n'abashobora guhaza ibyo abantu bakeneye byihutirwa, ba bandi basobanukiwe akamaro k'umwanya wabo wo kuba abagaragu ba Yesu, kandi bakaba bazanezezwa no gutwara umusaraba Kristo yabigishije kwikorera.

"Ni ingirakamaro cyane ko umupasiteri yifatanya cyane n'abantu be, bityo akamenyera ibintu bitandukanye biranga kamere muntu. Agomba kwiga imikorere y'ubwenge, kugirango ashobore guhuza inyigisho ze n'ubwenge bw'abamwumva. Muri ubwo buryo, azamenya ko kugira ubuntu ari ingeso igirwa gusa n'abiga neza imiterere y'abantu n'ibyo bakeneye." – *Ababwiriza b'Ubutumwa Bwiza*, p.191.

## 3. IKIGERERANYO CY'UMWUNGERI MWIZA

Kuwa Gatatu
10 Kamena

a. Ni ikihe kintu kindi kiranga umwungeri mwiza Yesu yagaragaje? Yohana 10:14,15.

---

---

"Nk'uko hano ku isi umwungeri amenya intama ze, niko Umwungeri wo mu ijuru azi umukumbi We watataniye hirya no hino ku isi. "Namwe ntama zanjye, intama z'urwuri rwanjye, muri abantu, nanjye ndi Imana yanyu, niko Umwami Uwiteka avuga." Yesu aravuga ati: "Naguhamagaye mu izina ryawe uri uwanjye." "Dore nguciye mu biganza byanjye nk'uca imanzi." Ezekiyeli 34:31 ; Yesaya 43:1 ; 49:16.

"Yesu azi buri muntu ku giti cye, kandi agerwaho n'intege nke zacu. Twese aratuzi mu mazina yacu. Azi inzu dutuyemo, kandi azi izina ry'umuntu wese uyibamo. Incuro nyinshi yagiye aha amabwiriza abagaragu Be ngo bace mu nzira runaka mu mujyi uyu n'uyu, ku nzu runaka kugira ngo bahabone imwe mu ntama Ze.

"Yesu azi neza umuntu wese ku giti cye nk'aho ari we wenyine Umukiza yapfiriye. Intimba ya buri wese imukora ku mutima. Ugutaka k'umuntu ukeneye ubufasha kugera mu matwi Ye. Yazanywe no kwireherezaho abantu bose. Arababwira ati: "Nimunkurikire," kandi Umwuka We agera ku mitima yabo akabararikira kumusanga. Benshi banga kurarika Kwe. Yesu arabazi kandi azi abakirana umunezero guhamagara Kwe, bakitegura kujya mu rwuri Rwe. Yesu aravuga ati: "Intama zanjye zimenya ijwi ryanjye, kandi ndazizi, nazo zirankurikira." Yesu yita kuri buri ntama nk'aho nta yindi ntama iri ku isi." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.479,480.

b. Ni izihe ntama zindi Yesu yerekanye ko zimuhangayikishije? Yohana 10:16.

---

"Yesu yatekereje iby'abantu batataniye ku isi bayobejwe n'abungeri b'ibinyoma. Abo yifuzaga gukusanyiriza mu rwuri nk'intama zo mu rwuri Rwe, bari baratatanyirijwe hagati y'amasega. Yesu yaravuze ati: "Mfite n'izindi ntama zitari izo muri uru rugo, nazo nkwiriye kuzizana. Zizumva ijwi ryanjye kandi zizaba umukumbi umwe, zigire umwungeri umwe." Yohana 10:16." – *Ibid*., p.483.

"Imana ifite imaragarita z'agaciro kenshi mu matorero yose, kandi kunenga amatorero tuyita ayo mu isi; si inshingano yacu. Ahubwo mu kwicisha bugufi no mu rukundo, [nimutyo] tugaragarize bose ukuri nk'uko kuri muri Yesu. Nimureke abantu babone ubwitange no kwiyegurira Imana [kwacu], nimutyo batubonemo imico isa nk'iya Kristo, kandi bazumva bareherejwe ku kuri." – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya*, vol 4, p.1184.

## 4. IMBARAGA Z'IMANA



**a. Ni izihe mbaraga z'Imana Yesu yavuze ko yari afite? Yohana 10:17,18.**

" 'Igituma Data ankunda ni uko ntanga ubugingo bwanjye ngo mbusubirane.' Ibyo bisobanuye ngo: "Data yarabakunze cyane, kandi yarankunze bihebuje kuko natanze ubugingo bwanjye kugira ngo mbacungure. Mu guhinduka inshungu yanyu ndetse n'ubwishingizi bwanyu, mu gutanga ubugingo bwanjye ndetse nkikorera ibicumuro byanyu, bituma Data ankunda cyane.

"Ntanga ubugingo bwanjye kugira ngo mbusubirane. Ntawe ubunyaka, ahubwo mbutanga ku bushake bwanjye. Nshobora kubutanga kandi nshobora kubusubirana." Igihe yari umwe mu bagize umuryango w'inyokomuntu, yari umuntu nkatwe; nk'Imana yari isōko y'ubugingo ku batuye isi. Yesu yashoboraga kureka urupfu rugakomeza kuganza maze ntiyemere kuza ngo agengwe na rwo; icyakora ku bushake Bwe yemeye gutanga ubugingo Bwe kugira ngo ashyire ahabona ubugingo no kudapfa. Yikoreye icyaha cy'abatuye isi, yihanganira umuvumo wacyo, atanga ubugingo Bwe ho igitambo kugira ngo abantu be kuzapfa by'iteka ryose. "Ni ukuri intimba zacu ni zo yishyizeho, imibabaro yacu ni yo yikoreye... Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha. Twese twayobye nk'intama zizimiye, twese twabaye intatane, Uwiteka amushyiraho gukiranirwa kwacu twese." Yesaya 53: 4-6." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.483,484.

**b. Ni iki kiyobora abantu ku gukurikira Kristo? Yohana 10:27; 1Yohana 4:10,19.**

"Ntabwo ubwoba bwo gutinya guhanwa, cyangwa ibyiringiro by'ingororano izahoraho ari byo bituma abayoboke ba Kristo bamukurikira. Ahubwo bitegereza urukundo rw'Umukiza rutagereranywa rwagaragarijwe mu rugendo rwe rwa hano ku isi, kuva igihe yari mu muvure w'inka i Betelehemu kugeza ubwo yapfiraga ku musaraba w'i Kaluvari, kandi kumwitegereza birabareshya, byoroshya umutima kandi bikawigarurira. Urukundo rukanguka mu mutima w'abamuhanga amaso. Bumva ijwi Rye maze bakamukurikira." – *Ibid*., p.480.

"Tuzirikana imibereho Ye ku si, igitambo yadutangiye, umurimo akorera mu ijuru nk'umuvugizi wacu n'amazu ari gutegurira abamukunda, bityo tugaherako dutangara tuti, 'Mbega uburebure bw'igihagararo n'uburebure bw'ikijyepfo by'urukundo rwa Kristo!' " – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.334.

## 5. UBWISHINGIZI BUDUHESHA AGAKIZA

Kuwa Gatanu
12 Kamena

**a. Ni ubuhe bwishingizi Yesu aha intama Ze? Yohana 10:28,29.**

---

---

“Nubwo ubu Yesu yazamutse akajya ku Mana kandi akaba yicaranye na Se ku ntebe y’ubwami bw’isi n’ijuru, Yesu ntiyigeze ahindura na hato kamere Ye y’impuhwe. N’uyu munsi, wa mutima we w’impuhwe n’imbabazi wakira ingorane zose z’inyokomuntu. Uyu munsi aracyarambuye kwa kuboko Kwe kwatewe imisumari kugira ngo ahe umugisha mwinshi abantu Be bari ku isi. “Nta kibi kizababaho, kandi ntawe uzabavana mu maboko yanjye.” Umuntu wiyeguriye Kristo ni uw’agaciro kenshi mu maso Ye kuruta isi yose. Umukiza yari kwemera kubabarizwa ku musaraba w’i Kaluvari kugira ngo umuntu naho yaba umwe acungurirwe mu bwami Bwe. Ntabwo azigera atererana uwo yapfiriye. Keretse abayoboke Be nibahitamo kumuvaho, naho We azabanambaho.” – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.480-483.

**b. Mbese umutekano wacu mu by’umwuka n’ubwishingizi bwacu bw’agakiza bishingiye ku ki? Abaroma 8:31 – 39.**

---

---

“Mu ijuru, niho Kristo asabira Itorero Rye – asabira abo yishyuriye igiciro cy’incungu cy’amaraso Ye. Imyaka amagana menshi ntishobora kugabanya ubushobozi bw’igitambo Cye cy’impongano. Bwaba ubugingo cyangwa urupfu, uburebure bw’igihagararo cyangwa uburebure bw’ikijyepfo ntibishobora kudutandukanya n’urukundo rw’Imana ruri muri Kristo Yesu; bidatewe n’uko tumufata tukamukomeza cyane; ahubwo bitewe n’uko ari We udufata akadukomeza. Iyaba agakiza kacu katurukaga ku mihati yacu bwite, ntitwashoboraga gukizwa; ahubwo gashingiye ku Uwatanze amasezerano yose. Kumufata kwacu gushobora kugaragara ko gutentebutse; ariko urukundo Rwe ni urwa mukuru wacu. Igihe cyose dukomeje komatana na We, nta n’umwe ushobora kudukura mu kiganza Cye.” – *Ibyakozwe n’Intumwa,* p.552,553.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
13 Kamena

1. Sobanura itandukaniro riri hagati y’imyitwarire y’umwungeri n’iy’umujura.
2. Ni ikihe kimenyetso kindi Yesu yifashishije kugirango yigaragaze uwo ariwe?
3. Mbese abungeri nyakuri ndetse n’intama zabo bitwara bate?
4. Kubera iki intama zikurikira umwungeri, ntizikurikire umuntu zitazi?
5. Sobanura ukuntu dushobora kugira ubwishingizi buduhesha agakiza.

Ku Isabato, 21 Kamena 2025

**Icyigisho 12**

# Yesu na Lazaro

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Urupfu rw'abakunzi be, Ni urw'igiciro cyinshi mu maso y'Uwiteka." (Zaburi 116:15).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Umurimo wo Gukiza,* p.219 – 224.

"Muri Kristo niho hari ubugingo bw'umwimerere, bwuzuye kandi butagabanyije… Ubumana bwa Kristo ni ubwishingizi ku mwizera wese ko afite ubugingo buhoraho." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.530.

## 1. UMURYANGO W'I BETANIYA

Kuwa Mbere
15 Kamena

**a. Ni abahe bigishwa Yesu yari afite mu mujyi wa Betaniya? Yohana 11:5.**

---

"Umutima [wa Kristo] wakundaga cyane uwo muryango w'i Betaniya kandi igikorwa Cye gitangaje kurusha ibindi yagikoreye umwe mu bagize uwo muryango.

"Yesu yari yaragiye aruhukira mu muryango wa Lazaro kenshi. Umukiza ntiyagiraga urugo Rwe bwite; ahubwo yacumbikirwaga n'incuti n'abigishwa Be, kandi akenshi iyo yumvaga ananiwe, akeneye ko abantu bamuba hafi, yanezezwaga no kujya muri uyu muryango warangwaga n'ituze, kure y'urwikekwe n'ishyari by'Abafarisayo babaga bamurakariye. Muri uwo muryango bamwakiranaga urugwiro kandi bakamugaragariza ubucuti buzira amakemwa. Muri uru rugo yashoboraga kuvuga akoresheje imvugo yoroshye, akisanzura, kuko yari azi neza ko amagambo Ye ari bwumvikane kandi agahabwa agaciro." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.524.

**b. Ni ubuhe bwoko bw'urugo Imana ibamo ikanaruzanira imigisha Yayo myinshi cyane? Imigani 3:33 (ahaheruka).**

---

"Umukiza wacu yakundaga uru rugo rwarangwaga n'ituze ndetse n'abantu bamutegera amatwi babyitayeho. Na we yakeneraga urugwiro, ubusabane ndetse no kugaragarizwa kwitabwaho n'abantu. Abantu bose bemeraga kwakira ubutumwa mvajuru yahoraga yiteguye kubagezaho, bahabwaga umugisha ukomeye." – Ibid.

## 2. LAZARO AFATWA N'UBURWAYI

Kuwa Kabiri
16 Kamena

**a. Ni iki bashiki ba Lazaro bakoze igihe musaza wabo yari arwaye cyane, kandi ni ikihe gisubizo bahawe? Yohana 11:1 – 4.**

"Lazaro yafashwe n'indwara itunguranye, maze bashiki be batuma kuri Yesu, baramubwira bati: "Databuja, uwo ukunda ararwaye." Babonaga ko indwara ikomereye cyane musaza wabo, ariko bari bazi neza ko Kristo ashoboye gukiza indwara z'amoko yose. Bari bizeye ko ari bubagirire impuhwe mu gahinda kabo; maze bituma batihutira kumutumaho ngo aze iwabo byihuse, ahubwo bamwoherereza gusa ubutumwa buvuga ngo: "Uwo ukunda ararwaye." Bibwiye ko ari buhite asubiza ubutumwa bwabo maze akaza yihuse akabasanga i Betaniya.

"Bategereje icyo Yesu ari buvuge bahangayitse. Mu gihe cyose musaza wabo yari agihumeka, barasengaga bategereza ko Yesu aza. Nyamara uwo batumye yagarutse atazanye na Yesu, icyakora yazanye ubutumwa buvuga ngo: "Iyo ndwara si iyo kumwica," maze bituma bakomeza kugira icyizere ko Lazaro azakira. Bagerageje gukomeza guhumuriza uwari indembe azahaye cyane bamubwira amagambo yo kumutera ibyiringiro no kumukomeza." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.525,526.

**b. Sobanura amagambo Kristo yavuze n'ibikorwa yakoze mu minsi mike yakurikiyeho. Yohana 11:5 – 8.**

"Muri iyo minsi ibiri Kristo yasaga n'uwirengagije mu bwenge Bwe ubwo butumwa kuko atongeye kuvuga ibyerekeye Lazaro. Byatumye abigishwa ba Yesu batekereza ibyerekeye Yohana Umubatiza, wabaye integuza ya Yesu. Bajyaga bibaza impamvu Yesu, wari ufite ubushobozi bwo gukora ibitangaza bikomeye, yemeye ko Yohana ahera mu nzu y'imbohe, ndetse agapfa urupfu rubi. Ni iki cyatumye Yesu atarwana ku buzima bwa Yohana kandi yari abifitiye ubushobozi? Iki kibazo cyakunze gusubirwamo kenshi n'Abafarisayo bakagikoresha nk'igihamya kitagishwa impaka bahakana ko Yesu atari Umwana w'Imana. Umukiza yari yaraburiye abigishwa Be ko bazahura n'ibigeragezo, ibihombo no gutotezwa. Mbese yashoboraga kubahana mu bigeragezo? Bamwe bageze aho bibaza niba bataribeshye ku murimo yaje gukora. Bose bari bahagaritse umutima cyane....

"Abigishwa bibajije impamvu Yesu yategereje iminsi ibiri yose ngo abone kujya i Yudaya. Intekerezo zabo zuzuye ubwoba bw'ibishobora kuba kuri Yesu ndetse no kuri bo ubwabo. Inzira bari bagiye kunyuramo nta kindi bashoboraga kuyibonamo uretse akaga." – *Ibid.*, p.526,527.

## 3. IBYIRINGIRO BITURUTSE MU GUTENTEBUKA



**a. Ni ubuhe butumwa burambye dushobora gukura ku buryo Kristo yakemuye ikibazo cy'ibintu by'urusobe byari byarabaye mu gihe cy'uburwayi bwa Lazaro? Yohana 11:9,10.**

"Abantu bashobora kuba barabaye abakorana na Kristo, ariko bakaba barirengagije intumwa n'ubutumwa zitwaye, bazayoberwa icyerekezo cy'aho bagana. Bazagendera mu mwijima, kandi ntibazamenya icyo bazasitaraho. Bene abo biteguye gushukwa n'ubuyobe bwo mu minsi y'imperuka. Ubwenge bwabo buhugiye ku by'agaciro gake, maze bakabura ihirwe ry'agahebuzo ryo kwifatanya na Kristo, no kuba abakorana n'Imana." – *Amahameshingiro y'Uburezi bwa Gikristo*, p.471.

**b. Ni irihe hishurwa ritangaje Yesu yahaye abigishwa Be, nyamara se ni gute basobanuye amagambo Ye? Yohana 11:11,12.**

"Avuze atyo aherako arababwira ati: 'Incuti yacu Lazaro irasinziriye, ariko ngiye kumukangura.' 'Incuti yacu Lazaro irasinziriye.' Mbega uburyo ayo magambo akora ku mutima! Mbega uburyo yari yuzuye impuhwe! Ubwo batekerezaga ingorane Umwigisha wabo yendaga guhura na zo abitewe no kujya i Yerusalemu, abigishwa ba Yesu bari bari hafi kwibagirwa burundu uwo muryango w'i Betaniya wari mu cyunamo. Nyamara kuri Kristo we si ko byari biri. Abigishwa bumvise bigaye cyane. Bari babanje gucibwa intege n'uko Yesu atihutiye kugira icyo akora ku butumwa yari yahawe. Bari babanje kwibwira ko Yesu adakunda Lazaro na bashiki be nk'uko babitekerezaga, kubera ko aba yarihutiye kujyana n'intumwa yoherejwe na bashiki ba Lazaro. Ariko amagambo Yesu yavuze ati: 'Incuti yacu irasinziriye' yakanguye intekerezo nzima mu bigishwa ba Yesu. Bemeye badashidikanya ko Yesu atigeze yibagirwa incuti Ze ziri mu bihe by'umubabaro." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.527.

**c. Sobanura icyo mu by'ukuri amagambo ya Kristo ashatse kuvuga. Yohana 11:13,14.**

"Kristo yagaragaje urupfu rw'abana Be bamwizera ko rumeze nk'ibitotsi. Ubuzima bwabo buhishanywe na Kristo mu Mana, kandi kugeza igihe impanda iheruka izavuga, abapfa basinzirira muri We." – Ibid.

## 4. GUTEGEREZA, GUTEGEREZA, GUTEGEREZA

Kuwa Kane
18 Kamena

a. Kuki Yesu yagumye kure ya Betaniya na nyuma yo kumenya ko Lazaro yapfuye? Yohana 11:15.

---

"Abigishwa batangajwe n'amagambo ya Kristo ubwo yavugaga ati: 'Lazaro yarapfuye. Nanjye nezerewe ku bwanyu.... kuko ntari mpari.' Mbese Yesu yaba yaranze kujya kureba incuti Ze zari mu byago bikomotse ku bushake Bwe? Mu bigaragara Mariya na Marita na Lazaro wari urembye cyane bari bonyine. Nyamara mu by'ukuri ntibari bonyine. Kristo yitegerezaga ibyababagaho byose, kandi na nyuma y'urupfu rwa Lazaro, bashiki be bari bashavuye bakomezwaga n'ubuntu bwa Kristo. Yesu yitegerezaga intimba yari mu mitima yabo ubwo musaza wabo yakiranaga n'umwanzi we ukomeye, urupfu. Na we yashengurwaga n'agahinda kenshi ubwo yabwiraga abigishwa Be ati: 'Lazaro yarapfuye.' Nyamara Kristo ntiyatekerezaga gusa incuti Ze z'i Betaniya; ahubwo yanitaga ku guhugura abigishwa Be. Bagombaga kuzamuhagararira mu isi, kugira ngo imigisha ya Data wa twese ibone uko igera ku bantu bose. Yesu yemeye ko Lazaro apfa kugira ngo abigishwa bahakure icyigisho. Iyo aza kumukiza indwara yari arwaye, igitangaza gikomeye Yesu yakoze cyagaragaje kamere Ye y'ubumana nticyari gukorwa." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.528.

b. Ni iki tugomba kumenya mu buryo Umuganga Mukuru yemeye ko Lazaro, incuti Ye, arwara akaremba ndetse agapfa? 1Abakorinto 15:17 – 19; Zaburi 18:28.

---

---

"Umurimo [wa Kristo] ntiwarangiriye ku kugaragaza imbaraga Ze zo gukiza indwara. Buri gikorwa cyose cyo gukiza yagikoraga kugirango ashyire mu mutima w'umuntu amahame y'Imana agaragaza urukundo n'ineza Byayo." – *Inama ku Buzima*, p.249.

"Iyo Kristo aza kuba mu cyumba Lazaro yari arwariyemo; ntiyari gupfa kubera ko Satani atari kumugiraho ububasha. Urupfu ntirwari gushobora kumuhamya umwambi warwo kandi Umutangabugingo ahibereye. Bityo, Kristo yagumye kure y'aho. Yemereye umubisha gukoresha ububasha bwe, kugira ngo hanyuma amwirukane, amuneshe. Yemeye ko Lazaro atwarwa n'urupfu; yemera ko bashiki be bari bashavuye bamubona aryamye mu gituro. Kristo yari azi ko ubwo bitegerezaga mu maso h'umurambo wa musaza wabo, kwizera bari bafitiye Umucunguzi wabo kwari kugeragezwa bikomeye. Ariko yari azi ko kubera ingorane barimo, ukwizera kwabo kwari kumurika gufite imbaraga nyinshi. Kristo yashengurwaga n'agahinda bari bafite. Kuba yaratinze kuza, si uko atabakundaga cyane, ahubwo Kristo yari azi ko hari insinzi igomba kubonerwa Lazaro, Kristo ubwe ndetse n'abigishwa Be." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.528.

## 5. BURI GIHE SIKO IBINTU BIGENDA NKUKO TUBYITEZE....

Kuwa Gatanu
19 Kamena

a. Ni iki buri gihe tugomba kuzirikana ku byerekeranye n'urupfu rw'abagaragu b'Imana b'indahemuka, tutitaye ku buryo rwaba rumeze kose? Zaburi 116:15. Tanga urugero.

"Ntabwo Elisa yahawe gukurikira shebuja mu igare ryaka umuriro. Uwiteka yemeye ko afatwa n'uburwayi bwamumazeho igihe kirekire. Mu masaha maremare y'ugucika intege kwa kimuntu no kubabara kwe, ukwizera kwa Elisa kwakomeje komatana n'amasezerano y'Imana, kandi iteka ahamukikije yahabonaga intumwa ziturutse mu ijuru zije kumuhumuriza no kumukomeza.... Ukwizera kwe kwari kwarakuze kumutera kwiringira Imana ubudatezuka, kandi igihe urupfu rwamugeraga amajanja yari yiteguye kuruhuka imiruho ye." – *Abahanuzi n'Abami,* p.263,264.

b. Ni ibihe bintu byabereye i Betaniya mbere yuko Yesu ahagera; kandi ni nde wundi wari uhari igihe yazaga? Yohana 11:17 – 19.

"Mu gutinda kujya kureba Lazaro, Kristo yari agambiriye kugaragariza imbabazi abantu bari bataramwakira. Yaratinze kugira ngo nazura Lazaro bishobore kubera ikindi gihamya abantu batizera kandi binangiye imitima, ko ari we kuzuka n'ubugingo. Ntabwo Yesu yifuzaga ko abantu babura ibyiringiro, abakene, intama zazimiye zo mu nzu ya Isirayeli. Umutima We washengurwaga no kutihana kwabo. Mu mbabazi Ze, yagambiriye kubaha ikindi gihamya kibereka ko ari we ushobora gutanga ubugingo no kudapfa. Iki cyagombaga kuba igihamya abatambyi batashoboraga kugoreka. Iyi ni yo mpamvu yatumye atinda kujya i Betaniya. Iki gitangaza gikomeye cyo kuzura Lazaro, cyari icyo gushyira ikimenyetso cy'Imana ku murimo We no ku byo yavugaga ko ari Imana." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.529.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

Kuwa Gatandatu
20 Kamena

1. Ni bande bari bagize umuryango wa Lazaro?
2. Ni ukubera iki Yesu atahise aha incuti Ze icyo zari zimusabye?
3. Abigishwa ba Kristo babyifashemo bate igihe babonaga inyifato Ye?
4. Ni gute abizera Kristo bagomba kubona urupfu?
5. Ni iyihe mpamvu yatumye Kristo yemera ko Lazaro apfa?

Ku Isabato, 28 Kamena 2025

**Icyigisho 13**

# Kuzuka n'Ubugingo

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Yesu aramubwira ati 'Ni jye kuzuka n'ubugingo, unyizera naho yaba yarapfuye azabaho." (Yohana 11:25).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ubutumwa Bwatoranyijwe,* vol 1, p.296 – 300.

"Ku wizera, urupfu ni akantu k'ubusabusa. Kristo aruvugaho nk'aho ari agahe kanzinya.... Ku Mukristo, urupfu ni ibitotsi, ni agahe umuntu amara acecetse kandi ari mu mwijima. Ubugingo bwe buba buhishanywe na Kristo mu Mana." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.787.

## 1. YESU I BETANIYA

Kuwa Mbere
22 Kamena

**a. Mbese ni iki Marita yakoze igihe yumvaga ko Yesu ari hafi kugera i Betaniya, kandi ni ikihe cyizere yagaragaje? Yohana 11:20 – 22.**

---

"Mu ncuti zari mu kababaro k'icyiriyo [zririra Lazaro], harimo abo muri uwo muryango; kandi bamwe muri bo bari bafite imyanya y'icyubahiro i Yerusalemu. Muri bo harimo abangaga Kristo urunuka. Kristo yari azi imigambi yabo maze bituma adahita yigaragaza. Ubutumwa bwagejejwe kuri Marita rwihishwa ku buryo abari kumwe na we mu cyumba batashoboye kubwumva.....

"Marita yihutiye gusanganira Yesu, umutima we wabuze amahwemo usimbagizwa n'ibizongamubiri by'urudaca. Yarebye mu maso ya Yesu abonamo impuhwe n'urukundo byari bisanzwe bimuranga. Yari afitiye Yesu icyizere gikomeye, ariko yatekerezaga kuri musaza we akunda cyane, uwo na Yesu yakundaga. Marita yari yuzuye intimba yamushenguraga umutima bitewe n'uko Yesu atari yaje mbere hose, nyamara kandi yari afite ibyiringiro yuko no muri ako kanya ashobora kugira icyo akora kugira ngo abahumurize. Marita yaravuze ati: 'Databuja, iyaba wari hano musaza wanjye ntaba yarapfuye.' Mu muborogo w'abaririraga Lazaro, bashiki be bari baragiye basubira muri ayo magambo incuro nyinshi.

"Mu mpuhwe za kimuntu n'iz'ubumana, Yesu yarebye mu maso ha Marita harangwaga n'agahinda no kwiheba. Ntabwo Marita yari ashoboye kumusubiriramo ibyari byabaye, ahubwo byose yabivuze muri aya magambo ateye impuhwe ati: "Databuja, iyaba wari hano musaza wanjye ntaba yarapfuye." Ariko yitegereje mu maso h'impuhwe n'urukundo ha Yesu maze yongeraho ati: 'Kandi n'ubu nzi yuko ibyo usabye Imana byose, Imana izabiguha.'" – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.529,530.

## 2. ISEZERANO NTAKUKA RY'IBYIRINGIRO

Kuwa Kabiri
23 Kamena

a. Mbese ni iki Yesu yijeje Marita? Yohana 11:23. Ni iki yabisobanukiweho? Yohana 11:24.

"Yesu yakomeje ukwizera kwa Marita amusubiza ati: 'Musaza wawe azazuka.' Igisubizo Yesu yatanze nticyari kigamije kwiringiza Marita impinduka y'ako kanya. Ahubwo Yesu yatumye ibitekerezo bya Marita birenga kuzuka kwa musaza we kw'ako kanya, maze abyerekeza ku muzuko w'abakiranutsi. Ibi Yesu yabikoreye kugira ngo Marita ashobore kubona mu kuzuka kwa Lazaro isezerano rikomeye ry'uko abakiranutsi bose bapfuye bazazuka, kandi bimwizeze ko imbaraga y'Umukiza ari yo izabazura.

"Marita yaramusubije ati: 'Nzi yuko azazuka mu muzuko wo ku munsi w'imperuka'." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.530.

b. Ni ayahe magambo Yesu yavuze yemeje umutima wa Marita? Yohana 11:25; 1Yohana 5:12.

"Yesu yakomeje gushaka uburyo yakebura ukwizera kwe akaguha icyerekezo nyakuri, maze aramubwira ati: 'Ni jye kuzuka n'ubugingo.' Muri Kristo ni ho hari ubugingo bw'umwimerere, bwuzuye kandi butagabanyije. 'Ufite uwo Mwana ni we ufite ubugingo.' 1Yohana 5:12. Ubumana bwa Kristo ni ubwishingizi ku mwizera wese ko afite ubugingo buhoraho." – Ibid.

c. Mbese ibyiringiro byacu bishingiye ku rihe sezerano rituma birenga igituro; kandi ni gute ukwemera kwa Marita gufitanye isano n'igitangaza cya Kristo? Yohana 5:26; 11:26,27.

"Ahangaha Kristo yerekezaga ku gihe azaba agarutse. Icyo gihe abakiranutsi bapfuye bazazuka bafite umubiri udapfa naho abakiranutsi bazaba bakiriho bazimurirwa mu ijuru badapfuye. Igitangaza Yesu yendaga gukora azura Lazaro mu bapfuye, cyashushanyaga umuzuko w'abakiranutsi bose bapfuye. Mu magambo Ye n'ibikorwa Bye, Kristo yahamije ko ari we ufite ubushobozi bwo kuzura abapfuye. Kristo ubwe wari hafi gupfira ku musaraba, yari afite imfunguzo z'urupfu, yanesheje igituro, kandi yahamije ubushobozi Bwe n'imbaraga byo gutanga ubugingo buhoraho." – Ibid.

## 3. YESU ARARIRA

Kuwa Gatatu
24 Kamena

a. Sobanura ibikorwa n'amagambo bya Mariya wari ufite agahinda. Yohana 11:28 – 32.

b. Ni iki Yesu yakoze igihe yabonaga Mariya na bamwe mu Bayuda barira, kandi ni ukubera iki? Yohana 11:33 – 35.

" 'Yesu amubonye arira, n'Abayuda bazanye na bo barira, asuhuza umutima, arawuhagarika.' Yasomaga ibiri mu mitima y'abari bateraniye aho bose. Yabonye ko abenshi mu bariraga mu buryo bwo kugaragaza agahinda, bigizaga nkana. Yari azi ko nyuma y'aho bamwe muri abo bagaragazaga agahinda mu buryarya, batari gutegura gusa umugambi wo kwica Uwakoraga ibitangaza bikomeye wenyine, ahubwo na none bari kugira n'umugambi wo kwica uwo yendaga kuzura. Kristo yashoboraga kubakuraho umwambaro wabo w'umubabaro bari biyambitse mu buryarya. Nyamara Kristo yirinze kubarakarira. Amagambo yagombaga kubabwira aberurira ukuri kose, ntiyayavuze bitewe na Mariya yakundaga wari umupfukamye imbere afite agahinda kenshi kandi wamwizeraga by'ukuri.

"Yesu yarabajije ati: 'Mbese mwamushyize he?' Baramusubije bati, "Databuja, ngwino urebe." Barakomezanyije bajya ku gituro. Cyari igihe cy'umubabaro mwinshi. Lazaro yarakundwaga cyane, kandi bashiki be bamuririraga bafite imitima ishengutse, mu gihe abari incuti za Lazaro bafatanyaga na bashiki be kurira. Abonye ukuntu abantu bafite umubabaro mwinshi, kandi abonye uburyo incuti za Lazaro zamuririraga cyane nyamara Umukiza w'isi ahagaze iruhande rwabo, "Yesu yararize." Nubwo yari Umwana w'Imana, yari yarambaye kamere ya kimuntu kandi yababazwaga n'abafite ishavu. Umutima wa Yesu w'impuhwe n'imbabazi uzirikana imibabaro y'abantu. Yesu arirana n'abarira kandi akishimana n'abishimye." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.533.

c. Ni gute ibyo bintu byabaye mu mibereho ya Yesu bigomba kutubera urugero? Abaroma 12:15.

"Urugero ruhebuje rwa Kristo, ubugwaneza butagira akagero yagaragarizaga abandi, kurirana n'abarira no kwishimana n'abishimye, bigomba kuba icyitegererezo gihindura imico y'abantu bose bamukurikira babikuye ku mutima. Binyuze mu magambo meza no mu bikorwa byiza, bazagerageza korohereza ibirenge binaniwe kunyura mu nzira." – *Umurimo wo Gukiza*, p.157,158.

## 4. UBUFATANYE HAGATI Y'IMANA N'UMUNTU

a. Ni irihe tegeko Yesu yahaye abari bamukikije? Yohana 11:39 (ahabanza). Marita yabyakiriye ate, kandi Yesu yamubwiye iki? Yohana 11:39 (ahaheruka).

---

"Iyo Uwiteka ari hafi kugira umurimo akora, Satani ashaka uwo yihangamo kugira ngo abangamire uwo murimo. Yesu yaravuze ati: "Nimukureho igitare." Mukore ibishoboka byose mutegure inzira kugira ngo nkore umurimo. Ariko kamere ya Marita yo kudata igihe no guhutiraho yarigaragaje. Ntabwo yashakaga ko umubiri wa musaza we wari watangiye kubora ushyirwa ahagaragara. Umutima w'umuntu ntabwo ujya wihutira gusobanukirwa n'amagambo ya Kristo, kandi Marita ntiyari yashoboye kumva neza ubusobanuro nyakuri bw'isezerano rya Yesu.

"Kristo yacyashye Marita, nyamara akoresha amagambo yuzuye kwiyoroshya. Yaramubwiye ati: "Sinakubwiye nti 'Niwizera uri bubone ubwiza bw'Imana'?" Kuki washidikanya ubushobozi bwanjye? Kuki utekereza ibihabanye n'ibyo nsaba? Ufite ijambo ryanjye. Niwizera uri bubone ubwiza bw'Imana. Ibisanzwe bidashoboka ntibibasha kubera inzitizi umurimo wa Nyirubushobozi bwose. Gushidikanya no kutizera bigaragaza kuticisha bugufi. Kwizera amagambo ya Kristo udashidikanya niko kwicisha bugufi nyakuri, no kwitanga byimazeyo.

"Nimukureho igitare." Kristo yashoboraga kuba yarategetse igitare kuvaho, kandi cyari kumvira ijwi Rye. Yashoboraga gutegeka abamarayika bari iruhande Rwe kubikora. Kubw'itegeko Rye, ibiganza bitagaragariraga amaso y'abantu byari gukuraho igitare. Nyamara cyagombaga kuvanwaho n'amaboko y'abantu. Muri ubwo buryo, Kristo yashatse kwerekana ko abantu bakwiriye gukorana n'Imana. Ibyo amaboko y'abantu ashobora gukora, si ngombwa ko ari Imana ibikora. Imana ntiyirengagiza ubufasha bw'umuntu. Imana imutera imbaraga kandi uko akoresha imbaraga n'ubushobozi yahawe Imana ifatanya nawe." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.535.

b. Ni ayahe magambo ya Kristo acyaha yitonze ukutizera kwacu muri iki gihe? Yohana 11:40.

---

"Abantu benshi ntibafite ukwizera kuzima. Niyo mpamvu batakibona ubwinshi bw'imbaraga z'Imana. Intege nke zabo ziterwa no kutizera kwabo..... Bagira imigambi kandi bakagira inama, ariko basenga gake cyane kandi biringira Imana by'ukuri mu rugero ruto. Bibwira ko bafite ukwizera, ariko ibyo ni ibyiyumvo by'akanya gato gusa. Kubera ko bananirwa kwiyumvisha ibyo bakeneye; cyangwa ubushake bw'Imana bwo gutanga, ntibakomeza gushimikira ku byo basaba imbere y'Uwiteka." – *Imigani ya Kristo*, p.145,146.

## 5. YESU AZURA LAZARO

**Kuwa Gatanu**
**26 Kamena**

a. Ni irihe sengesho Yesu yasenze ari iruhande rw'imva? Yohana 11:41,42.

---

"Itegeko rya Yesu ryarumviwe, igitare gikurwaho. Maze ibintu byose bikorerwa mu mucyo kandi ahagaragara. Abantu bose bahawe amahirwe yo kwibonera ko nta buriganya buri bukorwe. Umurambo wa Lazaro wari uryamishijwe mu mva ikorogoshowe mu rutare, ikonje kandi icuze umwijima w'urupfu. Urusaku rwose rw'abaririraga Lazaro rwaracecetse. Abantu bose baratangaye kandi bafite amatsiko, bahagarara iruhande rw'imva bategereje kureba ikigiye gukurikiraho.....

"Ahangaha Kristo yavuze ko Imana ari Se, kandi ahamya adashidikanya ko ari Umwana w'Imana." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.535,536.

b. Ni ayahe magambo Yesu yakoresheje igihe yazuraga Lazaro? Yohana 11:43. Ni iki cyabayeho ako kanya? Yohana 11:44.

---

"Ijwi [rya Kristo] ryumvikana neza kandi ricengera, ryinjiye mu matwi y'uwari wapfuye. Ubwo Yesu yavugaga, imbaraga y'ubumana yarabagiraniye mu bumuntu. Mu maso He harabagiranaga ubwiza bw'Imana, maze abantu babonamo igihamya cy'imbaraga Ze. Abantu bose bahanze amaso ku munwa w'igituro. Bose bateze amatwi ngo bumve ijwi rituje. Abantu bose bari bafite amatsiko menshi bategereje bihanganye, kugira ngo barebe niba koko Yesu ari Umwana w'Imana, cyangwa ngo bamuvaneho ibyiringiro byabo iteka ryose.


"Muri cya gituro gituje habayemo kunyeganyega, maze uwari wapfuye ahagarara ku muryango w'igituro.... Umuntu akwiriye gukorera undi. Lazaro ahamburwaho ya myambaro maze ahagarara imbere y'abari bateraniye aho. Ntabwo yari ameze nk'ukirutse uburwayi nta mbaraga afite mu maguru kandi adashinga, ahubwo yari ahagaze akomeye afite imbaraga za gisore. Mu maso he harabagiranaga ubwenge n'urukundo yari afitiye Umukiza. Yikubise ku birenge bya Yesu aramuramya." – *Ibid.*, p.536.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**27 Kamena**

1. Sobanura icyizere bashiki ba Lazaro bari bafitiye Yesu.
2. Ni iki Yesu yasezeraniye Marita, Mariya, n'abizera bose?
3. Ni ukubera iki Yesu yarize?
4. Ni gute ubumuntu bwakoranye n'ubumana muri iki gitangaza?
5. Sobanura ibikorwa bya Lazaro igihe Yesu yamuhamagaraga.

# Amaturo y'Isabato ya Mbere




## Ku Isabato, 5 Mata

### Azafasha kongera kubaka urusengero rw'i Porokorovuka, mu Burusiya

Jya wifatanya n'abandi mu murimo ugenda waguka ukorerwa mu gihugu kinini cyane kuruta ibindi ku isi.

( Reba p. 4 )



## Ku Isabato, 3 Gicurasi

### Azunganira umurimo w'ivugabutumwa ku isi yose

Haracyariho ahantu henshi hashya tugomba kujya, nimutyo rero dushyigikire uyu murimo w'Imana kugirango urangire.

( Reba p. 25 )




## Ku Isabato, 7 Kamena

### Azafasha kubaka insengero ebyiri i Tamili Nadu, mu Buhinde

U Buhinde bw'Amajyepfo bukeneye cyane ubutumwa bwiza; aya ni amahirwe yacu yo gufasha kugirango tugire icyo duhindura.

( Reba p. 51 )